INTEKO Y'UMUCO
RWANDA CULTURAL HERITAGE ACADEMY

# UMUCO NYARWANDA N'INDANGAGACIRO ZAWO MU ITERAMBERE

# UMURAGE

RWANDA CULTURAL HERITAGE JOURNAL

**IGAZETI Y'UBUSHAKASHATSI KU KINYARWANDA, UMUCO N'UMURAGE BY'U RWANDA**

**NOMERO YA KANE**

**NYAKANGA - UKUBOZA 2023**

INTEKO Y'UMUCO
RWANDA CULTURAL HERITAGE ACADEMY

# UMUCO NYARWANDA N'INDANGAGACIRO ZAWO MU ITERAMBERE

# UMURAGE

## RWANDA CULTURAL HERITAGE JOURNAL

**IGAZETI Y'UBUSHAKASHATSI KU KINYARWANDA, UMUCO N'UMURAGE BY'U RWANDA**

**NOMERO YA KANE**

**Nyakanga - Ukuboza 2023**

# UMURAGE

## RWANDA CULTURAL HERITAGE JOURNAL

### IGAZETI Y'UBUSHAKASHATSI KU KINYARWANDA, UMUCO N'UMURAGE BY'U RWANDA

**NOMERO YA KANE**

**Nyakanga - Ukuboza 2023**

**© Inteko y'Umuco, 2023**

**ISSN: 2789-1313**

**UBUYOBOZI BW'IGAZETI:** INTEKO Y'UMUCO

**UBWANDITSI BW'IYI NOMERO:**

UWIRINGIYIMANA Jean-Claude,
***Intebe y'Inteko Yungirije ushinzwe Kubungabunga no Guteza imbere Ururimi n'Umuco / Inteko y'Umuco***

NTAGWABIRA André,
***Umushakashatsi ku Bisigaratongo / Inteko y'Umuco***

MUSABEYEZU Théogène,
***Umukozi ushinzwe Ubuvanganzo n'Iyigandimi nyamubano / Inteko y'Umuco***

UWERA Marcelline,
***Umukozi ushinzwe Kubungabunga Ikinyarwanda n'Indangagaciro z'Umuco w' u Rwanda/Inteko y'Umuco***

*URAYENEZA Pontien,*
***Umushakashatsi ku Mateka n'Umuco / Inteko y'Umuco***

**ICYITONDERWA:**
Nubwo inyandiko zitangazwa muri iyi gazeti y'ubushakashatsi zibanza gusuzumwa n'Inteko y'Umuco, ibizikubiyemo ni ibitekerezo bwite by'abanditsi bazo.

## IBIRIMO

**IJAMBO RY'IBANZE**......6

**IRIBURIRO**......8

**MUKARUTABANA Rose-Marie,**
INZIRA Y'UMUGANURA N'IKIBARIRO NYARWANDA CY'UMWAKA ......12

**Mgr. SINAYOBYE Edouard,**
IJAMBO RYIZA NI MUGENZI W'IMANA......38

**HABUMUREMYI Emmanuel,**
URUHARE RW'UMUCO W'I RWANDA MU ITERAMBERE RY'IGIHUGU MU GIHE K'IKORANABUHANGA ......45

**MUGABOWAGAHUNDE Maurice & NIYOMUGABA Jonathan,**
INDANGAGACIRO DUSANGA MU MIHANGO Y'UBUKWE BWA KINYARWANDA ......68

**NDAHIMANA Daniel,**
AKAMARO K'IMYANDIKO MFASHANYIGISHO MU GUTOZA ABANYESHURI UMUCO W'UBUTORE......83

**SIBOMANA François-Xavier,**
MUZIKA NYARWANDA, UMUYOBORO W'ITOZAMUCO, ISAKAZAMUCO N'ITERAMBERE......115

**BAGARAGAZA François,**
URUHARE RW' IKINYARWANDA, INGOBYI Y' UMUCO MU ITERAMBERE RIRAMBYE......134

**HAKIZIMANA Emmanuel & MANIRAGABA Germain,**
URUHARE RW'INKINGI Z'UMUCO NYARWANDA MU ITERAMBERE RIRAMBYE ......155

## IJAMBO RY'IBANZE

Gusigasira Umuco nyarwanda n'indangagaciro zawo binyuze mu bushakashatsi ni inkingi ikomeye yo kubiteza imbere. Inteko y'Umuco inejejwe no kubagezaho Igazeti yayo y'ubushakashatsi *Umurage* ku muco nyarwanda n'indangagaciro zawo, ikaba ari kimwe mu byo ikora kugira ngo yuzuze zimwe mu nshingano zayo zirimo kubikoraho ubushakashatsi no kubutangaza. Ubushakashatsi bwakozwe mu wa 2022 ku muco nyarwanda n'indangagaciro zawo, bwarushijeho kugaragaza ko muco nyarwanda n'indangagaciro zawo byagutse kandi byarushaho gushingirwaho mu iterambere ry'Igihugu, bukaba bwanakorwa mu ngeri zose.

Inteko y'Umuco yiyemeje gukorana n'abashakashatsi batandukanye muri izi ngeri maze ikubira hamwe ubushakashatsi bwabo mu Igazeti Umurage nomero yayo ya kane ufite umutwe ugira uti: *"Umuco nyarwanda n'indangagaciro zawo mu iterambere".* Iyi nomero ni yo ya mbere muri iyi ngeri ikaba ikubiyemo inyandiko umunani. Nomero zayibanjirije zise ku rurimi rw'Ikinyarwanda mu ngeri zarwo zinyuranye.

Ubushakashatsi bukubiye muri iyi nomero burakangurira Abanyarwanda kugaruka ku isoko bakamenya ibigize umurage ndangamuco wabo, binyuze mu gusobanukirwa umuco n'indangagaciro zawo, bakamenya uko waba moteri y'iterambere ry'u Rwanda, imibanire myiza n'imibereho yabo hatirengajijwe kuwujyanira n'aho isi igeze mu ikoranabuhanga. Muri iyi nomero kandi turasangamo ingeri zinyuranye z'itozamuco nk'ururimi rw'Ikinyarwanda, muzika nyarwanda, n'imwe mu mihango gakondo nk'ubukwe bwa kinyarwanda.

Inyandiko z'ubushakashatsi zitangajwe muri iyi gazeti zirunganira ubundi bushakashatsi bwakozwe ku muco n'umurage by'u Rwanda mu bihe byatambutse ariko zo zifite umwihariko wo kugendana n'ibihe tugezemo aho

amakuru y'ubushakashatsi azikubiyemo yagera kuri benshi kubera ko ikoranabuhanga na murandasi byabaye inzira nyabagendwa y'ihanamakuru mu buryo bwihuze.

Inteko y'Umuco izakomeza kwagura ubufatanye mu by'ubushakashatsi ku muco n'umurage kandi ishishikarire gukomeza gutangaza ibivamo binyuze mu igazeti yayo y'*Umurage* kugira ngo bigere kuri benshi. Ubushakashatsi bukubiye mu nyandiko ziri muri iyi gazeti bugamije kuzuza zimwe mu nshingano z'Inteko y'Umuco zirimo gukora ubushakashatsi muri izi ngeri no kubutanzaza. Mukanguriwe gusoma iyi nomero muzungukiramo byinshi.

**Amb. MASOZERA Robert**
**Intebe y'Inteko**

# IRIBURIRO

Muri iyi nomero ya gatanu y'Igazeti **UMURAGE**, Inteko y'Umuco ibagezaho ibikubiye mu nyandiko z'ubushakashatsi bwakozwe ku muco n'umurage by'u Rwanda. Ubu bushakashatsi buri mu mujyo wo kugaragaza ukuntu umuco w'u Rwanda muri rusange wifitemo ubushobozi bwo guheka iterambere rirambye dushaka kugeraho, yemwe ndetse no muri ibi bihe Igihugu cyimirije imbere iterambere riciye mu ikoranabuhanga. Byongeye kandi, ubu bushakashatsi bwerekana ukuntu umuco ari umurage ukomeye twasigiwe n'abakurambere dukwiye gukomeraho, aho bibaye ngombwa tukawungura tutawuhungabanya.

Inyandiko ya mbere isobanura **ikibariro nyarwanda** cy'umwaka. Muri iki gihe, abantu benshi ntibazi ko mbere yo gutangira gukurikiza urutonde rw'amezi ya kizungu, Abanyarwanda bari bafite ikibariro bakurikiza, cyagenderaga ku kwezi. Ibihe byako byagiraga uruhare runini mu mibereho no mu mirimo nko mu buhinzi, mu buvuzi, mu mihango y'ibwami n'iya rubanda. Hari ibikorwa bimwe byakorwaga ku mboneko z'ukwezi, ibindi bigakorwa ku nzora yako. Umwaka n'ubundi wagiraga amezi 12 nk'uw'iki gihe, ariko hakaba n'ukwa 13 bongeragaho iyo babonaga ukwezi kwagenewe umuganura kuzaza amasaka atarera. Iryo hagikamwaka ni ryo ryatumaga ikibariro nyarwanda kidatana.

Inyandiko ya kabiri igaruka ku nshoza y'**Ijambo ryiza** mu muco nyarwanda. Haba mu mvugo isanzwe, inyandiko, imbwirwaruhame cyangwa mu ngeri z'ubuvanganzo zitandukanye, Abanyarwanda bakunda ijambo ryiza, bakaryubaha kandi bakariha rugari. Ubusanzwe ijambo ryiza rituruka mu mutima w'urivuga, aho umwanditsi avuga ko bene uwo mutima uba utatse ubwiza bw'inyabutatu igizwe n'ubwenge, ubwuzu n'ubushake. Ijambo ryiza rero ryubaka umuco w'ineza, rigahinduka ibanga ry'ubuzima, bityo rikaturenza impinga yabwo. Ni yo mpamvu abantu bose muri rusange n'Abanyarwanda by'umwihariko bakunda kubwirwa ijambo ryiza.

Inyandiko ya gatatu igaragaza uruhare rw'umuco mu iterambere ry'ubukungu, cyane cyane muri iki gihe cy'ikoranabuhanga. Hashingiwe ku ngero zigaragara mu Rwanda, ubushakashatsi bwerekana ko ibikorwa by'iterambere bikozwe bishingiye ku ndangagaciro z'umuco bitanga umusaruro mu rwego rw'ubukungu. Muri iki gihe rero Igihugu kimirije imbere ikoranabuhanga, iyi nyandiko igaragaza uburyo ibihangano nyamuco bishobora kuba isoko y'iterambere ry'ubukungu bw'u Rwanda.

Inyandiko ya kane igaruka ku ndangagaciro z'umuco w'u Rwanda ziri mu bukwe bwa Kinyarwanda. Kuva kera kugeza ubu, ubukwe ni umwe mu mihango ikomeye mu Rwanda, haba ku bantu ku giti cyabo ndetse n'Igihugu muri rusange. Gusa muri iki gihe bigaragara ko imihango imwe n'imwe ikorwa mu bukwe yataye umwimerere, indi iratakara, ndetse hinjizwamo n'imishya. Kuri ibyo hiyongereyeho ikibazo cy'inkwano itakivugwaho rumwe, icy'ibirongoranwa byabaye umurengera, ndetse n'icy'ingo zitakiramba. Bene iyo mihindagurikire tubona mu muco nyarwanda muri rusange yatewe n'amateka Igihugu cyanyuzemo, ari ay'ubukoroni, ubuhunzi, Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ndetse n'isabanyamuco rizanwa n'iterambere ry'ikoranabuhanga. Igendeye ku bushakashatsi bwakozwe n'ibigo byahoze ari Inteko y'Ururimi n'Umuco ndetse n'Ikigo cy'Ingoro z'Igihugu z'Umurage w'u Rwanda, iyi nyandiko igaragaza imihango y'ubukwe bwa kinyarwanda, uko yakorwaga kera n'uko ikorwa ubu, ibibazo biyigaragaramo ndetse n'indangagaciro tuvomamo.

Inyandiko ya gatanu igaragaza akamaro k'imyandiko mfashanyigisho mu gutoza abanyeshuri umuco w'ubutore. Imyandiko yibanzweho ni iy'Ikinyarwanda yateguriwe abanyeshuri biga mu mashuri yisumbuye, aho umushakashatsi agaragaza ko iyo myandiko ibatoza kandi ikimakaza intego y'Igihugu ari yo "Ubumwe, Umurimo, Gukunda Igihugu". Ku buryo bw'umwihariko, iyo myandiko itoza abayigishwa kurangwa n'indangagaciro na kirazira biri mu muco nyarwanda.

Inyandiko ya gatandatu, igaragaza muzika nyarwanda nk'umuyoboro w'itozamuco. Umwanditsi agaragaza ko muzika ari umuyoboro mugari kandi uhamye unyuzwamo imbamutima zose za muntu ndetse ikagaragazwa nk'inzira nziza y'itozamuco uko ibihe bigenda bisimburana mu buzima bwa buri munsi bw'Abanyarwanda. Ku rundi ruhande ariko, iyi ngeri y'ubumenyi ishobora gushyira mu kaga umuco bitewe no gutira nabi uturango tw'iyindi mico, guhanga binyuranyije n'amahame ndangamuco bishobora gutera abahanzi kuyoba no kunyuranya n'umuco, gusakaza imyumvire itabereye umuco karande. Iyi nyandiko iragaragaza muzika nk'uruganda rw'umuco kuko itoza abantu b'ingeri zinyuranye uturango tw'umuco ndetse ikaba umurage ndangamuco udafatika. Igaragaza isano iri hagati ya muzika n'izindi nganda z'umuco, umurage ndangamuco na ndangamateka, ikanasesengura uko ibihangano nk'indirimbo birenga imipaka bikaba iby'isi yose muri rusange.

Inyandiko ya karindwi, igaragaza uruhare rw'ururimi rw'Ikinyarwanda nk'ingobyi y'umuco mu iterambere rirambye. Ikinyarwanda gifite uruhare rukomeye mu guhuza imbaga y'Abanyarwanda cyangwa abanyamahanga bagikoresha, mu kubumbatira, gukuza no gusakaza umuco nyarwanda, guhanga no guhererekanya ubumenyi cyangwa ibitekerezo bifasha Abanyarwanda kwiyubaka no kwiteza imbere. Mu yandi magambo, bigaragara ko umuco w'u Rwanda – ahanini ufatiye ku Kinyarwanda – wagize kandi ukomeje kugira uruhare rukomeye mu iterambere rumaze kugeraho, bityo dukwiye gusigasira no guteza imbere urwo rurimi twarazwe n'abakurambere bacu.

Inyandiko iheruka izindi igaruka ku ruhare rw'inkingi z'umuco nyarwanda mu iterambere rirambye. Nk'uko byagarutsweho mu bika bibanza, umuco ni inkingi ya mwamba mu kubaka igihugu, naho kuwubura biragisenya. Ibi biterwa n'uko umuco ari wo ubumbatiye ibituma igihugu kibaho kandi kigatera imbere. Abanditsi b'iyi nyandiko rero bagaragaza ko mu muco nyarwanda naho harimo byinshi iterambere rirambye ryashingiraho. Muri ibyo bagarutse cyane ku ndangagaciro na kirazira, ubuvuzi gakondo, ururimi, ubuhanzi n'ubukorikori.

Muri rusange, inyandiko ziri muri iyi nomero ya kane y'Igazeti *Umurage* zose zigaragaza ko umuco w'u Rwanda ushobora kurufasha kugera ku iterambere rirambye, cyane ko wifitemo ubushobozi bwo kwinjizwa mu ikoranabuhanga rigezweho. Mu gihe hari bamwe bakeka ko umuco ubangamira iterambere ndetse n'ikoranabuhanga, abashakashatsi bagaragaje ko ahubwo ibyinshi u Rwanda rumaze kugeraho muri izo ngeri rubikesha kubakira ku muco warwo, kandi ko nirukomeza muri iyi nzira ruzagera ku iterambere rirambye nta shiti.

**Ubwanditsi**

## INZIRA Y'UMUGANURA N'IKIBARIRO NYARWANDA CY'UMWAKA

*MUKARUTABANA Rose-Marie*


### Inshamake

Mbere yo gutangira gukurikiza urutonde rw'amezi ya kizungu akoreshwa muri iki gihe, Abanyarwanda bari bafite uburyo bakurikizaga mu kubara imyaka n'igihe. Ubwo buryo ni bwo bwitwa *"ikibariro nyarwanda*". Abanyarwanda bagenderaga ku kwezi, ibihe byako bikagira uruhare runini mu mibereho no mu mirimo, ari mu buhinzi, mu buvuzi, mu mihango y'ibwami n'iya rubanda. Bimwe mu bikorwa byakorwaga ku mboneko z'ukwezi, mu gihe ibindi byakorwaga ku nzora yako. Umwaka n'ubundi wagiraga amezi 12 nk'uw'iki gihe, ariko hakaba n'ukwa 13 bongeragaho iyo babonaga ukwezi kwagenewe umuganura kuzaza amasaka atarera. Iryo hagikamwaka ni ryo ryatumaga ikibariro nyarwanda kidatana. Nubwo ikibariro nyarwanda cyerekana ubukungahare bw'umuco nyarwanda ariko, nticyamenyekanye cyane ndetse benshi muri iki gihe ntibazi ko cyabagaho. Ibi byaba biterwa n'uko abashakashatsi b'ubumenyi bw'umuco bagiye bakomozaho, ariko hakabura uwinjira ngo acukumbure ibijyanye n'ubumenyi bw'ikibariro cy'imyaka n'igihe. Ibi bituma ikibariro kitazwi neza cyane ko kitanigishijwe nyuma y'aho amashuri atangiriye mu gihugu.

Iyi nyandiko yerekana uko ikibariro nyarwanda giteye, ihereye ku byanditswe n'abahanga mu bumenyi bw'umuco n'amateka by'u Rwanda ikaba yanafasha abasomyi kumenya niba urutonde rw'amezi dukoresha ubu rukurikiza ikibariro nyarwanda, cyangwa se niba rwaratandukiriye. Igaragaza urutonde rw'amezi nyarwo ya Kinyarwanda n'aho ruhurira n'urw'amezi ya kizungu[1].



### Abstract

Before adopting the list of months of the Gregorian calendar that are used today, Rwandans had their own method of counting years and seasons. This was called "Ikibariro nyarwanda, meaning Rwandan calendar and seasons". Rwandans used to refer to the moon, and its seasons played a major role in daily life and in activities like agriculture, medicine, royal rituals and public ceremonies. The year used to have 12 months like today, but there should be a 13$^{th}$ month added in case they projected that the month for the first harvest festival would come before sorghum are ripe. This helped Rwandan calendar to be consistent and not to stray. Although the Rwandan calendar shows the richness of the Rwandan culture, it is not widely known and many people today do not know that it existed. This may be due to the fact that the researchers of cultural studies did not conduct deep research on Rwandan calendar and season. This made it uknown


---

[1]Iyi nshamake yakozwe n'ubwanditsi bw'Igazeti Umurage nomero ya kane.

especially after the schools were introduced in the country as a result of not being taught and replacing it by the Gregorian calendar.
This article shows how Rwandan calendar was, based on the writings of Rwandan cultural and historical experts and can also help the readers to know whether the list of months we use today follows Rwandan calendar, or if it deviated from it. It shows the list of the real months of Kinyarwanda and where it meets the months of the modern calendar, Gregorian calendar that is widely used.

**IKIBARIRO NYARWANDA CY'UMWAKA**

Ikibariro nyarwanda ni kimwe mu bigize umutungo w'umuco w'u Rwanda, ariko kikaba kimwe mu bititabwaho bihagije.

Impanvu yaba ari uko icyo kibariro kitazwi neza, kuko kitizwe, usibye bamwe mu bashakashatsi b'ubumenyi bw'umuco bagiye bakomozaho, ariko hakabura uwimjira mu bumenyi bw'ikibariro cy'imyaka n'igihe.

Abanyarwanda bagenderaga ku kwezi muri byinshi, ibihe byako bikagira uruhare runini mu mibereho no mu mirimo, ari mu buhinzi, mu buvuzi, mu mihango y'ibwami n'iya rubanda. Abavuzi ba gakondo hari imiti bashaka ku mboneka, indi igashakwa ku nzora. Amasaka n'uburo bizakoreshwa mu muganura w'ibwami byabibwaga ku mboneka, ay'umuhango witwa umurorano agasarurwa na yo ku mboneka z'ukwezi kwawugenewe, umuganura ukaribwa ku nzora mu Rwanda rwose.

Icyunamo cya kera – kibukaga amahano y'i Rubi rw'i Nyundo – cyatangiraga ku mboneka za Gicurasi. Kigakurwa n'Ibirori bya Kamena, byibukaga uko Ruganzu Ndori yatabaye u Rwanda, bikaba ku nzora y'uko kwezi. Mu kwezi gukurikiyeho, kwa Nyakanga, u Rwanda rukaganura, ruzirikana ko Ruganzu yagaruye Umuganura, wari umaze imyaka cumi n'umwe waraciwe n'abanyamahanga bari barafashe u Rwanda.

Ariko usibye iyo minsi mikuru yikurikiranyaga muri ayo mezi atatu yatangiraga umwaka w'imihango, hari n'indi myinshi yagiraga ibihe yagenewe bishingiye ku bihembwe by'ukwezi.

Ikigaragara rero ni uko Abanyarwanda bo hambere bibandaga ku kibariro, kuva ku bahanga bo mu biru babikoraga kinyamwuga kugeza muri rubanda.

Iyi nyandiko igamije kwerekana uko ikibariro nyarwanda giteye, ihereye ku byanditswe n'abahanga mu bumenyi bw'umuco n'amateka by'u Rwanda. By'umwihariko iyi nyandiko irasubiza ibibazo bikurikira:

- Ihagikamwaka, ryahuzaga umwaka w'ukwezi n'uw'izuba, ryagenwaga rite?

- Urutonde rw'amezi nyarwo ni uruhe? Ruhurira he n'urw'amezi ya kizungu?
- Umuganura wizihizwaga mu kuhe kwezi?

Mu gusubiza ibi bibazo, turareba niba urutonde rw'amezi dukoresha ubu rukurikiza ikibariro nyarwanda, cyangwa se niba rwaratandukiriye.

**Ikibariro Nyarwanda**

Abanyarwanda bo hambere babaraga iminsi, amezi n'imyaka bagendeye ku kwezi, imyanya yako ikaba ari yo igenga imihango, ariko amezi akagomba guhura n'ibihe by'imvura n'izuba, kuko ari byo byagengaga imirimo y'ubuhinzi, n'imihango yabwo. Guhuza ibyo byose rero ntibyabaga byoroshye. Wari umurimo ugomba ubwenge n'ubushishozi, cyane cyane mu byo kugena ikibariro cy'imihango ikorwa mu gihugu cyose. Ariko no muri rubanda hasangwa abafite ubumenyi buhagije mu bireba ubuzima bwabo n'ubw'umuryango.

U Rwanda rwagiraga imihango y'ingarukamwaka yakorwaga buri mwaka, indi igakorwa buri ngoma enye, ni ukuvuga buri kinyejana.[2] Iyo yose yagiraga imirimo ikorwa ku mboneko z'ukwezi kwayigenewe, indi ku nzora, bityo bityo. Kugena no kubariranya ibyo byose byari mu nshingano z'umwami, akabifashwamo n'abiru babifitemo ubumenyi n'ubunyamwuga. Urugero rwatangwa ni ikibariro kigenga umuhango w'umuganura: umwiru w'Umutsobe ni we wari ushinzwe uwo murimo, ariko afatanyije n'abandi biru; nk'uko iby'imihango yo kwimika umwami byari mu nshingano z'umwiru w'Umutege, ariko na we afatanyije na bagenzi be (Smith 1997:157).

Birumvikana rero ko ubuhanga bw'ikibariro bwasangwaga mu biru, ariko no muri rubanda hakaba abafite ubumenyi buhagije mu kugenga ubuzima bwabo.
Ikibariro nyarwanda ni kimwe mu bigize umutungo w'umuco w'u Rwanda, ariko kikaba no mu bititaweho bihagije. Impanvu ni uko icyo kibariro kitazwi neza, kuko kitizwe bihagije, usibye bamwe mu bashakashatsi b'ubumenyi

---

[2] *"... [L]es durées moyennes de génération royale par dynastie se situent à l'intérieur de l'intervalle 30-15 ans, [donc] une durée moyenne de **22,5** années." (*Michel Izard, *Quatre siècles d'histoire d'une région du Moogo*: *Journal des Africanistes, 1988, 58-2 p. 12)* - [Quatre siècles d'histoire d'une région du Moogo - Persée (persee.fr)]

bw'umuco bagiye bakomozaho, ariko habura uwimbira mu bumenyi bw'ikibariro, ngo arebe neza ibyo Abanyarwanda bari bazi, n'ibyo batagezeho. Ubwo bushakashatsi burakenewe.

**Imihango mikuru y'u Rwanda rwo hambere**

Mu bushakashatsi benshi bifuza ko bwakwitabwaho, harimo ubwakorwa ku kibariro nk'uko tubivuze, ariko na none ikibariro nticyasigana n'imihango y'ubwiru, kuko ari yo yagombaga igena-gihe rikomeye. Ni na ho hasangwa ingero nyinshi z'uko ikibariro nyarwanda cyakoreshwaga, ibyo bikaba byaherwaho mu gutahura uko cyagenwaga.

Ikibi ni uko iyo mihango na yo itazwi cyane, na none kubera ubushakashatsi buke, kandi yarashyizwe mu nyandiko. Aha twavuga igitabo cya Marcel d'Hertefelt na André Coupez, *"La royauté sacrée de l'ancien Rwanda"* (1964), kiboneka ahantu henshi ku buryo ushatse wese yakigura.

**Imihango y'Ubwiru**

Imihango y'Ubwiru ni nayo yitwa inzira z'ubwiru. Inzira rero ni urujyano rw'imihango y'ubwiru yagengaga imirimo mikuru y'ibwami n'imibereho y'Abanyarwanda. Inzira zari 18, ariko hamenyekanye 17 gusa. Muri iyo mihango habagamo iy'ingarukamwaka, iy'ingarukakinyejana, n'indi ikorwa iyo habaye impamvu. Mu mihango yakorwaga habaye impamvu harimo iyimika n'ishyingura ry'abami, hakaba igenewe gusubya ibiza n'amahano, no kugwiza ibyiza, kurumbura no gutanga umugisha. Mu ngarukakinyejana, harimo umuhango mukuru cyane wo "kubyarira" umuriro wa Gihanga, wakorwaga ku ngoma ya Yuhi, uko amazina y'abami yakurikiranaga:

Cyirima – Kigeri – Mibambwe – **Yuhi**, Mutara – Kigeri – Mibambwe – **Yuhi** – Cyirima Undi wari uw'Ishora, wakorwaga ku ngoma ya Mutara, ashyingura umugogo wa Cyirima, wabaga umaze ingoma enye uganje i Gaseke, no ku ngoma ya Cyirima ashyingura uwa Mutara. Iryo shyingura rikitwa "gushora", kandi banashoraga amapfizi y'imihango koko. Imihango yo muri iyo nzira y'Ishora yamaraga umwaka, ikagira ibitegurwa byinshi byabanzirizaga

umuhango nyirizina, watangiranaga n'imboneka y'Ukwakira. (D'Hertefelt & Coupez, 1964, Inzira y'Ishora, 600 - Inzira y'ishora / Ubucurabwenge | Kanyarwanda (jouwweb.nl).)

Hakaba rero n'imihango ya buri mwaka, yibuka amateka akomeye, amabi n'ameza, ikanashimira Imana n'abakurambere kurinda u Rwanda:
*Icyunamo cya* ***Gicurasi****,* cyakurwaga n'*Ibirori bya* ***Kamena****,* ibyo bigakurikirwa n'*Umuganura*, wo ku kwezi kwa ***Nyakanga***. Icyunamo n'ibirori bigikura biri mu nzira y'ubwiru imwe – *Inzira ya Gicurasi* –, na ho Umuganura ukagira inzira yawo bwite.
Izo nzira zombi, hamwe n'iy'Ishora, ni zo zigaragaza neza uruhare rw'ikibariro mu mihango. Inzira y'Umuriro na yo igira ikibariro cyayo, ariko ntibakivuze, usibye kugira bati *"Ikibariro cyo kubyarira Umuriro cyaba cyaje..."* (D'Hertefelt & Coupez, 1964, Inzira y'Ishora, 15 - Inzira y'umuriro / Ubucurabwenge | Kanyarwanda (jouwweb.nl).)

**Uko imihango y'ubwiru yatugezeho**

Imihango y'Ubwiru yagiraga abahanga bayo, ikagira abafataga amagambo yayo mu mutwe, igihe cyagera bakayasubiramo. Iby'Ubwiru byagenzurwaga n'Abami, bakabishinga Abiru mu nzego zabo, ariko bakabikurikirana, ngo hatazagira igitakara cyangwa kigahinduka, bikaguma uko abakurambere basize babitegetse.
Imihango y'ubwiru yabwiwe Padri Alexis Kagame mu mwaka wa 1945, arayandika, hanyuma iza gusohorwa na M. D'Hertefelt & A. Coupez mu wa 1964, mu gitabo bise "*La Royauté sacrée de l'ancien Rwanda*". Icyo gitabo kirimo Ubwiru uko Padri Kagame yabwanditse mu Kinyarwanda, inzira bazihindura no mu rurimi rw'Igifaransa, zisohoka mu gitabo kimwe, ziri muri izo ndimi zombi.
Mu gitabo cy'ubwiru harimo Inzira 17, ariko Kagame yavuze ko yasanze zari 19, izibuzemo zikaba iyo ***kwimika amapfizi***, n'iyo ***gutaha umurwa w'umwami***, ariko ntiyavuze uko zamucitse (Smith 1997:161).
Ubwiru kera nta muntu utari umwiru wabumenyanga bwose, usibye ibyiciro rubanda bagiragamo uruhare. Bwaje kubwirwa Padiri Alexis Kagame mu mwaka

wa 1945, Umwami Mutara III Rudahigwa amaze kumvikana n'abiru ko ibyo bintu nibitandikwa bizatakara, kubera ko ibihe byari byarahindutse, "kiriziya yarakuye kirazira", nk'uko bivugwa mu mugani. Abiru baremera babubwira Kagame arabwandika, ariko bamubuza kubumenyekanisha ababumubwiye bakiriho.

Kagame ayo masezerano yarayubahirije, inyandiko Rudahigwa azibika mu isanduku y'umutamenwa, ariko amaze gutanga, iyo sanduku barayimena, impapuro bazishyira abo bashakashatsi D'Hertefelt na Coupez. Nguko uko ubwiru bwatugezeho.

**Imihango ngarukamwaka**

Imihango y'ubwiru ya buri mwaka iri mu yarebwaga n'Abanyarwanda bose, igakorwa mu gihugu cyose. Indi na yo, rubanda rwayigiragamo uruhare, ariko ruto, ibyinshi ari ibigenewe gukorwa n'umwami n'umugabekazi n'abiru gusa.

Iyi mihango ya buri mwaka, yikurikiranyaga ihereye mu kwa Gicurasi, igihugu kinjira mu cyunamo, icyo kikazakurwa mu kwa Kamena, n'ibirori byako, byamaraga icyumweru, bikitwa "gukura Gicurasi". Ibyo bikarangira bajya kwitegura umuganura, kuko wategurwaga nk'ubukwe, urugo ruzakira umuryango mugari n'incuti rugatwererwa, ariko bagasurana bamaze kuganura mu rwabo rugo.

**Icyunamo cya Gicurasi**

Icyunamo cyari umuhango utegura uwa Kamena, maze yombi hamwe igategura uw'Umuganura, wo muri Nyakanga.

Icyunamo cyatangiraga ku mboneka ya Gicurasi. Ku mboneka ibwami batangiraga igihe cyo guceceka, ibirori bigahagarara, imirimo ikagumya igakorwa, ariko bucece. Ingoma ntizongere kuvuga, keretse Indamutsa, kuko yari ngombwa mu mirimo y'umwami.

Mu myijima y'uko kwezi kwa Gicurasi igihugu cyose gitangira icyunamo, ibirori byose bigahagarara, mbese bikaba nk'igihe cyo kwirabura, kizakurwaho n'ibirori bya Kamena.

**Ibirori bya Kamena**

Mu mboneka za Kamena, batangiraga imihango y'*icyunamuro,* bakayita "gukura Gicurasi." Babaga bibuka uko Ruganzu Ndori yunamuye u Rwanda, igihe rwayogozwaga n'Abagara biturutse ku bugambanyi bw'Abanyabyinshi ba Byinshi bya Bamara ba Yuhi Gahima. Bagakora imihango myiza yibuka uko umutabazi Ruganzu Ndori yaje nk'ukwezi muri iryo curaburindi, abundutse i Karagwe kwa Karemera, umugabo wa nyirasenge witwiga Nyabunyana.

Iyo abiru babaga babonye ukwezi, bwaracyaga umwami agakora umuhango wo "*kubuura ukwezi*": agahagarara ku irembo, akavuza ishako, agira ati "*Ejobundi kare kare!*" Bikaba kuburira u Rwanda ko ukwezi kwa Kamena kwabonetse, umutabazi ari mu nzira, aje kuramira u Rwanda no kurwunamura. Umwami akajya ku ngo zo mu murwa zituranye n'ibwami, agahagarara ku irembo, akavuga ayo magambo. Bwacya akongera, ari ko avuga ati *"Ejo kare kare!"*

Ku munsi wa gatatu w'imboneka, bagakora imihango y'icyunamuro. Bwacya bagatangira ibirori byo kwishima no gushimira Imana n'Abakurambere uwo Mutabazi bohereje, bikaba mu gihugu cyose, bikamara icyumweru cya kinyarwanda - cyamaraga iminsi itanu.

> "*Icyo gihe nta muntu uba adafite inzoga mu Rwanda*
> *Ngo "Ribata kureba ibirori [byo gukura] Gicurasi*
> *Itazabasigarira mu rugo!*"
> *Bikaba rero íbirori byirambuye mu gihugu cyose.*
> *Bagashobora kurongora, no kwivuga, no kuvuza impundu, no kumara imanza.*"
> *(117-125.)*
> Inzira ya Gicurasi / Ubucurabwenge | Kanyarwanda (jouwweb.nl)

**Umuganura**

Umuganura wakorwaga mu kwezi kwa Nyakanga, ku nzora, nk'uko turi bubyerekane, ukaba umunsi mukuru wo kwibuka amasaka ya mbere yasaruwe mu Rwanda, Ruganzu Ndori amaze kurwunamura. Icyo gihe u Rwanda rwakoze iminsi mikuru ikomeye yo gusangira uwo mutsima w'amasaka yeze mbere y'andi, ari ko kuganura.

Hari bamwe mu bakiri bato bajya bavuga ko umuganura ari umunsi mukuru w'umusaruro, ariko si byo: ni umunsi wo kuganura – kurya amasaka yatanze ayandi kwera. Ntawayaryaga ataraganura.

Iyo inzora ya Nyakanga yazaga kare, habaga uturere turya umutsima w'amahundo!

Ku munsi w'umuganura, Umwami ubwe ni we utekera rubanda, mu by'umuhango nyine: akaarika, inkono ikatura agaturira, akavuga umutsima, akaganura n'urugo rwe, yarangiza akagaburira abari aho. Abanyarwanda bose na bo bakabigenza batyo, maze u Rwanda rwose rugasangira kivandimwe. Ukaba umunsi wo gusurana no gusabana, ariko bose bamaze kuganura mu ngo zabo.

Ngiyo Imihango ya buri mwaka, n'ikibariro cyayo, ni ukuvuga igihe cyayigenewe. Reka rero turebe ibyo uko aba kera babigenaga, bakurikije ikibariro nyarwanda n'imyanya y'ukwezi: Icyunamo kikaba mu gihe cy'umwijima wa Gicurasi, kigakurwa n'ibirori ku mwezi wa Kamena, kuganura bikaba ku nzora ya Nyakanga, amasaka n'uburo bw'umuganura bikaba byarabibwe ku mboneka (mu nkuka z'ibishanga), nk'uko bivugwa mu Nzira y'Umuganura:

> *"Abo kwa Musana rero, bakajya mu nkuka bakabiba...*
> *Ubwo ni muri Nzeri.*
> *Bakabibana n'uburo.*
> *Mu kwezi kwa Mutarama amasaka aba yeze.*
> *Maze mu myijima yako umurorano ukaza:*
> *Amasaka mu nshuro y'agakangara, harimo n'uturo duke. [...]*
> *Bakabariranya n'igihe ukwezi kwa Gashyantare kuzabonekera,*
> *Bakajya guhagurutsa igitenga."* (28-39; 73-75)
>
> **Inzira ya Gicurasi / Ubucurabwenge | Kanyarwanda (jouwweb.nl)**

Izi mboneka n'imyijima n'inzora birimo ibyo twifashisha mu gusesengura ibyerekeye ikibariro cyagenderwagaho mu Rwanda rwo hambere.

**Ikibariro nyarwanda**

Abanyarwanda ba kera babariraga umwaka ku mezi, akaba cumi n'abiri, ariko kubera ko umwaka w'amezi udahwana n'uw'ibihingwa – *imyaka* – bakajya

bongeraho ukwezi kw'uguhagikano, baguhagikaga hagati y'andi abiri (Coupez & Kamanzi 1962:29). Musenyeri Alegisi Kagame (1959: 63-64) yanditse ko iryo hagikamwaka ryabazwaga umwiru w'umutsobe, kuko ari we wari ushinzwe iby'umuganura. Icyo bibandagaho ni ukureba ko amasaka azaba yeze mu kwezi kwagenewe umuganura, kubera ko imihango ngarukamwaka yagombaga gukorwa mu kwezi kwayigenewe. Abiru rero basanga uko kwezi kuzagera amasaka atarera, bakongeraho ukundi, ngo uk'umuganura guhwane n'umwero w'amasaka.

Ibyo ni na ko byagendaga no mu bindi bihugu byabariraga umwaka ku kwezi. Impamvu ni uko icyatumaga ibihugu byita ku kibariro cy'umwaka, cyari ukugena imyanya y'imihango n'iminsi mikuru y'iyobokamana, kandi myinshi ikajyana n'ubuhinzi, kuko amaturo yakundaga kuva mu byo bejeje. Ni cyo gituma umurimo wo kugena ikibariro wakorwaga n'abanyamihango, bakanabigira ibanga, cyane cyane ibyerekeye ihagikamwaka.

Kagame (1959:64) yanditse ko umwaka wa kinyarwanda watangiranaga n'ukwezi kwa cyenda kwa kizungu (September), ukagira amezi 12, baba bongeyeho ukwezi kw'ihagiko akaba 13.[3] Atubwira ko abiru ari bo bakoraga iryo bariranya, babona ikibariro cy'Umuganura kizaza amasaka atarera, bakemeza ko hagomba kongerwaho ukundi kwezi. Uko kwezi kukitwa *ihagiko*, uwo murimo na wo ukitwa *guhagika umwaka*. Abiru bakabibwira umwami, agatanga iteka ry'uko umwaka uhagitse, rikagezwa ku Banyarwanda, kugira ngo bamenye igihe bazaganurira.

## Kibariro cya Myaka ya Gihe

Ariko se abo biru ubwo bumenyi babugezeho bate?

Umushakashatsi S. Desouter (1982:164) yadusubirije icyo kibazi. Ngo yasanze Abanyarwanda bose, uhereye ku baturage basanzwe, bafite ubumenyi bw'ukwezi n'imyanya yako, akibwira ko byaturukaga ku gukunda kwitegereza ikirere. Ariko iryo shishoza ry'ikirere baribangikanyaga n'ubumenyi bw'ibihe

[3] "L'année commence en septembre et compte 12 mois lunaires, avec un 13e mois intercalaire que le roi proclamait sur l'avis des [abiru]." (Alexis Kagame, La Notion de génération, 1959, pp. 63-64.)

by’imvura n’iby’amapfa, n’ibimera bihingwa n’ibyimeza, bakabigereranya n’ibihe by’ukwezi.

Birumvikana rero ko niba rubanda rwaritegerezaga ikirere, abiru bari bashinzwe gutegura imihango bakurikije igihe cyayigenewe, basuzumaga ijuru kurusha abaturage. Uwo mwete ugatuma bamenya ukwezi kwakurikizwa mu kugena ikibariro cy’umwaka, n’icy’imihango.

Nyamara Abanyarwanda bafite ukundi basobanura isooko y’ubwo bumenyi (Kagame1959: 63; Coupez & Kamanzi 1962:122.):

Ruganzu Ndori yamaze kubura u Rwanda, asanga ibihe byarahindutse, imvura igwa imburagihe, izuba rigacana ahakabaye mu itumba. Ruganzu abajije abajyanama be, na bo bati byaratuyobeye. Akoranya abahanga bo mu gihugu cyose, na bo bati reka twarashobewe, ariko hari uturusha ubwenge twese, usibye ko ataje. Yitwa Kibariro, atuye i Cyotamakara cy’i Buhanga (ku murenge wa Ntyazo, akarere ka Nyanza), wamutumaho. Icyo gihe Ruganzu yari atuye i Mata ya Muhanga (mu kagari ka Tyazo).

Nuko Ruganzu yohereza intumwa kwa Kibariro, zigaruka zimenye ibihembwe bishya by’umwaka, n’ibihe by’imyaka yose. Kibariro abaha n’imbuto nziza, zijyanye n’ibyo hihe bishya.

Sekuru wa Kibariro, Gihe, ngo yari yaraturutse mu ijuru, kwa Shyerezo, aza kumanukana n’Ibimanuka (cyagwa se bikamutumaho ngo abafashe guteza imbere Abasangwabutaka). Kandi si i Rwanda honyine bavuga ko ikibariro cyazanywe n’abaturutse mu ijuru. Enoki ni umuhanuzi uvugwa muri bibiliya (Jude 1:14-15), wanditse cyangwa witiriwe*“Igitabo cya Enoki”* ariko ntikibe mu byinjijwe mu kiragano cya kera. Muri icyo gitabo Enoki avuga uko malayika Uriyeli yamuhishuriye byinshi, birimo ibyerekeye izuba, ukwezi n’inyenyeri, n’uburyo byagenderwaho mu kugena ikibariro.[4]

Usibye n’icyo, ibitabo byemewe muri bibiliya byigisha ko ikibariro cyatanzwe n’Imana, ikababwira amezi bazajya bakoreramo imihango, imaze gutegeka ko

---

[4] *“The progress of the moons, and everything relating to them, Uriel showed me, the holy angel who was with me… Their stations I wrote down as he showed them to me… I wrote down their months, as they occur, and the appearance of their light, at rising and at setting…”* (Ethiopic Book of Enoch 73: 1-4;11-12)

umwaka uzajya utangirana n'ukwezi kuboneka mu kwa gatatu kw'ubu, gufata ukwa kane (March-April). Imana iti: *"Uku kwezi kuzababere imfura y'amezi, kuzababere ukwezi kwa mbere k'umwaka." (Kuva 12:2).*

Ibi rero ni nk'uko i Rwanda bavuga ko uwazanye ubumenyi bw'ikibariro i Rwanda yaturukaga mu ijuru, akagira ubumenyi burenze ubwa ba banyabwenge Ruganzu yari yakoranyije.

Ng'uko uko ubumenyi bw'ibihe bwavuguruwe ku ngoma ya Ruganzu Ndori, u Rwanda rukunguka ubuhanga bwo kubara imyaka n'igihe, ari imyaka iyi y'amezi, ari n'imyaka ihingwa ku gihe, ikerera mu gihe. Bikanatwibutsa ko ikibariro cy'umwaka kidatandukana n'ubuhinzi:

Kibariro yatanze ikibariro gishya, ariko anatanga n'imbuto zijyanye n'ibyo bihe bishya. Kandi n'ubusanzwe imyaka ibarirwa ku myaka y'amasaka: ni ko babaze imyaka u Rwanda rwamaze rutaganura, ari yo Ruganzu yamaze inyuma y'u Rwanda, abunze i Karagwe.

**Ihagikamwaka**

Kera isi yose yabaraga umwaka ikurikije ibihembwe by'ukwezi, bakabigenderaho bategura imirimo y'ubuhinzi, n'iy'imihango n'iminsi mikuru y'iyobokamana. Hakaba ibihugu bigira abahanga babikurikirana, ariko bakundaga kuboneka mu banyamihango, kuko ikibandwagaho cyane cyari ikibariro cy'imihango nyine. Bakanabigira ibanga, bikajya mu mabanga y'ubwiru.

Twabonye uko malayika yeretse Enoki uko amezi yikurikiranya. Yamweretse n'uko umwaka w'izuba usumba uw'amezi iminsi 11, maze mu myaka mike bikaba ngombwa kongeraho ukwezi, kugira ngo iyo myaka yombi yongere ihure. Ni cyo ihagikamwaka ryamaraga.

Umwaka w'izuba ni igihe isi imara izenguruka izuba, igenda yibirindura. Uko kwibirindura ni ko gutuma bucya hamwe ahandi bwije. Kubera ko ukwezi kugaragiye isi, kugendana na yo mu kuzenguruka izuba, na ko kwibirindura, kwagera aho isi igukingirije izuba, kukijima, ariko kukagenda kuva muri icyo gicucu, buhoro buhoro, kukazagera aho kugaragara kose, bikitwa kuzora,

umucyo wako ari inzora. Na none uwo mucyo ukagenda ugabanuka, kugeza aho kongeye kwijima, kongeye kwihisha inyuma y'isi.

Kuva ku mboneka kugeza ku yindi, ni iminsi 29, ari yo minsi ukwezi kumara kuzenguruka isi. Iyo ukwezi kuzengurutse isi incuro 12, isi na yo iba yujuje urugendo rwo kuzenguruka izuba, ari ko ukwezi kuyigaragiye bijyanirana. Ubwo umwaka ukaba urashize. Nyamara abahanga barashishoje basanga mu by'ukuri, izo ncuro 12 zirangira isi ishigaje gato ngo isubire aho yaturutse. Aho baharebera ku nyenyeri zari zitumbiranye n'isi itangira urugendo, bapima neza bagasanga hasigaye iminsi 11 ngo ihagere.

Ikindi, basanga ya minsi y'ukwezi 29 iba isagaho amasaha arenze 10. Maze babikuba na 12, bakabona iminsi 354. Iyo minsi rero yuzura isi ishigaje indi minsi 11 kugira ngo isoze urugendo rwayo, kuko rutwara iminsi 365. Iyi minsi 365 ni yo yitwa umwaka w'izuba, uw'ukwezi ukagira iminsi 354.[5]

**Ikibariro kidahagikwa kiratana**

Biragaragara rero ko iyi minsi 11 igenda iburamo buri mwaka, mu myaka itatu izaba yasumbye iminsi y'ukwezi kumwe, maze ababarira umwaka ku kwezi bakazagera aho basanga amezi atakijyanye n'ibihe by'ibihingwa, kuko bigengwa n'ibihe by'izuba, cyangwa se yarabusanye n'ibindi bihembwe bigenderwaho muri ibyo bihugu, na byo bigengwa n'izuba. I Rwanda bagasanga Nyakanga iboneka mu itumba, aho kuboneka mu cyi, amasaka agiye kwera! Umuganura ukaguma mu kwezi kwawo, ariko uko kwezi ubwako kugahora gusubira inyuma, kuzageza aho kuzaboneka amasaka agisukirwa. Bakananirwa kuganura, nk'aho Nzira ya Muramira yongeye gufata u Rwanda! Ng'uko rero uko abakurambere basanze ari ngombwa kugenda bongeraho ukwezi kwa 13, barebeye aho amasaka ageze.
Urugero rw'uko bigenda iyo bakurikiza ukwezi badahagika, turusanga mu idini rya Isilamu. Imihango y'abasilamu ikurikiza ukwezi nk'iyacu ya kera. Buri muhango ukagira ukwezi kwawo, kudahinduka, ariko amatariki agahinduka

[5] Lunar Calendars - Lunar calendar - Wikipedia

buri mwaka, kubera ya minsi 11 yavuzwe. Igisibo cya Ramadani kigatangirana n'ukwezi kwitwa Ramadani nyine, ariko uko kwezi kugahora kwimuka. Nk'uyu mwaka turimo (2021), igisibo cy'abakirisito cyatangiye ku ya 4 y'ukwa 4, icy'abasilamu iminsi 9, ariko icya 2030 kizaba bukeye bwa Noheli![6] Impamvu ni uko ukwezi kwa Ramadani kugenda gusubira inyuma, urebeye ku mwaka ubarirwa ku bihe by'izuba.

Ushaka kumenya neza uko amezi y'ikibariro kidahagika agenda yimuka, yarebera ku matangazo y'ibihe by'uwo muhango, agahera muri uyu mwaka turimo, agenda agereranya n'imyaka itaha n'iyahise.[7]

Mu bagira imihango ibera ku matariki y'ikibariro cyitiriwe Papa Gerigori III (1582)[8], ari cyo gikoreshwa mu isi yose kuri ubu, ibyo bibazo ntibababigira. Ibihugu bigengwa n'idini rya Isilamu bibangikanya icyo kibariro cyabo n'icya Gerigori. Hari n'abandi babangikanya batyo, barimo Abahinde[9] n'Abayahudi[10], kuko imihango yabo na yo igendera ku kwezi, usibye ko bo bahagika umwaka (mu buryo butandukanye). Ibyo bihugu byose bikizihiza iminsi mikuru yabyo ku mboneka, ku nzora cyangwa ku yindi minsi ibarirwa ku myanya y'ukwezi, bagatangaza amatariki y'ikibariro cya Gerigori iyo mihango izaberaho.

N'iminsi mikuru yacu y'ingarukamwaka, iyo tuyikomeza, tukayigumisha ku kibariro cy'amezi yari yaragenewe, ni uko twarikubigenza.

Icyumvikana rero, ni uko ikibariro nyarwanda ari kimwe mu bigize umutungo w'umuco w'u Rwanda, ariko kikaba no mu bititabwaho cyane.

Impanvu yaba ari uko icyo kibariro kitazwi neza, kuko kitizwe, usibye bamwe mu bashakashatsi b'ubumenyi bw'umuco bagiye bakomozaho, ariko hakabura ubyinjiramo neza.

---

[6] Western Christian Holidays, 2010-2030 - https://www.infoplease.com/calendars/holidays/western-christian-holidays
[7] The date of Start of Ramadan for the years 2021-2031 - https://www.qppstudio.net/global-holidays-observances/start-of-ramadan.htm
[8] Encyclopedia Brittanica, "Gregorian Calendar"
[9] Hindu Religious Holiday Calendar For 2021 - 2021 Hindu Calendar – Hindu Religious Festival Calendar 2021 (calendarlabs.com)
[10] Jewish Religious Holiday Calendar For 2021 - 2021 Jewish Calendar – Jewish Religious Festival Calendar 2021 (calendarlabs.com)

Nyamara ikibariro cyari gifite uruhare runini mu Rwanda rwo hambere, ari mu buhinzi, mu buvuzi, mu mihango y'ibwami n'iya rubanda. N'ubwo bose batari babifitemo ubuhanga, bagenderaga ku kwezi. Amasaka azakoreshwa mu muganura w'ibwami yabibwaga ku mboneka, ay'umuhango witwa umurorano agasarurwa na yo ku mboneka, umuganura ukaribwa ku nzora. Haba imiti abavuzi ba kinyarwanda basoroma ku mboneka, indi igashakwa ku nzora.
Umuganura waciwe n'abakoroni mu kwa gatatu 1925 (Des Forges 2011: 208-209), umwiru wawo, Gashamura ka Rukangirashyamba, amaze gufatwa mpiri akajyanwa i Burundi ubutagaruka. Abanyarwanda bamenye ko waciwe bamaze kubona ko utabaye mu kwa gatandatu nk'uko bisanzwe.[11]

Kuva aho umuganura uciriwe, nta hagikamwaka ryongeye gukorwa. Ubwo Abanyarwanda bakomeje kubara bakurikije ukwezi, ariko kubera ya minsi 11 igenda itakara buri mwaka, ugereranije n'umwaka w'izuba, urutonde rwayo rwagumye kubusana n'urw'aya kizungu. Kandi ubanza ari cyo cyatumye "kalendari" ikoreshwa kuri ubu ihuza amezi ya kizungu n'aya kinyarwanda mu buryo bukosheje, nk'uko tugiye kubyerekana.

**Ukwezi kw'ihagiko**

Kagame (1959: 63-64) yavuze ko ukwezi kw'ihagiko kwajyaga mbere ya Gicurasi, ikisunika, igasunika Kamena, kugira ngo Nyakanga izahurirane n'umwero w'amasaka. Ubwo amasaka aba atarera neza, ariko ntihaburemo azakoreshwa mu kuganura. Kagame avuga ko Mata ari ko kwezi kw'ihagiko, ariko nk'uko tubizi, Mata ni ukwezi kwihariye. Ahubwo ihagiko ryongerwa kuri Mata, nk'aho ari Mata ikomeje.[12]
Impamvu yo gushyira ihagiko mbere ya Gicurasi nta mushakashatsi wayitubwiye, ariko tuzirikanye imihango ngarukamwaka yavuzwe hejuru, twasanga barashakaga ko iyo mihango uko ari itatu yakwikurikiranya mu bihe

[11] *"When Umuganura was not celebrated as usual in June 1925, the end of such rituals at Court became widely known."*
[12] Umushakashatsi J.-P. Chrétien (1982: 155) yasanze i Burundi hari abavuga ko uko kwezi kw'ihagiko kwitwaga Rwirabura, ariko ntiyashoboye kubyemeza neza, kuko yasanze abenshi ari abatazi iryo zina.

bidahindagurika. Bikaba nk'aho Gicurasi yatangiraga umwaka w'imihango, uw'ubuhinzi ugatangira mu Ukwakira.

Kandi kuba ihagiko ryarajyaga imbere ya Gicurasi ni ibisanzwe mu bibariro byaremwe bagamije imihango, n'icy'i Rwanda kirimo, kuko Gicurasi ari ko kwezi kubambura imihango ya buri mwaka, n'ubwo umwaka w'ubuhinzi utangira mu Ukwakira. Abanyamihango bashinzwe bene icyo kibariro bashyiraga ihagiko nyuma y'ukwezi kwa 12, rikaba ukwa 13, nk'uko ab'i Rwanda baryongeraga kuri Mata.

N'Abayahudi ni ko babigenzaga. Imana yabategetse gutangirira umwaka ku kwezi kuboneka muri Mars-Avril, kwaje kwitwa "Nisan", bakawusoza mu kwitwa Adar, kwa 12. Ihagika ryaba ngombwa, bakongera ukwezi kuri Adar, kukitwa Adar II. Ariko ntibyababujije kugumana ikibariro cy'ubuhinzi bari basanganywe, gitangirira umwaka mu Tishri (Septembre-Octobre). Imana ibibemerera gukomeza imihango yizihiza kubiba, kuganura no gusarura, (Kuva 23:16; 34:22)[13] ariko batibagiwe kwibuka uko yabakuye mu Misiri.

Aho rero ni ho tugiye guhera tureba uko amezi ya kinyarwanda yakurikiranaga.

**Urutonde rw'amezi ya kinyarwanda**

Ikibazo cy'uko amezi yakurikiranaga nticyoroshye ikemura kubera ko hajemo ivangitiranya. Kagame (1972: 91) yatubwiye ko umuganura waribwaga mu kwa gatandatu, ariko n'ubundi ibyo ntibishidikanywaho: amasaka yahingwaga mu kwa 12 gushyira ukwa mbere (Chrétien 1982: 153), akera mu kwa gatandatu, ariko bakabanza kuganura, bakabona gusarura. Ariko se uko kwezi kwa gatandatu ni Kamena, nk'uko kuri ubu babivuga, bakanabyandika?

Iki ni cyo kibazo tugiye gusubiza.

Icya mbere kigaragara, ni uko amezi ya kinyarwanda agendera ku kwezi, ntabe yahwana n'aya kizungu, nk'uko urutonde rukoreshwa kuri ubu rumeze. Iri hwanya-mazina kandi ntiryaturutse kuri Kagame, kuko urutonde yatanze rwagerageje gukurikiza imiterere y'ikibariro nyarwanda. N'ubwo hari byinshi tuza kunengamo, Kagame yerekanye ko ukwezi kwa kinyarwanda kurengana

[13] Le Calendrier hebraique - Calendrier hébraïque — Wikipédia (wikipedia.org)

“imipaka” y’amezi abiri ya kizungu – mbese nka bya bindi bita “horoscope”, aho usanga igice gito kiri mu kubanza, ikinini kikaba mu gukurikira, kukaba ari ko kubona inzora[14]:

**Urutonde rwa Kagame (1959:63-64)**

1. Nzeri : septembre-octobre
2. Ukwakira : novembre
3. Ugushyingo : novembre-décembre
4. Ukuboza : décembre-janvier
5. Mutarama : janvier-février
6. Gashyantare : février-mars
7. Werurwe : mars-avril
8. Gicurasi : avril-mai
9. Kamena : Mai-juin
10. Nyakanga : juin-juillet
11. Tumba-Nyakime : juillet-août
12. Tumba-Kanama : août-septembre.

Aha rero, turabona ko harimo byinshi bitumvikana:

1. Umwaka wa kinyarwanda koko watangiraga ku muhindo, ya mvura ikuraho icyi, ikagwa mu kwezi kwa “September” gushyira ukwa “October.” Ariko uko kwezi si **Nzeri**: ni Ukwakira, nk’uko tuza kubyerekana.

2. Ukwezi k’**Ukwakira** ntikwahwana na “Novembre”, ku mpanvu zasobanuwe hejuru.

3. Ukwezi kwa **Mata** ntikuboneka kuri uru rutonde, kandi Kagame (1959:64) ubwe yaravuze ko ihagiko ryajyaga hagati ya Mata na Gicurasi.

3. Aya mezi abiri ahera, Tumba-Nyakime na Tumba-Kanama, ntiyongeye kuvugwa, usibye ko Kanama ikurikira Nyakanga (“ikanamira Nzeri”), ariko yonyine, itageretseho iyo Nyakime - usibye ko nta kwezi ko mu cyi kwakwitwa Tumba-Nyakime... Ariko aya mazina asa n’asangwa mu gitabo cya A. Pagès

[14] Horoscope Dates | Horoscope.com

(1933:425), kirimo amezi yise *"gatumba gatoya"* na *"gatumba kanama,"* akanavuga ko uku kwari ihagiko.

Ibi bintu biteye urujijo, kandi kubikosora ntibitworohera. Icya mbere, nidusubiza Mata mu mwanya isanganywe, ikurikira Werurwe, Kagame yashyize muri "mars-avril," turasanga Mata igiye muri "avril-mai", bitume n'andi yose yimuka, kandi akimukira aho adashobora gusangwa. Birasaba gushishoza neza, tukareba uko uru rutonde rwakosorwa.

Turabanza ku kibazo cy'uko amezi ya Kagame yikurikiranya uko bikwiye, ariko ntajye mu gihe cyayo. Kanama igiye muri "septembre" ntiyaba icyiswe Kanama. Gicurasi ivuye mu itumba ikajya muri "juin" ntawakongera kuvuga "ibicurane bya Gicurasi." Umuganura ntiwategereza "août," amasaka yaramaze guhunikwa. Mu kugerageza gukiranura ibi bintu, turabanza tumenye ukwezi kwa kizungu guhura na Gicurasi, twifashishije inyandiko za Kagame.

**Gicurasi iboneka mu kuhe kwezi?**

Kagame (1975:131) yanditse ko umudage Hans von Ramsey yasuye umurwa wa Runda (Kamonyi) muri mars 1897, akahava ku ya 22 y'uko kwezi, maze umwami agahita ajya ku Kamonyi muri iyo mars, gukora imihango itegura umuganura:

"*Après le départ de l'Allemand le 22 Mars [1897], la Cour se déplaça de Runda vers Kamonyi, ou elle célèbre aussitôt le cérémonial préparatoire à la fête des Prémices. Ce cérémonial avait toujours lieu au mois [en] mars-avril.*"

Kagame ntatubwira uwo muhango uwo ari wo, ariko icyo ni igihe cy'Icyunamo cya Gicurasi. Tuzi ko Icyunamo gitangira muri Gicurasi, ku mboneka, Ni ryo jambo ribanza mu Nzira ya Gicurasi: *"Iyo Gicurasi yabonetse, ingoma ntiziherezwa..."*

Turebye ukwezi kwabonetse nyuma y'iya 22 mars, von Ramsey amaze kugenda, dusanga hari imboneka ku ya 2 avril. Turebe no mu yindi myaka:

- 1897: Imboneka, **2 avril**; inzora: 17 avril
- 1925: Imboneka, **24 mars**; inzora: 9 avril

- 2017: Imboneka, **28 mars**; inzora: 11 avril
- 2022: Imboneka, **1 avril**; inzora: 16 avril

Moon Phases Calendar for the month of April 2022 (moongiant.com)

Uku rero ni ko kwezi kwa Gicurasi, kuza muri *mars-avril*. Ukwa Kamena ntakukwibazaho, kuko gukurikira Gicurasi, kukaboneka muri avril-mai, Nyakanga igataho, muri mai-juin. Ikaba ari yo kwezi k'umuganura. Hari inyandiko zadufasha kubishimangira neza, ariko reka tube duhereye

kuri aya mezi tumaze kumenya aho ahurira n'ay'ikibariro cya Gerigori. Turabanza ayo mezi atatu tumaze gutahura, kuko n'ubundi Gicurasi ari ko kwezi k'umuhango ubanziriza iya buri mwaka, nk'uko byasobanuwe hejuru, maze turebe uko n'andi yaba ahagaze, tugereranyine n'urutonde rwa Kagame:

1. Gicurasi : mars – avril
2. Kamena :avril – mai
3. Nyakanga : mai – juin
4. Kanama: juin – juillet
5. Nzeri: juillet – août.
6. Ukwakira : août – septembre
7. Ugushyingo : septembre – octobre
8. Ukuboza : octobre – novembre
9. Mutarama : novembre – décembre
10. Gashyantare : décembre – janvier
11. Werurwe : janvier – février
12. Mata: février – mars.

Ubanza uru rutonde ruhagaze neza, ariko reka tubanze turebe ko hari ikindi cyakwemeza ko Nyakanga ari ko kwezi k'umuganura koko. Na none turifashisha inyandiko za Kagame.

**Ukwezi k'umuganura**

Inzira y'Umuganura yerekana ibihe byo kubiba no kuganura, ariko bishingiye ku masaka yabibwaga mu cyi[15], mu nkuka z'ibishanga. Ntituzi igihe wimukiye ku masaka abibwa mu kwa mbere, ntituzi n'icyabiteye, ariko ni byo dukurikiza muri iyi nyigo.

Umuganura wizihizwa mu kwezi kwa gatandatu. Ibyo ntibishidikanywa, kuko amasaka yera mu kwa gatandatu, kandi abashakashatsi bakaba barabihamije ari benshi: Kagame (1959:63; 1975:144; 1972:91); Des Forges (2011:208), Coupez & Kamanzi (1962:29), Chrétien (1982:155), n'abandi. Igisigaye ni ukumenya izina ry'uko kwezi, tukamenya niba hari ku mboneka, ku nzora se, cyangwa mu kindi gihe. Ibi bibazo turabishobozwa mbere na mbere na Kagame ku bashyitsi b'abadage basuye ibwami, ku matariki azwi, kandi mu gihe cy'umuganura: Richard Kandt na Hans von Ramsey.

Kagame (1975:144) yanditse ko icyo gihe umwami yari yaganuriye i Gitwiko, mu karere ka Muhanga, ariko imihango ihumuje, agahita ajya ku Mukingo (muri Muhanga na none), gutaha umurwa wari umaze kuhubakwa. Kandt na we ahagera mu wa 1898, ku itariki ya 14 z'ukwa kane, ahava ku ya 19:

"*Ce fut immédiatement après la fête des Prémices que la cour alla inaugurer la nouvelle résidence construite entre-temps à Mukingo. Le Dr. R. Kandt [...] y arriva et y séjourna du 14 au 19 juin [1898].*"

Ibihembwe by'ukwezi kwa gatandatu k'uwo mwaka wa 1898[16], kuri ayo matariki, nk'uko bigaragara kuri murandasi, byerekana igihe cy'ukwezi k'umuganura. Dusanga uko kwezi kwarabonetse ku tariki ya 20 y'ukwa gatanu, kukuzura ku ya 4 y'ukwa gatandatu, gushira ku ya 19, ari na wo munsi Kandt yasezeye.

---

[15] Mu Nzira y'Umuganura, amasaka yabibwaga mu Nzeri (july-august – "Season A"), mu nkuka z'ibishanga (mu majyaruguru hatabura imvura bahingaga n'ahatari igishanga): *"Bakajya muu nkuka bakabiba – ubwo ni mu Nzeri"* (Inzira y'Umuganura, 31-32 - https://inganzo.jouwweb.nl/ubucurabwenge/inzira-z-ubwiru). Ariko ubu, ibihe byarahindutse, ahabibwa mu kwa 8 ni hake, nk'uko imusozi, "Season B" isigaye itangira mu kwa 2. Cf. FAO Crop Calendar, Rwanda, 2021 - https://www.fao.org/giews/countrybrief/country.jsp?code=RWA

[16] Moon Phases for 1898: Moon Phases for 1898 year. (predicalendar.com)

Imboneka yo turayihorera, kuko ku wa 20 w'ukwa gatanu nta masaka yaboneka. Ahubwo n'iyo nzora yari yaje kare cyane.

Rero, niba umuganura waratangiye ku ya 3-4, ukwezi kuzuye[17], ukamara iminsi 4-5, ibirori byahumuje ku ya 6-7. Bukeye bajya ku Mukingo, ni hafi y'i Gitwiko, bataha umurwa. N'ubwo tutazi igihe iyo mihango yo gutaha umurwa w'umwami yamaraga, kubera ko inzira yayo yatakaye, twayiha na yo iminsi 4-5, kugeza ku itariki ya 11-12. Kandt ahagera ku ya 14, ibirori byarahumuje. N'ubundi, nta munyamahanga wemererwaga kwinjira mu murwa w'umwami mu gihe cy'imihango mikuru, ariko mu birori biyisoza bashoboraga kwakirwa.

Iyo mibare rero yari igamije kwerekana ko dukurikije ibyo Kagame yatugejejeho, mu mwaka wa 1898 bagombaga kuba baraganuye ku nzora y'ukwa gatandatu, ku itariki iri hagati y'iya 2 n'iya 4, hakaba ku nzora, kandi twakurikiza rwa rutonde rutangirwa na Gicurasi, tugasanga iyo nzora ari iya Nyakanga.

Ahasigaye ni ukureba ko hari icyemeza ko no mu yindi myaka baganuraga ku nzora ya Nyakanga. Icyo tubona ni uko kuganura kare cyane bityo, ku ya 4 juin, ari nta yindi mpamvu yabitera, usibye ko wari umunsi ntarengwa. Kandi nta kindi umunsi ufite, usibye kuba uw'inzora yo mu kwa 6.

Turebye inzora zaje mu kwa gatandatu kw'indi myaka, twasanga zakorerwaho umuganura koko:

- 1899: Imboneka, 8 juin; inzora: **23 juin**.
- 2014: Imboneka, 28 mai; inzora: **13 juin.**
- 2019: Imboneka, 3 juin; inzora: **17 juin.**

  Moon Phases Calendar for the month of June 2019 (moongiant.com)

Nta gushidikanya rero: Nyakanga ni ko kwezi k'umuganura, urutonde rw'amezi ni ruriya tumaze kubona.

[17] Mu bumenyi bw'ibyo mu ijuru, inzora nyirizina ibarwa ku munota n'amasegonda ukwezi kuba gutumbiranye n'izuba neza. Ariko ku barebesha amaso masa, ukwezi kumara iminsi itatu babona kuzuye. Ni ukuvuga ko ku bahanga barebera mu byuma, ukwezi kwa gatandatu ko mu wa 1898 kuzuye ku ya 4, ku munota uyu n'uyu, ariko ku barebesha amaso kwari kuzuye kuva ku ya 2 kugeza ku ya 6, kuko muri iyo minsi yose kwabonekaga ku kigero kirenze 90%: Moon Phases and waning, waxing information for June 1898 (predicalendar.com)

Ubwo tumaze kwemeza ukwezi k'Umuganura, reka turebe ukwezi kwatangiraga umwaka, ari ko mfura y'amezi.

**Imfura y'amezi**

Coupez & Kamanzi (1962:29) bavuze ko umwaka wa kinyarwanda watangiraga muri "Septembre". Na Kagame (1959: 63-64) ni ko yari yaravuze, ubanza ari na we abo bandi bagendeyeho, yakwibeshya na bo bagakosa. Ikindi, Kagame yumvaga ko uko kwezi kwa mbere ari Nzeri. Kugira ngo dukemure icyo kibazo, turabanza turebe uko abandi banditsi babivuga. Turatanga ingero ebyiri, rumwe ruva mu mvugo ya rubanda, mu migani, urundi ruva mu bwiru:

- Smith (1975: 144-145), mu mugani wa Kimenyi na Kibaza, uyu ajya kubaza uriya imfura y'amezi iyo ariyo, akamubwira ati: "*Imfura y'amezi ni Ukwakira, kwakira imbuto zose." Imvura ikagwa, ibishyimbo bigaterwa, uburo bukabibwa… imbuto nyinshi zikamarirwa mu butaka.*"

  Iyo mvura bavuga ni iy'umuhindo, icyi rikutse.
- D'Hertefelt & Coupez (1964), mu nzira y'ubwiru yitwa Ishora, iyo babaga bamaze kwegeranya ibizakoreshwa, biteze gutangira uwo muhango, bagiraga bati: *"Ubwo rero twimirije umwaka imbere, ukwezi ni Ukwakira."* [18]

Ibyo byemezo birahagije. Abanditsi bane (cyangwa batandatu) bahurije ku kintu kimwe: imfura y'amezi ni Ukwakira.

Igisigaye ni ukureba igihe uko Kwakira kwabonekeraga. Tumaze kubona ko imvura yavuzwe mu mugani wa Kimenyi na [19]Kibaza ari iy'umuhindo. Mu kwa cyenda ni ho ikomeza umurindi, n'ubwo ijya inyuzamo igatangira kugwa mu minsi ya nyuma y'ukwa munani. Meteo Rwanda yerekana ku rubuga rwayo ko mu mwaka wa 2020, imvura yatangiye kugwa mu kwa munani.[20] N'ukwezi kw'Ukakira na ko ni uko: kenshi kuboneka mu minsi ya nyuma y'ukwa munani, ariko hakaba n'iyo kuboneka mu kwa cyenda. Turebye ku bibariro by'amezi bisangwa kuri murandasi, tuhasanga ukwezi kuboneka mu minsi ya nyuma y'ukwa munani cyangwa mu ya mbere y'ukwa cyenda, kukaba kwahwana

[18] https://inganzo.jouwweb.nl/ubucurabwenge/inzira-y-ishora

[19] (Moon Calendar - https://phasesmoon.com/mooncalendar.html)

[20] Rainfall_forecast_for_August_2020_1.pdf (meteorwanda.gov.rw)

n'Ukwakira. Turerekana imyanya yako mu myaka itandukanye, maze turebe ko kwaba ari ko kwinikiza umuhindo. Nidusanga ari byo, turamenya ko uko kwezi ari Ukwakira:

- 2013: Imboneka, **5 septembre**; inzora: 19 septembre.
- 2019: Imboneka, **30 août** ; inzora, 14 septembre.
- 2021: Imboneka, **7 septembre**; inzora, 10 septembre.
- 2022: Imboneka, 27 **août**; inzora, 21 septembre.

Izi ngero zerekana ko ukwezi kuboneka muri ibi bihe by'iyi myaka twatanzeho urugero, ari Ukwakira koko, ukwezi kwinikiza umuhindo, kukaba imfura y'amezi. Kandi ibi bitumye twumva ko abavuga ko umwaka wa kinyarwanda watangiraga mu kwa cyenda: igice kinini cy'Ukwakira kijya muri uko kwezi, kandi imvura ikomera muri iyo minsi.

Ubwo dusoje iby'Ukwakira, reka turebe ko nikujya mu mwanya wako bikosora urutonde rwa Kagame:

1. Ukwakira : août – septembre
2. Ugushyingo : septembre – octobre
3. Ukuboza : octobre – novembre
4. Mutarama : novembre – décembre
5. Gashyantare : décembre – janvier
6. Werurwe : janvier – février
7. Mata: février – mars
8. Gicurasi : mars – avril
9. Kamena :avril – mai
10. Nyakanga : mai – juin
11. Kanama: juin – juillet
12. Nzeri: juillet – août.

Ubanza uru rutonde ari rwo nyakuri. Kanama igarutse mu cyi ryayo, Ukuboza kugarutse mu mezi y'umuhindo, Gicurasi isubiye mu itumba ryayo, Nyakanga

“kanga amabuguma” izongera izane impeshyi, kuko ari ko kwezi k’umuganura, Ukwakira “kukimiriza umwaka imbere,” nk’uko abiru bavugaga.

Naho urutonde **rwa “kijyambere”** tugenderaho kuri ubu, rusa n’urwagenwe mu byo koroshya ibintu, ariko rudakurikije imiterere y’ikibariro nyarwanda, cyagenderaga ku kwezi. Biranashoboka ko bashingiye ku kwezi barimo igihe bagenaga “kalendari”, ariko bibagiwe ko kuva ku icibwa ry’umuganura, hamwe n’umwiru wawo, mu 1925 umwaka utongeye guhagikwa, ukaba utagihuye n’uw’ikibariro cya Gerigori, ugendera ku zuba. Kandi bongeyeho ikosa ryo guhwanya amezi ya kinyarwanda n’aya Gerigori, kandi bidashoboka, ku mpamvu zasobanuwe hejuru. Ni ko twaje kugendera ku kintu gikocamye gitya:

**Urutonde rwa “kijyambere” rukoreshwa kuri ubu:**

1. Mutarama : janvier
2. Gashyantare : février
3. Werurwe : mars
4. Mata : avril
5. Gicurasi : Mai
6. Kamena : juin
7. Nyakanga : juillet
8. Kanama : août
9. Nzeri : septembre
10. Ukwakira : octobre
11. Ugushyingo : novembre
12. Ukuboza : décembre.

Aha nyine ni ukugereka amazina ya kinyarwanda ku ya kizungu gusa. Nyamara mu bindi bihugu bisanganywe ikibariro cyabyo, ntaho tuzi na hamwe bashatse guhwanya amezi yabo n’ay’ikibariro cya Gerigori. Nta n’uwabitinyuka, kuko byaba ari ugutesha agaciro umuco wabo. Ahubwo babangikanya ibyo bibariro byombi, icyo basanganywe kikaba icy’imihango y’iyobokamana ryabo, icya

Gerigori kigakoreshwa mu mirimo yindi. Ubwo rero bakaba bagira imyaka ibiri itandukanye, uw'iyobokamana n'imihango yaryo, nk'uko uwacu watangiraga muri Gicurasi, uw'ubuhinzi n'indi mirimo isanzwe ugatangira mu Kwakira.

**Umwanzuro**

Muri iyi nyandiko twagerageje kwerekana uko ikibariro nyarwanda cy'umwaka cyari giteye, dukurikije ibyanditswe n'abashakashatsi. Twasanze aba kera barabaririaga amezi bahereye ku mboneka, akaba 12, n'ukwa 13 bongeragaho iyo babonaga ukwezi kwagenewe umuganura, ari ko Nyakanga, kuzaza amasaka atarera. Uko kwezi kwitwaga ihagiko, kukajya hagati ya Mata na Gicurasi.

Amezi ya Gicurasi, Kamena na Nyakanga yari ay'imihango ngarukamwaka, yubahirizwaga mu gihugu cyose: Icyunamo muri Gicurasi, Ibirori byo gukura icyo cyunamo, muri Kamena, n'Umuganura wo muri Nyakanga. Guhagika ni byo byatumaga umwaka ubarirwa ku kwezi utabusanya cyane n'uw'ibihe by'ubuhinzi, kuko byo bigengwa n'izuba. Bikanatuma ayo mezi y'imihango uko ari atatu aguma mu gihe cyayo, mu itumba no ku mpeshyi itangira, bagabura.

Tumaze kwerekana ko Nyakanga ari ko kwezi k'umuganura, mu kwa gatandatu kwa kizungu, twashatse ibyakwemeza ko Ukwakira ari ko gutangira umwaka, kukaba imfura y'amezi. Tuboneraho dutondekanya amezi dukurikije ibyo byemezo, maze dusanga urutonde dukoresha ubu rudahuye n'urw'abakurambere badusigiye.

**Indangasoko**

Chretien, J.-P., Le Sorgho dans l'agriculture, la culture et l'histoire du Burundi, Journal des Africanistes,Année 1982 52-1-2 pp. 145-162.

Coupez, A. et Kamanzi, T., Récits historiques rwanda, Tervuren, 1962.

Des Forges, A., Defeat is the only bad news : Rwanda under Musinga,1896–193. University of Wisconsin Press. 2011.

D'Hertefelt, M. et Coupez, A.,La Royauté sacrée de l'ancien Rwanda Tervuren, 1964.

Desouter, S. Abrégé agro-pastoral Rwanda. Agence de coopération culturelle et technique,1982.

Kagame, A., La notion de génération appliquée à la généalogie dynastique et à l'histoire du Rwanda des Xe - XIe siècles à nos jours. Bruxelles, 1959.

Kagame, A., Un Abrégé d'ethno-histoire du Rwanda, Butare, 1972.

Kagame, A., Un Abrégé de l'histoire du Rwanda, Butare, 1975.

Laurence, R. (transl.), The Ethiopic Book of Enoch, London, 1883.

Pages, A.. Un royaume hamite au centre de l'Afrique. Bruxelles, 1933, p. 613.

Smith, P., Le récit populaire au Rwanda, Armand Colin, 1975 (Classiques africain, No. 17).

Smith, P.. Les tambours du silence (Rwanda), *L'Homme* 143, juillet-septembre 1997, pp. 151-163. Les tambours du silence (Rwanda) - Persée (persee.fr).

Vansina, Jan., L'évolution du royaume Rwanda des origines à 1900. Revue belge de philologie et d'histoire, tome 43, 1965. pp. 123-127.

## IJAMBO RYIZA NI MUGENZI W'IMANA

*Mgr SINAYOBYE Edouard*

**Inshamake**

Ijambo ryiza rifite agaciro ntagereranywa mu mibereho ya muntu no ku Banyarwanda by'umwihariko. Mu mibereho yabo, Abanyarwanda bakunda ijambo ryiza, bakaryubaha kandi bakariha rugari. Iryo jambo riboneka mu mvugo yabo, mu nyandiko zitandukanye, mu mbwirwaruhame, no mu nyandiko z'ubuvanganzo. Ijambo ryiza rituruka mu mutima w'urivuga; maze akari ku mutima, kagasesekara ku munwa. Ijambo ryiza ryubaka umuco w'ineza, ririgisha, rihumuriza kandi rikaruhura umutima ubabaye, rizana ibyishimo mu mutima w'uribwiwe rikamwongerera imbaraga, agakomeza kugira ibyiringiro byo kugira icyo ageraho kabone nubwo yaba yabonaga nta nzira byanyuramo. Ijambo ryiza rikwiye gutozwa ababyiruka, bakarigira indamukanyo yabo, rikababera ibanga ry'ubuzima[21].

**Abstract**

A positive word has an incomparable value in human life and for Rwandans in particular. In their lives, Rwandans love a good word and they respect it. A positive word is found in their speech, in various writings, in public, and in literary texts. A positive word comes from the heart of the speaker; the heart becomes the beauty of the triad of wisdom, tenderness and will. A positive word builds a sense of kindness, teaches, comforts a sad heart, brings joy to the heart of the one who is spoken to and increases his strength, and he continues to have hope of success even if he sees no way through.  Youth should be trained to positive word, so that it become their daily concern, and become the secret of their lives.

[21] Iyi nshamake yakozwe n'ubwanditsi bw'Igazeti Umurage nomero ya kane.

## IJAMBO RYIZA NI MUGENZI W'IMANA

Umuhanzi w'umunyarwanda yagize ati **: «** *Ntugahandwe ku rurimi, na cyo ikirenge kirahari, kandi ntugatumbe ku mutima* ». Undi na we ati: « *ijambo ryiza rivura nk'ikinini* ».

Umugani w'umunyarwanda, ari nawo nteruro-remezo y'igitabo, ukagira uti : « *Ijambo ryiza ni mugenzi w'Imana* », bishatse kuvuga ko Ijambo ryiza rikiza, rikagira neza byabuze urugero, mbese nk'uko Imana ikiza, ikagirira neza abantu.

Ijambo ryiza, Abanyarwanda bararikunda, bararyubaha bakaryubahiriza, bakagororokerwa mu kuriha rugari. Narabyitegereje, numva birantangaje kandi biranyuze.

Iryo jambo Abanyarwanda bubaha bene ako kageni, ribumbatiye umuco wabo: niryo riwubatse, rikawuvuga, rikawurangira abatawuzi, rikawutoza bene wo. Ni ingobyi y'umuco, ni isaso yawo, ni ikirango cyawo.

### Ijambo ryiza turisanga he?

Maze kunyurwa n'ubwiza bwaryo, no gutangarira uburyo Abanyarwanda baryubahiriza, nagiye ndisanga, ngenda ndishaka. Riboneka mu mvugo yabo, mu myandiko zitandukanye, mu mbwirwaruhame, mu nyandiko z'ubuvanganzo (ibyivugo, amazina y'inka, ibisigo, imigani, ibisakuzo, indirimbo n'ibindi).

Reka mbasangize ingingo 4 zikubiyemo ibyanyuze dusanga mu gitabo « *Ijambo ryiza ni mugenzi w'Imana* ».

#### 1° Mbese ijambo ryiza riva he ?

Ngo « *akuzuye umutima gasesekara ku rurimi* » kandi ngo « *Kami ka muntu ni umutima we* ».

Aho rituruka, ni ikambere mu mutima w'umuntu urivuga; mu gitabo, nahise kwa " Mucyo w'ineza". Hatatse ubwiza bw'inyabutatu:

**Bwenge:** Bwenge ni igice kigenewe gutekereza no gusuzuma ko ikintu iki n'iki

gihuje n'ukuri maze kikabona kukemerera kwinjira mu mutima. Ni umurinzi w'umutima. Ubwenge buhora ahirengeye. Ubwenge bufite n'ubundi bushobozi twita ubwigenge. Ubwenge ntibucagase, kandi ntibupfundikiye. Buhora bwunguka kandi uko bwunguka ni nako bukura. Ubwenge iyo butatokojwe n'umwijima w'ubumenyi bubi, bushyikiriza icyo bwashimye ikindi gice cy'umutima, twakwita Bwuzu.

**Bwuzu :** ni ubushobozi bwo gukunda icyo ubwenge bwashimye. Ubwuzu bukurikira ubwenge. Kimwe n'igice cy'ubwenge, igice cy'ubwuzu nacyo kiragutse. Muri iki gice cy'umutima, hatsitsemo imbaraga z'urukundo zitangaje. Hari uwagize ati: « *Umutima w'umuntu utsitsemo imbaraga z'ineza zitagira uko zingana, ushobora kwikorera isi n'ijuru. Dufite i kambere mu mutima wacu, aho inabi itagera. Amarembo y'umutima wacu aragutse cyane ngo yakire bose, ntitukayashyiremo ibihindizo.*»

**Bushake :** Ni ubushobozi butagira ingano. Ni imbaraga zigambiriye gushyira mu ngiro igikwiye. Izo mbaraga z'umutima zipfunduka iyo ubwenge bwemeje ko ikigambiriwe gukorwa gikwiye kandi umutima wagikunze.

**2° Uburyo ijambo ryubaka umuco w'ineza**

Ijambo ryiza ryubaka indangagaciro z'ubuzima.
Ushaka kwimakaza ijambo ryiza, yirinda ijambo ribi. Dore ingero zimwe na zimwe z'ijambo ribi: - Ikinyoma; igitutsi; kunegurana; incyuro; amazimwe; Urubwa; kwishongora; amatiku; gushyomoka; imvugo nyandagazi; kwirarira; gushinyagura; kumena ibanga.

**Ibiranga ijambo ryiza:**

Ijambo ryiza riva ku mwiza, rikaba rigamije ikiza, rihuye n'ukuri, kandi ribwiwe uwo rigenewe mu gihe gikwiye.

**Ingero z'ijambo ryiza**

**- Ijambo mu burere bw'ababyiruka**: Urugero ni nk'umwandiko wamamaye w'Ibyiruka rya Maheru: « *Mahero urabizi, ngukunda bikabije, urarwana ujya hehe ? Iyo utuje ugakunda, ugaturana neza n'abitwa ababyeyi. Mahero iyo umbereye umwana*

*uko nshaka, aho kunyaka ijambo* ».

- **Ijambo rivuga umuntu neza :** Nk'iyi ndirimbo, aho umuhanzi agira ati: « *Ikiremwa muntu nicyubahwe, mukirinde akarengane, uronda ubwoko cyangwa akarere, burya aba ashaka kugucura. Abantu bose uko baremwe, barareshya imbere ya Nyirigira. Ari abagufi, ari abarebare cyangwa banyuranije ibara, burya nta kiremwamuntu gisumba ikindi* ». ( Rugamba Spiriyani).

- **Kubwira umuntu urukundo umufitiye:** Amazina twita abana: **"** Cyuzuzo, Cyungura, Rugwiro**.** Umuhanzi ati: " *Ngwino Juru ry'icyeza, mpinga itagira icyanze, maso atagira icyusa, cyemezo cy'urukundo*" (Rugamba)

**- Indamutso nyarwanda:** Hose harimo kwifuriza uwo uramukije kubaho: " waramutse, uramuke, wirirwe, bwakeye, burake".

- **Ijambo rishima rikanashimira umuntu**: Urugero ni nk'iyi dirimbo: « *Nsanze umubyeyi wampaye byinshi, mama wambyaye nzakwitura iki ? Ko wanyikundiye nkiri muto. Ca inkoni izamba mubyeyi we, ko wamenyereje impuhwe nyinshi, uri umubyeyi ukwiye impundu. Nsanze umubyeyi anyihoreze. Ko nakubereye imfura mbi, nkaguteteteza ijoro n'umunsi, mbabarira sinzogera ».* ( Kabengera Gaburiyeri.)

- **Ijambo ryigisha indangagaciro z'ubuzima**: urugero ni ijambo rivuga amahoro**:** « *Amahoro ku giti cy'umuntu, ni uburenganzira bushobotse, mu mibereho ye n'abandi, mu migirire yagennye ubwe, atabangamiye rubanda, nk'uko bazira kubimugirira na bo. Amahoro ngo umuntu yikingemo kandi ahaze amaso amuhozeho, naho iby'amatsiko bibuze* ». ( Nkurunziza Fransisiko).

- I**jambo rihana kandi rihanura:** ngo irya mukuru riribwa umuranzi, riratinda ntirihera.

**- Ijambo rihumuriza:** rituma umuntu atekana ku mutima, ntiyihebe: Umuhanzi ati: « *Niba mu maso yombi, hitetsemo amasonza, nzayakamya nkikubona. Niba umutima utera, ntuhame mu gitereko, nzawuhoza nkikubona. Ninkugera iruhande, uzanjye mu ruhando, nkwiririmbire nkureba ».* (Rugamba Sipiriyani).

**- Urwenya ruruhura**: urugero ni nk'Indyoheshabirayi.

**3° Inzira ricamo ngo rihinduke ibanga ry'ubuzima**

Habanza kumva neza, utumvirana: ni ukwakira ukuri kwaryo.

Hakurikiraho kuryakirana umutima w'isugi ukereye ikiza: ni ukuvuga udapakiyemo ibindi bitekerezo biribangamiye. Ngo : « *Amatwi arimo urupfu ntiyumva.*»

Hanyuma, hagataho kwiremamo ituze : uryakira akora umwitozo wo gucecekesha ibisakuza imbere n'inyuma h'umutima we. Umuco mwiza wo guceceka no gutuza, si ukubura ijambo, si ukurisuzugura, ahubwo ni ukwanga kuripfobya :

« *Ngo kujijuka ni ugutuza, si ugutondekanya amahomvu, si ugucika uruhondogo. Burya guceceka si ubucucu, ni ugucengerwa n'ibyo uzi, maze ugacira imbere ugatuza, ugatana usanga irikuri mu nda, kubikira ubuhoro bwawe* » **(Rugamba Sipiriyani).**

Hanyuma hakabaho kunyuza ijambo mu kayunguruzo k'ubwenge.

Hari uburyo butatu ubwenge bw'umuntu bushobora gukoresha ngo bumenye ko ijambo bwakiriye rihuje n'ikiri icyiza : kureba ukuri kw'ijambo, kureba niba rihuje n'indangagaciro no kureba niba rifite akamaro.

Iyo ijambo ryakiriwe neza, rihinduka ibanga. Ijambo ryiza rihinduka urumuri rw'ubuzima. Ukarihoza ku mutima, ukarizirikana, bityo rikamurikira ubuzima, maze rikakuremamo umuco w'ineza.

**4° Ijambo ryiza riturenza impinga y'ubuzima**

Ugiye gupfa arisigiraho umurage abasigaye. Bityo rituma asigara mubo asize ku isi. Ikindi kandi ridutungira agatoki hirya y'ubu buzima: rikatubwira ko ugiye ataba azimye; hirya y'ubu buzima buzima ngo hari ubundi. Umuhanzi ati: « *Iryo juru ryererana nk'inyange, inyamibwa yabasumbye ahora atetse antegereje. Nampamagara ngo musange muzavuze impundu, nanjye nzitaba nshize impumu we, ijuru ndyinjiremo mpamiriza.*

*Niba ndangije ibyo gusaza, muzavune sambwe musanze imigara, mwirinde amarira mu ngamba z'inganji, nanjye ubwo nzagenda nkeye we, intwari iramukiwe iratabara* ». (Rugamba Sipiriyani).

Mu gihe asezera k'ugiye ahamya ko asanze Imana idapfa:

*« Ubwo warurwanye uri ubukombe, uzatabaruka uri urwego.*

*Uzaba usanze Rutijanwa, uzamutashye bishyire kera. Uramutse Umwami w'ingoma iganje, wa Rutagamburuzwa mu mihigo, yitwa Myasiro y'urukundo, nta we umukumbura ngo aripfane.*

*Uramutse Singu y'ingoma ikeye, ya Rudakereranya ubutwari, yitwa ntambara itaginanwa, ntajya imbizi n'imbaga imwanga, yitwa Mbabazi mbere ya byose.*

*Uramutse Impangare ihatse bose, ntawe umutatira ngo amutubye, ntawe umuforera ngo amuhwanye, yitwa impangara-batanazi.*

*Uramutse Bwiza buzira inenge, nkunda ineza ye itagerura, nta we umunambira ngo amunene, nka bamwe bahora bahema abahakwa.*

*Uramutse Rwego rwo mu mpundu, Ngombwa utekeye ingabo neza, wa Rudahuganywa n'ibihita, yitwa Rwiharira mu mihigo.*

*Uramutse Umwami w'ingoma zose, uw'ingoro yizihiye amaraba, n'amaribori y'abamurata, ngo bamurambane mu rukundo.*

*Uramutse Umwami uruta abamwanga, n'abaginanwa kumwigimba, bisihingira kumusumba, aho kubarwanya akajya abarwaza, ngo abahe urwaho rwo kumusanga ».*

Ijambo ryiza rivuga Imana. Abanayarwanda banogerwa no kuyivuga ibigwi :

*«Urugangazi rwo mu mpundu, mwumve mwese bantu b'isi, ndate Imana isumba byose, Rugira twambaza Uw'iteka, itetse ku ntebe y'ubwiza, ikeye ikamba ry'urwererane, igira uruhanga rubengerana, rurabagirana impuhwe n'ubwiza". Ijambo itoboye ityo yibwira, ntiribe nk'uru rusaku rw'amajwi, rikaba Mwana Rugira ibyara, kamere bombi imwe rukumbi. N'ubwo bwiza busendereye, n'iyo nyanja itagira impiza, no kuba irebero ry'uburanga, no kuba isoko itemba inshyushyu ».* **(Padiri Alegisi Kagame)**

Musomyi nshuti, reka ndangize nkwifuriza ihirwe:

***Uragahorana ishya,***

***Urakabyara impanga wabyaje inka,***

***Ntukabure amata ku ruhimbi,***

***Ntukabure mu bawe,***

***Ntukabure abagukunda,***

*Ntugacumbagire,*

*Uragahorana Imana, ya yindi yakuraye ku mubiri, ikakuraranira umugambi, ikagusesuraho umucyo wayo. Kabeho !*

# URUHARE RW'UMUCO W'I RWANDA MU ITERAMBERE RY'IGIHUGU MU GIHE K'IKORANABUHANGA

*Bwana HABUMUREMYI Emmanuel,*

*https://www.linkedin.com/in/emmanuel-habumuremyib808861a/*

*Umushakashatsi mu by'indimi, ikoranabuhanga rigamije iterambere (ICT4D) n'isakazamakuru*

**Inshamake**

Umuco ufite uruhare rukomeye mu iterambere ry'ubukungu. Ni umuyoboro abantu bubakiramo ingamba z'uburyo bw'imikorere ngo biteze imbere. Umuco ugira uruhare ruziguye ndetse n'urutaziguye mu iterambere ry'ibihugu aho ufatwa nk'inkingi ya mwamba mu gukomeza ubudaheranwa, imibanire n'imikorere biganisha ku ntego z'iterambere by'imiryango y'abantu. Mu Rwanda, umuco warwo ni ikirango abagize umuryango nyarwanda bavomamo indangagaciro basangiye, bakawutoreramo imigirire ikwiye, bakawugiriramo amahitamo banitoza ubumenyi buganisha ku iterambere rirambye. Mu gihe isi dutuye igenda ihinduka umudugudu, aho ikoranabuhanga mu itumanaho n'isakazabumenyi rigira uruhare rukomeye mu gukwirakwiza ubumenyi n'umuco mu batuye isi, umuco w'abantu ugira uruhare mu iterambere rya muntu aho urushije abandi kuwubyaza umusaruro bimutunga, umuco we ukamuhesha ijambo, ijabo awukesha rikamufasha guhatana ndetse no kuganza abafite umuco ufite intege nke. Mu muco wifitemo indangagaciro njyabukire kandi zijyanishwa n'igihe cy'iterambere, umuco uhinduka umusingi w'amajyambere kuri ba nyirawo.

Iyi nyandiko igamije kurebera hamwe muri rusange uburyo iterambere rishingiye ku muco riba rifite urufatiro rutuma riramba. Hashingiwe ku ngero zifatika mu gihugu cy'u Rwanda. Inyandiko iribanda ku zigaragaza uburyo ibikorwa by'iterambere byubatswe bishingiye ku ndangagaciro z'umuco bigenda bitanga umusaruro mu rwego rw'ubukungu, cyane cyane iyo bishingiye ku ngamba zishyira umuntu ku isonga ry'ibikorwa no ku muco wo kwishakamo ibisubizo. Ibi byose birahuzwa n'iterambere ry'ikoranabuhanga mu itumanaho, harebwa uburyo ibihangano bishingiye ku muco bishobora kuba isoko y'iterambere ry'ubukungu bw'igihugu n'abagituye.

**Amagambo fatizo:** Ubukungu n'umuco, ikoranabuhanga mu iterambere, ibihangano bishingiye ku muco, itokozamuco, isi y'ikoranabuhanga.

**Abstract**

Culture plays a big role in development. It is seen as "shaping a repertoire or 'tool kit' of habits, skills, and styles from which people construct 'strategies of action". Culture plays both direct and indirect roles in the nation's development and has set itself as one of the main pillars for sustenance of society resilience and

cohesion and performance towards common development goals. For Rwanda, its culture means identity where Rwandans, as a social group, share common values, attitudes, preferences, knowledge that have a positive influence on social development of its citizens. As the world is becoming a global village due to the advancement of information technologies, culture is a necessity for human development. A constellation of cultural values suited for modern business seems to be a critical ingredient for any progression.

This paper will examine how development regarded as the enhancement of people's living standards cannot ignore culture. It will look at how interventions that are responsive to the cultural context and the particularities of a place and community and advance a human-centered approach to development are most effective, and likely to yield sustainable, inclusive, and equitable outcomes while considering the role of information technology as a channel to spread cultural commodity in the global village and its impact on economic development of a nation.

**Keywords:** Culture and development, ICT for Development, culture-based commodities, acculturation, information society.

**Intangiriro**

Guhuza umuco n'iterambere ni ibintu bidakunda kuvugwaho rumwe n'abantu bose. Abashakashatsi benshi birinda kuvuga ko umuco ufite uruhare rukomeye kandi rutaziguye mu iterambere ry'ubukungu bw'ibihugu. Ibi bigaterwa n'uburyo isano y'inshoza 'umuco, ubukungu ndetse n'iterambere' ridakunda gutindwaho cyane iyo bagenzura ibyagezweho mu iterambere, bishingira ku bipimo byifashishwa mu mu buryo bwa gihanga.

Umushashatsi Wuduloki (Woolcock, 2014, p. 2) we, agaragaza ko mu myaka makumyabiri ishize, habayeho impinduka zigaragara mu rwego rw'abashakashatsi hamwe n'abashinzwe gukora ibikorwa by'iterambere. Mu mpaka zigibwa kuri iyi ngingo irebana n'isano iterambere rifitanye n'umuco havuyemo ibitekerezo bishyigikira rimwe muri aya matsinda atatu y'ingenzi :

(i) Itswinda rya mbere ryumva umuco nta cyo umaze mu iterambere, bityo akaba nta mpamvu yo kwirirwa uwutindaho;

(ii) Itsinda rya kabiri ryo risanga umuco ari ikibazo gikomeye kuko ryumva uyu muco ubangamiye iterambere, bityo iyo umuntu ashatse gutera imbere agomba gushaka uko yawutsindisha gukora ashaka uburyo yawubahiriza cyangwa agakikira ibiwurimo bituma udakora ibyo wifuza;

(iii) Itsinda aherutsa ni abumva ko umuco ushinze imizi wifitemo ububasha bwihutisha iterambere nk'uko ibihugu byihuta mu iterambere byo muri Aziya biwubakiyeho.

Avuga ko aba bashakashatsi, cyane abo ku rwego ruvuzwe bwa nyuma, babonye umuco ari wo muyoboro n'urufatiro abantu bubakiramo ingamba z'uburyo bw'imikorere ituma batera imbere nk'uko byagaragajwe na Swideleri (Swidler, 1986, p.273).

### 0.1. Intego y'iyi nyandiko

Iyi nyandiko ifite intego yo kugaragaza uruhare umuco ufite mu iterambere ry'ubukungu bw'igihugu no kuzamura imibereho myiza ya ba nyirawo, hitabwa ku ruhare ikoranabuhanga rishobora kubigiramo. Inakomoza kandi ku bigaragara nk'ibyatokoza umuco, bikaba byazitira ituze ry'abawusangiye, mu kubimenyekanisha bikaba bigamije ko hafatwa ingamba zo kubikumira.

### 0.2. Uburyo ubushakashatsi bwakozwe

Uburyo bwifashishijwe mu gutunganya iyi nyandiko ni ugusoma no gusesengura inyandiko zinyuranye zifitanye isano n'ikigamijwe, kugirana ibiganiro n'abashishikajwe n'iterambere ry'umuco, kumva no kureba ibitangazamakuru bivuga kuri iyi ngingo.

### 0.3. Inkeneragihamya

- Umuco ni wo shingiro ry'iterambere rirambye: mu migirire n'imyitwarire ya muntu mu muryango ni iki kitari umuco?
- Ikoranabuhanga mu itumanaho n'isakazabumenyi rifite uruhare rukomeye mu gutuma umuco ukungahara, ugakwira, kandi ukabyazwa ubukungu. Ikoranabuhanga ariko na none ni umuyoboro ushobora kwifashishwa mu gutokoza umuco.

## 1. Umuco n'iterambere ry'ubukungu

### 1.1. Umuco n'imbibi zawo

Ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku burezi, ubumenyi n'umuco (UNESCO, 1982) risobanura umuco nk'uruhurirane rw'uburyo n'ubushobozi abantu bubaka amateka y'imibereho n'imibanire byabo bahereye ku bumenyi bakomora ku bakurambere. Mu nyandiko igaragaza indangagaciro z'umuco nyarwanda (MINISPOC, 2018), umuco ufatwa nk'ishingiro ry'ubumwe bw'abenegihugu kuko bawusangiye, ukabaranga. Ukaba kandi ishingiro ry'ituze mu muryango w'abantu kuko uhuza abenegihugu mu mikorere, mu mihango,

mu migenzo no mu bihangano byabo. Ntuvukanwa, ahubwo uratozwa. Utandukanye na kamere muntu kubera ko wo ari imyitwarire, imitekerereze, ubumenyi, imyemerere umuntu agenda ahererekanya n'abandi bitewe n'ahantu batuye, amateka yabo n'ibibakikije.

Uyu muco uvugwa ukaba:

> *"… ubumbye ubumenyi rusange bwose twarazwe n'abakurambere bacu (imbyino gakondo, ubuvanganzo, indirimbo, ubukorikori nyabwiza, imivurire, amategeko y'uburenganzira n'ay'imibanire, uburyo bwo kubaho, gutekereza no gukora), ibihangano by'ubugeni byahimbwe n'umuntu ku giti cye cyangwa umuryango ubwawo (ubuvanganzo, ibikorwa by'ububaji, byo gushushanya, by'ubwubatsi, imitako, …)* (MINISPOC, 2006, p. 6) [n'ibitirano bikurwa aho Abanyarwanda bahurira n'abandi (abaturanyi, aho bigiye mu mahanga ya hafi cyangwa kure].

Mu Rwanda, kimwe mu biranga umuco ni indangagaciro z'abanyarwanda zihuriweho na bose. Mu myemerere y'Abanyarwanda kandi, umutima ni wo cyicaro cy'indangagaciro, ibyo bemera ndetse n'ibyo baziririza. Ni igicumbi cy'imico myiza iranga Umunyarwanda. Ni yo mpamvu bagira bati: "Umunyarwanda ni uw'umutima" (Nothomb D., 1965, p.54).

Bitewe n'imico itandukanye ndetse n'ahantu umuntu atuye, ushobora gusanga abaturage bamwe barateye imbere biturutse ku kuba ari inyangamugayo, abandi bakaba badatera umutaru kubera ubuhemu ndetse no kurya ruswa bibaranga (Silva, 2020). Urugero nko muri sosiyete yimakaza ubwisanzure ndetse no guhanga udushya, iba yitezweho kuzana impinduka nziza aho iri, kurusha sosiyete ikoresha igitugu. Abantu baba bafite inyota y'ubutegetsi biba byitezwe ko bashobora kuzagaragarwamo abarya ruswa benshi kurusha abandi usanga bo bashishikarira iterambere rusange (Silva, The Relationship Between Culture and Human Development: An Analysis Through the Lens of Innovation and Corruption, 2020).

### 1.2. Iterambere ry'ibihugu

Kimwe mu biranga umuntu ku isi yose no mu bihe byose ni iterambere. Rikaba indatana n'imigirire y'umuryango w'abantu, uko waba uteye imbere kose mu by'ikoranabuhanga n'inganda. Ni igipimo kigaragaza imibereho myiza y'umuryango w'abantu bitabaye ngombwa ko hitabwa ku buhambare bw'ikoranabuhanga na politiki ihanitse nk'uko bimeze ku bihugu byo mu burengerazuba bw'isi (Okigbo, 2021, p. 195).

Iterambere dusanga ari urugendo rutarangira muntu akora kuva yabaho, rugamije kumuhugura ngo arusheho kwimenya neza no kumenya ko ari we mugenga w'ibimukikije byose. Iterambere nyaryo ni irituma umuntu arushaho kwibonamo ubushobozi buhambaye bwo kuba yakemura bimwe mu bibazo by'ingutu ahura na byo, byaba mu buryo bwa kamere cyangwa se ibyo yiteye ubwe (Rugaba, 2018).
Bavuga ko umuntu aharanira iterambere rirambye iyo ahorana ubushake bwo kurenga aho ari uyu munsi, haba mu mitekerereze ndetse no mu buryo ashyira intekerezo ze mu ngiro.  Abantu bagahora baharanira ko amatsiko adashira muri bo, bamwe bakagenda bigira ku bandi. Ibyo bakabyitoza kandi bakabitoza n'abato, bo kiragano kizusa ikivi cy'abariho, bagatangira n'ikindi kizakurikira.

Inzira igana iterambere ry'imiryango ivoma ku mateka y'ubukungu, ku iterambere ry'abagize umuryango no ku miterere y'isoko ry'ibyo ikora (Phillips, Brennan, & Li, 2020, p. xx).

## 2. Kugerageza guhuza umuco w'u Rwanda n'iterambere

Twifashishije ingingo yakomojweho mu ntangiriro ivuga ko umuco ushinze imizi wifitemo ububasha bwihutisha iterambere, biradusaba kuba duhisemo icyerekezo kibanza gukuraho imyumvire y'abawufata gusa nk'uburyo bw'imyambarire, imihimbire y'ibihangano by'ubugeni n'ubuvanganzo kimwe n'imibyinire. Iki gice kigamije kureba ingamba z'iterambere icyo zivuga ku muco n'uruhare ufite mu iterambere ry'ubukungu bw'igihugu cy'u Rwanda.

## 2.1. Umuco n'Itegeko Nshinga

Umuco ni isoko ivomwamo imigirire n'uburyo bw'imikorere igamije iterambere, nk'uko bishimangirwa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, mu ngingo yayo ya 11. Rihamya ko umuco ari isoko yo kwishakamo ibisubizo (Repubulika y'u Rwanda, 2015). Iyo ngingo ivuga ko "mu rwego rwo kubaka Igihugu, kwimakaza umuco wacyo no kwihesha agaciro, Abanyarwanda, bashingiye ku ndangagaciro zabo, bashyiraho uburyo bwo kwishakamo ibisubizo by'ibibazo byabo."

Iri tegeko rikuru mu Rwanda, mu ngingo yaryo ya 36, riha Umunyarwanda kugira uburenganzira ku biteza imbere umuco w'Igihugu, agahabwa n'inshingano yo kuwuteza imbere. Rigena kandi, mu ngingo yaryo ya 47, ko Leta ari yo ifite inshingano zo kurengera no guteza imbere indangagaciro z'Igihugu zishingiye ku mibereho no ku mitekerereze ndangamuco ndetse no ku biranga umuco w'Igihugu muri rusange, mu gihe bitabangamiye uburenganzira bwa muntu, ituze rusange rya rubanda n'imyifatire ndangabupfura.

## 2.2. Umuco na politiki z'iterambere

Icyerekezo 2050 gihamya ko u Rwanda rwihaye intego yo kuba igihugu gikize gishingiye ku umuco wo kugira ishyaka no guhiganwa mu nzego zose. Kimwe mu byo kwitabwaho by'ingenzi ni ugupiganwa mu by'iterambere ry'ubukungu hifashishijwe ikoranabuhanga, uguhanga ibishya binyuze mu inozaburyo, gukora ubushakashatsi, kubaka ibikorwaremezo bifite ireme, gukora ibikorwa bibyara umusaruro ku giciro gikwiye no kongera uburyo bw'ibyazamusaruro (Republic of Rwanda, 2020, p. 9). Mu ishyirwa mu bikorwa ry'iki cyerekezo, u Rwanda ruzirikana akamaro k'umuco warwo mu gutanga urubuga iterambere ry'ubukungu busagambye n'imibanire y'abantu bizisanzuriramo binyujijwe mu ndangagaciro zikurikira:

- *Ukwiyemeza kujyanye n'ishyaka ryo kwigira nk'igihugu;*
- *Ubufatanye no kwihesha agaciro;*

- *Ubumwe n'ubwiyunge burangwa no gushyira imbere ubunyarwanda n'umuco w'u Rwanda;*
- *Ugushyira mu gaciro hitabwa ku buringanire bw'abagabo n'abagore;*
- *Ukutagira uhezwa muri iyo nzira;*
- *Imiyoborere ishyize umuturage ku isonga;*
- *Ugushyira imbere gahunda zigamije kwishakamo ibisibizo: Girinka, Ubudehe, Imihigo; Umuganda, Ubwisungane mu kwivuza, Inkiko Gacaca, Umushyikirano n'Abunzi* (Republic of Rwanda, 2020, p. 14).

**Politiki y'umuco** iteganya ko umuco w'u Rwanda ugomba kwagura amarembo ugasabana n'indi mico mu gihe iyo mishyikirano ikungahaza Abanyarwanda, igatuma ibihugu birushaho kumvikana no kugira amahoro. Ibyo bigakorwa mu bwubahe bw'umwihariko wa buri muco, ubw'urusobe n'ubwuzuzanye by'imico (MINISPOC, 2006, p. 7). Iyi politiki iteganya kandi ko kubera ko ihererekanyamuco rishingiye ku mvugo yonyine ryatumye ubundi buryo bwo gutumanaho budindira, haba mu bucuruzi no mu buyobozi rusange. Bityo ni ngombwa guteza imbere ikoreshwa ry'ikoranabuhanga rishya mu itangazamakuru n'itumanaho no kwimakaza umuco wo gusoma (MINISPOC, 2006, p. 8). Iyi politiki yakurikiwe na politiki y'umurage gakondo w'u Rwanda yatangajwe mu 2015. Mu iriburiro ryayo bagira bati:

> *"iyi politiki y'umurage gakondo w'u Rwanda itanga imirongo migari n'ingingo nyobozi mu kongera guhamya ubushake dufite mu gusigasira indangagaciro z'ingenzi z'umuco wacu tuboneraho gusobanura ingamba zizatuma umuco ugira uruhare rwawo rushingiye ku mateka hagamijwe kuzamura imibanire n'ubukungu buhindura u Rwanda rugana aheza; bikaba ari umukoro wa buri Munyarwanda wese ariko cyane cyane abashinzwe gusigasira no guteza imbere umuco"* (Republic of Rwanda, 2015, p. 3).

Mu rwego rw'ishyirwa mu bikorwa bya Politiki yo guteza imbere ikoranabuhanga mu itumanaho n'isakazabumenyi, muri gahunda yayo iyishyira mu bikorwa yitwa NICI II (National Information an Communication Infrastructure policy and plan for 2006-2010) yashyizwe mu bikorwa hagati

y'umwaka wa 2005 na 2010, mu ngingo yayo ya 16 iyi politiki yateganyaga ko hazaba uguteza imbere umuco w'u Rwanda hifashishijwe ikoranabuhanga. Bimwe mu byagombaga gukorwa hari:

- Gushyira umurage w'u Rwanda mu buryo busomwa na mudasobwa mu rwego rwo kuwurinda, kuwusigasira no kuwukoresha neza. Mu byagombaga kwibandwaho muri aka gace kwari uguhindura ibihangano by'ubuvanganzo, amashusho y'ubugeni n'ibibazanyo, umuziki n'ibindi bihangano bikajya mu buryo busomwa n'ibyuma by'ikoranabuhanga;
- Korohereza abashaka kumenya umurage w'u Rwanda bose kuwugeraho biboroheye;
- Guteza umuco w'u Rwanda binyujijwe ku mbuga nkoranyambaga;
- Guteza imbere Ikinyarwanda n'izindi ndimi zigize umuco w'u Rwanda (Republic of Rwanda, 2006).

Muri gahunda yo guhindura u Rwanda igicumbi cy'ikoranabuhanga (2017 – 2024) nk'uko yajyanishijwe na Gahunda yo Kwihutisha Iterambere ry'Igihugu, 2017-2024 (NST1) hateganyijwe ko hubakwa umuryango ufite abantu bigira ku buzima babayemo, bahanga ibishya, bizeranye kandi bishimiye kubaho mu buzima bwiza, babumbatiye ubunyarwanda n'umuco wabo nk'ikibaranga aho bari (MINICT, 2017).

U Rwanda ni igihugu gikunda gusurwa na ba mukerarugendo baza baje gusura ibyiza nyaburanga by'u Rwanda. Mu gutegura politiki y'ubukerarugendo mu Rwanda, inganda z'umuco ntizirengagijwe nk'isoko yabyazwa ubukungu. Iyo politiki iteganya ko ubukerarugendo bugomba gutezwa imbere bushingiye ku ndangagaciro, bityo bikaba ari ngombwa ko umuco gakondo utezwa imbere ukarindwa gucuruzwa birenze urugero no guteshwa agaciro. Bugomba gushingira kandi mu kongerera agaciro ibikorerwa mu Rwanda kugira ngo bizamure abaturage b'igihugu, umuco n'amateka byacyo (Republic of Rwanda, 2009).

## 2.3. Gahunda zigamije kwishakamo ibisubizo

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994, u Rwanda rwahisemo gufata ingamba zishingiye ku kwishakamo ibisubizo bishingiye ku muco warwo. Izo ngamba zimakaje ubumwe n'ubwiyunge. Ibi byafashije Abanyarwanda kumva ko basangiye gupfa no gukira, ko nta terambere ryabaho, abantu badatahiriza umugozi umwe. Aha ni ho Leta y'ubumwe bw'Abanyarwanda yashyizeho inkiko Gacaca kugira ngo abakoze Jenoside bireze bakemera icyaha baze, basabe imbabazi ku mugaragaro abasigaye bo mu miryango biciye, ndetse bitume habaho ubwiyunge hagati y'abiciwe n'abishe kugira ngo babane mu mahoro batishishanya. Mu mwaka wa 2021, Leta yanashyizeho Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda (Maniraguha, 2021).

Mu ngamba z'iterambere igihugu cyahisemo harimo kureshya abashoramari. Mu ndangagaciro z'Abanyarwanda dusangamo gukunda igihugu, ubupfura, umurimo, kugira ishyaka (Sebasoni, 2007, p. 16) n'izindi zishobora kureshya abaje gushora imari yabo mu Rwanda. Umushoramari iyo aje mu gihugu aba akeneye abakozi bafite ubumenyi, bafite umurava kandi b'inyangamugayo. Akishimira gusanga igihugu gifite ingamba zihamye zo gukumira ruswa.

Kugira ubwitange na byo biri mu ndangagairo yo gukunda igihugu, aho abanyarwanda bakora cyane kugira ngo igihugu cyabo gitere imbere muri byose. Ubwitange ni ugukora utizigama, ukigomwa inyungu zawe bwite ushyira imbere inyungu rusange n'iz'Igihugu, ndetse byaba ngombwa ugahara ubuzima (NIC, 2014, p.42).

Ibikorwa bihuza Abanyarwanda ni umuganda, aho baba basukura igihugu cyabo, cyangwa bakubakira abatishoboye kugira ngo Umunyarwanda wese agire ubuzima bwiza. Abanyarwanda kandi bagabirana inka muri gahunda ya "GIRA INKA MUNYARWANDA," kugira ngo buri Munyarwanda wese akamirwe amata ndetse n'izo nka zimufashe mu kwibeshaho mu buzima bwa buri munsi aba abayemo. Gutabara uwagize ibyago ni indangagaciro iranga umuco w'Abanyarwanda, babaho bahumurizanya, ugize ibyago bagenzi be bakamufata

mu mugongo. Mbese bishimana n'abishimye bakababarana n'abababaye. Nyuma y'ibi byose bibumbira muri gahunda y'ubwisungane mu kwivuza, aho uri muri iyi gahunda atarembera mu rugo.

Kubera iyi migirire n'izi ndangagaciro zimaze kuvugwa haruguru, tugenda tubona ibikorwa by'iterambere bikura buri munsi, bigatanga icyizere cy'imbaraga zigaragazwa n'ireme kimwe n'uburambe bw'ibikorwa bishingiye ku kwitwararika kirazira zishingiye ku muco. Ibi bigatanga icyizere ko buri wese abishyizeho umutima bishobora kuzamura urwego rw'imibereho n'ubukungu bw'Abanyarwanda.

**3. Umwanya w'ikoranabuhanga mu kubyaza inyungu ibihangano by'umuco**

Mu ruhando rw'isi yabaye umudugudu, usanga ibihugu byinshi bishobora kuburiramo mu gihe bitagaragaje ubudasa mu byo bishyira ku isoko.

Ibihugu bikiyubaka mu iterambere ntibyashoboye kubona hakiri kare ko umuco ari ikintu cyazamura ubukungu bw'iterambere ryabyo kikanumvikanisha ijwi ryabyo mu ruhando rw'amahanga. Ku rundi ruhande ibihugu bikize byo inganda z'umuco ziri mu byinjiza umutungo utubutse mu ngengo y'imari ya byo, ukabafasha no kugira ijambo risa n'iryikanyiza ku bo bashaka ko bakoresha umuco wabo. Ibi bigaragarira mu bihangano abahanzi bo mu bihugu bikize bacuruza, mu mafilimi bakora no mu bitaramo bakoresha bikinjiza umutungo akayabo. Mu kumva neza uko bihagaze, umunyamakuru w'ikinyamakuru Bloomberg cyo muri Amerika, aherutse gutangaza ko uruhare rw'ibihangano by'umuco n'ubuvanganzo muri Amerika byinjiza akayabo k'amafaranga aruta umutungo wose wa Suwedi cyangwa Ubusuwisi (Florida, 2019).

Mu gihe cy'iterambere ry'ikoranabuhanga ni bwo bimwe mu bihugu bikennye byabonye ko umuco ushobora gufasha bene wo kuwubyaza umusaruro no kuwukungahaza byisumbuyeho. No mu Rwanda, byinshi mu bihangano biranga umuco nyarwanda bishobora gusigasirwa hakoreshejwe ikoranabuhanga.

- Ikoranabuhanga rifasha cyane mu kubika mu buryo bugezweho ibikoresho ndetse n'ibihangano bishingiye ku muco: bigakorwa bakusanya amakuru ku bikoresho n'ibisigaratongo biranga abantu ba kera no kumenya igihe byabereyeho.
- Murandasi yorohereza abahanzi mu itegurwa n'itangaza ry'igihangano cy'umuco ku mpuzanzira za mudasobwa.
- Ikoranabuhanga rifasha mu guhanga ibihangano byakozwe mu majwi n'amashusho bifasha gushyira ahabona umuco w'abantu batagiraga amahirwe yo kugaragaza umuco wabo mu bitangzamakuru byahitishaga umuco w'abifite mu gihe cya analoge.
- Ikoranabuhanga mu itumanaho n'isakazabumenyi rigira uruhare mu gutunganya amakuru atangazwa no mu gukwirakwiza ubumenyi. Mbere ubu bumenyi bwari bwaraharirwe abanyamwuga gusa ari na bo bari isoko y'ibitangazwa byose.

Mu Rwanda na ho gukoresha ikoranabuhanga mu itumanaho bimaze kugenda bishinga imizi mu gice kigendanye no kubungabunga umurage n'umuco gakondo, kimwe no kubyaza ibihangano by'umuco amafaranga. Ubu mu nzu ndangamurage y'u Rwanda bigaragara ko bakoresha ikoranabuhanga mu kubika no gusigasira ibisagazwa ndetse n'ibirango by'amateka y'u Rwanda.

No mu ikoranabuhanga rihambaye, umuco witabwaho: mu itegurwa ry'umushinga wo kubaka umujyi ubengerana (smart city) mu Rwanda, basanze imishinga yateganyijwe ikwiye kujya ikorerwa isuzumabikorwa hagenzurwa niba "iyafashwe nk'ikitegererezo yarashojwe, bakabikora hitawe ku ikoranabuhanga ryayikoreshejwemo kandi hagamijwe kureba niba rikuraho imbogamizi zari zisanzweho. Aha basanga ari ngombwa gushaka amakuru mu baturage n'abafatanyabikorwa bo mu nzego z'ibanze no kuyakura ku mpuririzi (sensors) […]. Mu byitabwaho mu kumenya niba umushinga warageze ku ntego ni ukureba niba wubahirije umuco w'abo wakoreweho" (Republic of Rwanda).
Ikoranabuhanga rikoresha ibyuma bifata amajwi, rishobora gufasha mu kubika ibihangano nyemvugo nk'imivugo, indirimbo, ibisigo, ibyivugo, n'ibindi.

Urugero kuri ubu ushobora kumva inanga ya Rujindiri, inanga ya Rwanyonga na Rwabugiri, inanga ya Ryangombe n'izindi bitewe n'uko zamaze gushyirwa mu buryo busomwa na mudasobwa. Ibi biba ku bera ko habonetse uburyo bwo kuzifata mu majwi cyangwa amajwi n'amashusho, zikaba zaboneka ku bazikemeye ba nyirazo barapfuye. Ubu inyinshi mu nsirimbo zakumdwaga na benshi mu bitarmo byahitishwaga kuri radiyo ushobora kuzisanga no ku mbuga nkoranyambaga nka yutube (Youtube). Mu nzu ndangamurage y'u Rwanda (ingoro y'imibereho y'Abanyarwanda) iri mu Karere ka Huye, dusangamo amafoto menshi yafashwe mu gihe cy'ubukoloni yerekana uko Abanyarwanda bari babayeho. Muri iyi ngoro usangamo uko amazu ya kera yari yubatse, imyambarire ya mbere ndetse no mu gihe cy'ubukoloni. Hakoreshejwe ikoranabuhanga rifata amashusho, Umunyarwanda wese wavutse nyuma y'igihe cy'ubukoloni, ashobora kubona uko abasekuruza be bari babayeho. Kubera ikoranabuhanga ibisigazwa n'ibisigaratondo by'umuco w'Abanyarwanda iyo ubibonye usanga bimeze neza nk'uko byahoze mu gihe byakoreshwaga.

Uko iminsi igenda indi igataha, dusanga umuco nyarwanda ugenda ufata intera mu isi y'ikoranabuhanga. Nyuma y'uko haje umuco wo kwandika, ubu ibihihangano byinshi byari nyemvugo, ubu byashyizwe mu nyandiko. Zimwe muri izo nyandiko zikaba ziri mu nzu zigurisha ibitabo n'inzu z'isomero. Aha si ahantu abantu bose bashobora kubishyikira, kuko inzu z'ibitabo zitaboneka hose mu Rwanda. Ni yo mpamvu mu rwego rwo kumara inyota abasonzeye ubumenyi bubitse mu muco w'igihugu bagerageza gushyira inyandiko zimwe, amajwi n'amashusho ndangamateka kuri murandasi, kugira ngo zigere kuri bose na hose bitagoranye. Izo nyandiko kandi zishobora kugurishwa kuko hari igihe usanga zikenewe n'abantu benshi ariko barabuze aho babikura. Kuri murandasi rero biroroshye kuba zagurishirizwaho, ibyo bikaba byakwinjiriza amafaranga umuntu ku giti cye ndetse n'igihugu muri rusange. Bituma kandi igihugu cyamamara.

### 3.1. Ibihangano bishingiye ku muco byabyazwa inyungu

Ibihangano nyarwanda bishingiye ku muco ni umutungo ushobora kubyazwa umusaruro mu rwego rw'ubukungu hifashishijwe ikoranabuhanga. Mu Rwanda tuhasanga bene ibi bihangano binyuranye. Muri ibyo bihangano dusangamo indirimbo, amashusho, inzu za kera, imbyino gakondo, ndetse n'ibindi byinshi.

Mu gihe cyo hambere, umuhanzi wasangaga yarahinduwe sagihobe, ibihangano bye bakabikoresha nta cyo bamuhaye cyangwa se agahembwa inzoga mu birori yashoboye gususurutsa. Mu gihe turimo, umuco ushobora gufatwa nk'igicuruzwa. Umuco ushobora kugurishwa ndetse ukaba wanateza imbere ba nyiri kuwugurisha. Muri iki gihe cya Koronavirusi, abahanzi benshi bari bamenyereye gukora ibitaramo abantu baje kureba bamenye ko hari ubundi buryo bwo kubyaza ibihangano byabo amafaranga atubutse kandi ku isoko ryagutse mu gihe bari muri "Guma mu rugo". Abanyabugeni benshi na bo bashoboye kumenya ko bifashishije ikoranabuhanga bashobora kumenyekanisha ibyo bakora, kubishakira isoko no kubisaruramo amafaranga atubutse batavuye aho bari.

Mu rwego rw'ubukerarugendo na ho hari byinshi byakorwa hagamijwe kwimakaza no gusigasira umuco nyarwanda. Muri gahunda guverinoma y'u Rwanda yashyizeho ya *Visit Rwanda* abanyamahanga ndetse n'abanyarwanda bashobora gukora ubukerarugendo bushingiye ku muco ndetse n'umurage gakondo. Urugero, mu karere ka Nyanza habayo inzu ndangamurage yerekana amateka y'abami bo ha mbere mu Rwanda. Aho iyi nzu ndangamurage ituranye kandi n'umusezero w'abami. Iyo uhageze kandi uhasanga n'inka z'inyambo zamamaye mu Rwanda rwo ha mbere.

Mu gusakaza ndetse no kwerekana ibi bihangano nyarwanda bishingiye ku muco hashyizweho inzu ndangamurage ishinzwe kwerekana ibihangano by'amashusho ndetse n'ibibumbano byerekana uko abanyarwanda babagaho kera, uhereye mbere, mu gihe ndetse na nyuma y'ubukoloni. Ibyo bihangano biba mu nzu ndangamurage y'*ubugeni n'ubuhanzi,* iba mu mugi wa Kigali. Ibihangano

biri muri iyi ngoro bibereye amaso ku buryo bishobora gusurwa n'abantu bose mu rwego rwo kumenya amateka y'u Rwanda. Muri iyi ngoro kandi hari amashusho agurishwa ku buryo ateza imbere abayashushanya ndetse n'igihugu muri rusange. Umuco ugasigasirwa ndetse n'ubukungu bw'igihugu bukiyongera.

U Rwanda rwashyizeho gahunda yo guteza imbere ibikomoka mu Rwanda muri gahunda yiswe Meyid ini Rwanda (*Made in Rwanda),* aho muri iyi gahunda mu gucuruza ibikomoka mu Rwanda, Abanyarwanda bafite inganda zikora imyenda n'inzu zimurika imideri, imyenda bayirimbisha imitako gakondo. Urugero rw'iyo mitako twavuga nk'*itangaza, umuhigo, igitoki, ishobe, ingondo, ibibero, ingembe, amanyamanza ndetse n'itweka.* Iyo bakoze imyenda bagashyiraho umwe muri iriya mitako hanyuma ikagurwa n'abanyamahanga, ni umuco nyarwanda uba uri gusakara ndetse bikaba n'uburyo bwo kuwumenyekanisha mu b'abanyamahanga.

Mu muco nyarwanda tugiramo n'imbyino. Imbyino gakondo zishobora gukoreshwa mu kuzanira igihugu ubukungu. Mbere y'umwaduko w'icyorezo cya kovidi 19 (Covid-19), mu Rwanda habaga imyiyereko yahuzaga ibihugu byinshi byo muri afurika yitwa FESPAD (pan-African dance festival), aho habaga hahuriye abantu baturutse mu bihugu bitandukanye byo muri afurika. Muri iyi fesitivali buri gihugu cyerekanaga imbyino zacyo. Birumvikana ko bitewe n'uko imico yabaga itandukanye, ari na ko imbyino na zo zabaga zitandukanye. Amatorero abyina indirimbo za kinyarwanda na yo ajya ajya muri fesitivari *(Festival*) zibera mu bihugu by'amahanga. Bikaba nko kwamamaza umuco nyarwanda ushingiye ku mbyino. Mu Rwanda hari imbyino za kizungu, ariko imbyino nyarwanda na zo zirakoreshwa mu birori bitandukanye kandi uba usanga bibereye amaso. Mu mbyino ayo matorero abyina hakaba harimo: umushayayo cyangwa umushagiriro, intore – Imbyino yagaragazaga indwanyi ku rugamba, ukurambagiza – Imbyino y'Abagabo n'Abagore, ikinimba, umuganura ndetse n'umurishyo w'ingoma.

Indirimbo zikoze mu njyana gakondo ya Kinyarwanda zigenda zikendera. Nyamara na zo ni umurage ukwiye gusigasirwa. N'ubwo umuziki ugezweho ari wo ukurura abato benshi, hari abagerageza no gusigasira umuziki wo mu njyana gakondo. Kuri ubu ngubu ushobora kumva indirimbo zicuranzwe mu njyana ya kinyarwanda ziririmbwa mu matorero ahantu hatandukanye mu gihugu. Izo ndirimbo akenshi ziba zicuranzwe n'ibikoresho bya muzika na byo bya kera nk'ikembe, umuduri, amakondera, ndetse n'izikoreshejwe n'ingoma. Hari kandi n'injyana iva ku ngoma zivuzwa n'abakaraza. Imwe mu bwoko bw'imirishyo abakaraza b'abanyarwanda bagira ni iyi: Umutimbo, Imirindi, Agasiga, Igihubi, Indamutsa, Tubarushumwami, n'iyindi.

Mu gihe turimo, ikoranabuhanga rishobora kwifashishwa, ibi byose bivuzwe bikagera ku babikeneye, aho bashobora kubikurikirana bibereye imuhira n'ahandi aho ari ho hose. Bashobora kubishyikaho bifashishije mudasobwa, yaba icometse kuri murandasi cyangwa ikoreshwa yonyine, umuntu akaba yakwifashisha se telefoni, Tabureti (tablet) n'ibindi bikoresha byabugenewe.

### 3.2. Gufatira urugero ku bihugu byateye imbere mu bukungu bishingiye ku muco wabyo

Ibihugu byose byateye imbere ni na byo bivugwaho gukoresha neza ikoranabuhanga mu itumanaho no gukatariza iterambere bidasize umuco wabyo ku ruhande. Biharanira ko watera imbere nk'uko n'ibindi bikorwa biba byarateye imbere. Ibihugu biri mu burasirazuba bw'isi ni byo bigaragaza ugusigasira umuco wabyo cyane. Urugero nk'Ubushinwa, Ubuyapani, Koreya, Ubuhindi, n'ibindi bihugu, bigerageza gukora bikomeye ku muco wabyo, kuwujyanisha n'ubukungu bwabyo ndetse no kuwusakaza ahantu hose. Si igitangaza kuba mu mujyi wa Kigali wahasanga inzu bafunguriramo z'Abashinwa. Muri izo nzu, baba bategura amafunguro n'ubundi akomoka mu Bushinwa. Si abanyamahanga gusa bazijyamo kuko hari n'Abanyarwanda bazijyamo. Muri izo resitora, umuco w'Ubushinwa uba usakajwe hose.

Binyuze mu mikino njya rugamba nka karate na kungufu (kung fu), ibihugu by'Ubushinwa n'Ubuyapani, bisakaza umuco wabyo mu bihugu byinshi, aho muri iyo mikino igendera neza ku rurimi ndetse n'umuco wabyo. Mu gihe bari kuyikina bakoresha ururimi rw'Igishinwa cyangwa se Ikiyapani. Urugero mu kwezi k'Ukuboza 2018, abanyarwanda bakina kungufu (kung fu) bagiye mu Bushinwa gukurikirana amahugurwa yo kwiga ururimi rw'igishinwa ndetse no kwiga gukina umukino wa kungufu (kung fu) ukomoka muri kiriya gihugu (Mihigo, 2018).

Ibihugu nk'Ubuhindi byamamaza umuco wabyo binyuze mu ma filimi ndetse n'indirimbo zabo. Mu ma filimi y'Abahindi ntushobora kuburamo indirimbo zabo, bakaba bamamaje umuco wabo. Muri filimi zabo, usanga bagaragaza uko basenga imana zabo nka Buda (Budha); hakaba hari bamwe bashobora kwiyemeza na bo kuzisenga, kwigana uko bakora yoga, bikaba byazatuma bajya gusura mu Buhindi aho Buda akomoka. Ibi bizamura ubukungu bwabo kuko kuhagera ndetse no kuhasura bidakorerwa ubuntu. Muri filimi z'Abahindi, dusangamo uko imihango y'ubukwe bwabo ikorwa ndetse n'uburyo bakoresha imyambaro yabo. Abanyamahanga bashobora gukunda iyo myambaro bakajya bayigura bikazateza imbere ubukungu ndetse n'umuco w'Ubuhindi ukamamara hose.

Igihugu cya Leta zunze ubumwe z'Amerika, kuba ari kinini byatumye giturwa n'abantu bakomoka mu bihugu bitandukanye, ibyo bikakigira igihugu gifite imico myinshi. Gusa iyi mico, Abanyamerika bayikoresha mu kubaka iterambere ndetse no guhamya ubuhangange bw'igihugu cyabo. Kuba abaturage batandukanye bituma bagira n'ubumenyi butandukanye kandi bukabafasha kuzuzanya mu iterambere. Amerika mu buryo bw'amategeko yanditse igaragara nk'igihugu giteza imbere umuco w'uburinganire bw'abantu bose, yaba Abirabura, Abazungu, Abarabu, ndetse n'abo muri Aziya. Iki gihugu, binyuze muri gahunda yacyo ya kapitalisime (capitalism), iteza imbere umuco wo kwikorera, ugakora cyane kugira ngo ugire ubukire burenze ubw'abandi. N'ubwo uyu muco ugaragara nabi ariko nyamara ushobora gufasha abantu bose

gukora batikoresheje kugira ngo biteze imbere kandi bateze n'igihugu cyabo imbere. Muri uko gukora cyane ni ho ubukungu bw'igihugu na bwo buzamuka binyuze mu mafaranga y'imisoro. Mu ruganda rwa filimi, aho zikinirwa bise "Hollywood", inzu ndangamurage zo muri Amerika zivuga ko mu rwego rwo kumenyekanisha umurage ndetse n'umuco w'Abanyamerika, bajya bifashisha aha hantu mu kwamamaza umuco wabo. Urugero rw'amazu afungurirwamo afite inkomoko yo muri Amerika nka keyefusi (*KFC*) cyangwa makidonadi (*McDonald*), biri mu byo bise guhindura abantu bose Abanyamerika (Americanization), ibi bikaba byatuma umuco w'Amerika usakara ahantu hose (Maisuwong, Vol. 1 Issue 4, June - 2012).

Umuco rero ugira uruhare runini mu kuzamura ubukungu bw'ibihugu, ukaba intwaro ikomeye yakoreshwa mu gushaka iterambere binyuze mu ko abantu babanye, uko babana n'ibidukikije, ikoranabuhanga rigezweho ndetse no mu bukungu. Uko abantu babayeho n'umuco wabo, uko bitwara bishobora kwifashishwa mu gusigasira ibidukikije byose biterwa n'umuco baba bafite. Iterambere rigomba kuba rishingiye ku buzima bwite bw'abantu rigenewe.

### 3.3. Imbogamizi ziganisha ku itikozamuco

Ikoranabuhanga ryoroheje uburyo bw'imikorere, abanyamwuga bashobora kubona uburyo bwo gukora buhendutse, bwihutisha umurimo kandi butanga inyungu y'ako kanya. Ibitangazamakuru byinshi, ari na byo bikundaa kunyuzwamo ibihangano bishingiye ku muco, byimutse mu buryo bwimikorere yahozeho bita "analoge" bitangira gukoresha ubw'ikoranabuhanga rya mudasobwa bita "dijitali". Ibi byatumye hari abateshuka ku bunyamwuga batangira gutatira amahame agenga umwuga wabo. Ibi kandi byakurikiwe n'iyaduka ry'imbuga nkoranyambaga, aho noneho n'abatari abanyamwuga bafite ubwisanzure bwo guhanga bitari kinyamwuga, bagatangaza ibihangano byabo nta nzego zishinzwe kujora no kunonosora ibitangazwa banyuzaho. Iyi migirire isa n'iyazamuye inyota yo gukira vuba bituma ibitangazwa byinshi bishobora gusohoka bitanoze, bitokoza umuco, bisebanya, byuzuyemo imvugo ihembera urwango cyangwa bikwirakwiza amakuru y'ibihuha.

Hari ingeso y'abantu biyitirira ibihangano bitari ibyabo kuri murandasi. Hari n'abandi bakoporora ibihangano bakabihindura uko bishakiye maze bigatakaza umwimerere wabyo byahoranye.

Muri iki gihe ibibazo bivuzwe mu bika bibanziriza iki biragaragara cyane mu Rwanda. Nyuma yo kumenya ko abakoze imbugankoranyambaga baha amafaranga abantu bashyize inkuru cyangwa amafoto ku mbuga zabo, benshi barashitse, bamaranira gushaka "ndorwa" (views) na "nkundwa" (likes) nyinshi, kuko ubifite ari na we ubona amafaranga atubutse.

Aha gusa twakwibukiranya ko kuba umuntu akorera ku isi y'ikoranabuhanga ari yo twise "isi y'icyeragati" (virtual space), bitamuha uburenganzira bwo gukora ibidahuje n'umuco we. Ikindi ntibimuha ubudahangarwa bwo kudakurikiranwa n'amategeko. Uri rero kuri iyi si y'icyeragati na we agagomba guhora azirikana kurikoresha neza, akirinda ibyatokoza umuco byamuviramo no gukurikiranwa mu mategeko. Hari ibikorwa byinshi bibuze ubupfura bibera ku isi y'ikoranabuhanga byiganjemo guhemukira abandi binyuze mu bikorwa by'ubujura. Mu isi y'icyeragati hari abifashisha imbuga nkorambaga na murandasi maze bakiyandarika bagakora ibiteye isoni. Ni yo mpamvu abantu cyane ababyeyi bakunda gushishikarizwa gucungira hafi ngo ikoranabuhanga ritabaca mu rihumye rikangiza abana babo mu burere n'umuco. Ibidakwiriye bikwiye kwirinda hanyuma ikoranabuhanga n'umuco bikuzuzanya.

**Umusozo**

Umuco ugira uruhare ruziguye ndetse n'urutaziguye mu iterambere ry'ibihugu aho ufatwa nk'inkingi ya mwamba mu gukomemeza ubudaheranwa, imibanire n'imikorere biganisha ku ntego z'iterambere by'imiryango y'abantu. Mu Rwanda, umuco warwo ni ikirango abagize umuryango nyarwanda bavomamo indangagaciro basangiye, bakawutoreramo imigirire ikwiye, bakawugiriramo amahitamo banitoza ubumenyi buganisha ku iterambere rirambye.

Mu gihe isi dutuye igenda ihinduka umudugudu, aho ikoranabuhanga mu itumanaho n'isakazabumenyi rigira uruhare rukomeye mu gukwirakwiza

ubumenyi n'umuco mu batuye isi, umuco w'abantu ugira uruhare mu iterambere rya muntu aho urushije abandi kuwubyaza umusaruro bimutunga, umuco we ukamuhesha ijambo, ijabo awukesha rikamufasha guhatana ndetse no kuganza abafite umuco ufite intege nke. Mu muco wifitemo indangagaciro njyabukire zijyanishwa n'igihe cy'iterambere, usanga ari umusingi w'amajyambere kuri ba nyirawo.

Tumaze kubona muri rusange umumaro umuco ushobora kugira mu iterambere ry'igihugu. Ni ah'abenegihugu kuwusigasira kugira ngo indangagaciro uhatse kandi bakomora ku basokoruza zidacika. Kubera imico itandukanye nta bwo abenegihugu bakwiye kwakira ibije byose ahubwo bakwiriye gushungura mu guhitamo ibibabereye kandi by'ingenzi. Ikoranabuhanga na ryo ni umuyoboro udakwiriye kwirengagizwa. Rizabashafa mu kwimakaza ndetse no gusakaza umuco no ku bakiri bato, kubera ko ni yo si bavukiyemo. Hakwiye kujyaho uburyo bwo kubigisha umuco, haba ku ma radiyo, kuri televiziyo ndetse n'ubundi buryo bwose bushoboka bwakundisha abato umuco.

Abakoresha nabi ikoranabuhanga bagatatira ibyo umuco wemera, inzego zibishinzwe zikwiye kugena ingamba zikwiye zo kubahwitura. Ikindi kuri iyi ngingo hakenewe ubufatanye bwihutirwa hagati y'inzego zereberera umuco n'ibigo bifite imbuga nkoranyambaga, kugira ngo mu gihe hagaragaye amakuru yica umuco bibe ngombwa ko yakurwa ku rubuga ataranduza abakiri bato.

Umuco ugira uruhare ruziguye ndetse n'urutaziguye mu iterambere ry'ibihugu aho ufatwa nk'inkingi ya mwamba mu gukomemeza ubudaheranwa, imibanire n'imikorere biganisha ku ntego z'iterambere by'imiryango y'abantu. Mu Rwanda, umuco warwo ni ikirango abagize umuryango nyarwanda bavomamo indangagaciro basangiye, bakawutoreramo imigirire ikwiye, bakawugiriramo amahitamo banitoza ubumenyi buganisha ku iterambere rirambye.

**Indangasoko**


Bornschier, V. (2005). *Culture and Politics in Economic Development.* Routledge: Routledge.

Florida, R. (2019, March 28). *The Economic Power of American Arts and Culture*. Retrieved from Bloomberg: https://www.bloomberg.com/news/articles/2019-03-28/arts-and-culture-is-an-800-billion-u-s-industry

Maisuwong, W. (Vol. 1 Issue 4, June - 2012, June). The Promotion of American Culture through Hollywood Movies to the World. *International Journal of Engineering Research & Technology (IJERT, 1*(4). Retrieved from https://www.ijert.org/research/the-promotion-of-american-culture-through-hollywood-movies-to-the-world-IJERTV1IS4194.pdf

Maniraguha, F. (2021, July 14). *Hashyizweho Minisiteri nshya y'Ubumwe bw'Abanyarwanda.* Retrieved from Igihe.com: https://mail.igihe.com/politiki/article/hashyizweho-minisiteri-nshya-y-ubumwe-bw-abanyarwanda

Mihigo, S. (2018, December 4). *King Fu: Abanyarwana 11 berekeje mu bushinwa mu mahugurwa y'ibyumweru bine - AMAFOTO*. Retrieved from http://inyarwanda.com/inkuru/86435/kung-fu-abanyarwanda-11-berecyeje-mu-bushinwa-mu-mahugurwa-y-86435.html#!

MINICT. (2017). *ICT Hub Strategy*. Retrieved from MINICT.

MINISPOC. (2006, October). *Politiki y'Igihugu y'Umuco.* Retrieved from Minispoc: http://minispoc.gov.rw/fileadmin/templates/Documents/Politiki_y_Umuco.pdf

MINISPOC. (2018). *Indangagaciro z'umuco w'u Rwanda.* Retrieved from National Museums of Rwanda: https://museum.gov.rw/fileadmin/templates/Documents/INDANGAGACIRO_Z_UMUCO_W_U_RWAND_.pdf.pdf

Okigbo, C. (2021). Rethinking Social Change and Development Communication in Africa. In J. Servaes (Ed.), *Learning from Communicators in Social Change: Rethinking power of Develpment* (pp. 191-209). Singapore: Springer.

Phillips, R., Brennan, M. A., & Li, T. (2020). Culture, Community and Development. In *The Community Development Research and Practice Series* (p. xx). Oxon: Routledge.

Republic of Rwanda. (2006). *National Information an Communication Infrastructure policy an plan for 2006-2010*. Retrieved from MINICT.

Republic of Rwanda. (2009, November). *Rwanda Tourism Policy*. Retrieved from MINICOM: https://www.minicom.gov.rw/fileadmin/user_upload/Minicom/Publications/Policies/Tourism_Policy_Cleaned_.pdf

Republic of Rwanda. (2015, February). *National Cultural Heritage Policy*. Retrieved from MINISPOC: http://minispoc.gov.rw/fileadmin/templates/Documents/PDFS/National_Cultural_Heritage_Policy.pdf

Republic of Rwanda. (2020, December). *Vision 2050: Abridged Version.* Retrieved from MINECOFIN: https://www.minecofin.gov.rw/fileadmin/user_upload/Minecofin/Publications/REPORTS/National_Development_Planning_and_Research/Vision_2050/English-Vision_2050_Abridged_version_WEB_Final.pdf

Republic of Rwanda. (n.d.). *Smart City Rwanda Masterplan p. 35.* Retrieved from MINICT: https://www.minict.gov.rw/fileadmin/user_upload/minict_user_upload/Documents/Strategies/Smart_City_Rwanda_Masterplan.pdf

Repubulika y'u Rwanda. (2015). *Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015* . Retrieved from WIPO: https://wipolex-res.wipo.int/edocs/lexdocs/laws/rw/rw/rw032rw.html

Rugaba, Y. N. (2018, December 17). *Iterambere rirambye ni irihe ?* Retrieved from Rwanda Magazine: https://rwandamagazine.com/utuntu-n-utundi/article/iterambere-rirambye-ni-iki

Sebasoni, S. M. (2007). *Le Rwanda : reconstruire une nation.* Kigali: Editions Rwandaises.

Silva, P. (2020). *The Relationship Between Culture and Human Development: An Analysis Through the Lens of Innovation and Corruption*. Retrieved from IG Global: https://onedrive.live.com/Edit.aspx?resid=FDB9BBF792B659E7!22558

Silva, P., & Moreira, A. C. (2017, March). *National Culture and Its Relationship With Innovation and Corruption.* Retrieved from ResearchGate: https://www.researchgate.net/publication/315572455_National_Culture_and_Its_Relationship_With_Innovation_and_Corruption

Swidler, A. (1986, April). *Culture in Action: Symbols and Strategies.* Retrieved from American Sociological Review Vol. 51, No. 2 pp. 273-286: http://webarchiv.ethz.ch/soms/teaching/OppFall09/SwidlerCultureInAction.pdf

The Growth Report. (2009, August 8). *Development is possible, but ...* Retrieved from Mr Globalization: Tackling the paradoxes of globalization.

UNESCO. (1982). *Déclaration de Mexico sur les Politiques Culturelles.* Mexico City: Unesco.

Woolcock, M. (2014, June). *Culture, Politics, and Development.* Retrieved from World Bank: https://openknowledge.worldbank.org/handle/10986/18824

# INDANGAGACIRO DUSANGA MU MIHANGO Y'UBUKWE BWA KINYARWANDA

*Jonathan NIYOMUGABA &*

*Maurice MUGABOWAGAHUNDE*

**Inshamake**

Ijambo "*Ubukwe*" ku Banyarwanda risobanura ibirori bihuza abantu benshi ariko rigakoreshwa cyane iyo bavuga ibirori by'ishyingirwa ry'umuhungu n'umukobwa cyangwa se iry'umugabo n'umugore. Ubukwe ariko ntibusobanura gusa wa munsi mukuru wo gushyingirwa, ahubwo busobanura ibyiciro byose by'imihango ibukorwamo. Ubukwe kandi wari umwe mu mihango ikomeye mu Rwanda, ari ku bantu ku giti cyabo, ari no ku gihugu muri rusange, kuko ari bwo burema imiryango, yo maboko yacyo.

Amateka u Rwanda rwanyuzemo, ari ay'ubukoloni, ubuhunzi, Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994, ndetse n'isabanyamuco ryoroshye ryazanywe n'iterambere ry'ikoranabuhanga, byahungabanyije cyane umuco w'u Rwanda n'imihango iwushingiyeho n'iy'ubukwe irimo. Imihango imwe n'imwe yataye umwimerere wayo, indi iratakara ndetse mu mihango y'ubukwe hinjizwamo indi mishya. Kuri icyo kibazo cy'imihango yangiritse hiyongeraho ikibazo cy'inkwano zisigaye zifatwa nk'ikiguzi, icy'ibirongoranwa by'umurengera ndetse n'icy'ingo zisigaye zisenyuka vuba. Iyi ni inshamake y'ubushakashatsi bwakozwe n'icyahoze ari Inteko Nyarwanda y'ururimi n'Umuco, nyuma y'aho Inama y'Igihugu y'Umushyikirano yateranye mu wa 2014 n'iyateranye mu wa 2015 zigarukiye ku bibazo bigaragara mu bukwe bwa Kinyarwanda no ku ngo zishingwa muri iki gihe. Kuri ubu bushakashatsi kandi hariyongeraho ubwari bwarangijwe n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ingoro Ndangamurage ku mihango y'ubukwe mu ntara y'Uburasirazuba (2005-2006) n'Intara y'Amajyaruguru (2007).

Ikigamijwe muri iyi nyandiko y'ubushakashatsi ni ugufasha buri Munyarwanda n'undi wese ubyifuza kumenya no gusobanukirwa imihango y'ubukwe bw'Abanyarwanda, uko yakorwaga, uko ikorwa muri iki gihe, bimwe mu bibazo biyigaragaramo ndetse n'umuti wabyo.

**Amagambo fatizo**: Ubukwe, indangagaciro, imihango y'ubukwe.

**Abstract**

The word "Wedding" to Rwandans means an event that brings together a lot of people, but it is often used when talking about the wedding of a boy and girl or a man and a woman. Marriage, however, does not mean only the wedding ceremony, but also different stages and rituals involved in it. Marriage was one of the most important ceremonies in Rwanda, both for individuals and for the country as whole, because it creates the interconnection of families. Usually in

Rwandan culture, a wedding has a series of ceremonies, most of them are accompanied with "imisango" words, which allows the families of the bride and the groom to strengthen their unity and friendship. Although there are differences in different regions throughout Rwanda, the basic principles of wedding ceremonies are the same and are respected.
The history that Rwanda has gone through, colonialism, exile, Genocide against the Tutsis in 1994, and the simple civilization brought by development, globalization and technology, greatly disturbed the culture of Rwanda and the rituals based on the marriage ceremony. Some rituals have lost their originality, others have been lost and new ones were adopted from other societies. Apart from these disturbances and changes, we can not forget the dowry which is changing from being a symbol to be considered as a cost or an exchange. This article is a summary of the research carried out by the former Rwanda Academy of Language and Culture (RALC), after Umushyikirano National Council held in 2014 and 2015 which focused on the problems found in nowadays rwandan weddings/marriages and new established families. In addition to this research, there is another one carried out by the former Institute of National Museums of Rwanda on wedding ceremonies in the Eastern Province (2005-2006) and in the Northern Province (2007).
The purpose of this article is to help every Rwandan and anyone else who wants to know and understand Rwandan wedding ceremonies, how they were in the past, how they are today, some problems that arisen as well as how can be handled or avoided.

**Keywords**: Wedding, cultural values, wedding ceremonies

**Intangiriro**

Ubukwe wari umwe mu mihango ikomeye mu Rwanda, ari ku bantu ku giti cyabo, cyangwa ku gihugu muri rusange. Ubusanzwe ijambo "*Ubukwe*" ku Banyarwanda risobanura ibirori bihuza abantu benshi, rigakoreshwa cyane cyane iyo bavuga ibirori by'ishyingirwa ry'umuhungu n'umukobwa, cyangwa umugabo n'umugore. Ubukwe ariko ntibusobanura gusa wa munsi mukuru wo gushyingirwa, ahubwo busobanura ibyiciro byose by'imihango ibukorwamo.

Mu Kinyarwanda ubukwe bugira uruhererekane rw'imihango ikorwa, bukagira amagambo akoreshwa, "*imisango*", bituma imiryango ishyingirana isabana kandi ikunga ubumwe kurushaho. Nubwo hari umwihariko wa buri karere, mu Rwanda hose ingingo shingiro y'imihango y'ubukwe ni imwe kandi irubahirizwa.

Gukomera kw'imihango y'ubukwe bituruka ahanini ku kuba ubukwe ari bwo burema imiryango, yo maboko y'igihugu. Imbaraga zihabwa umuryango nizo zatumye Abanyarwanda bifuza ko umuryango warengerwa na Leta, maze babishyira mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo muri 2003, nk'uko ryavuguruwe muri 2015, aho mu ngingo yaryo ya 18 rigira riti: "*Umuryango, ari wo shingiro ry'imbaga y'Abanyarwanda, urengerwa na Leta*".

**1. Imihango y'ubukwe mu muco w'Abanyarwanda**

Mu Rwanda rwo ha mbere, ubukwe bwari ubw'umuryango. Imiryango iyo yabonaga ko umusore cyangwa inkumi bakuze kandi ko bageze igihe cyo gushinga urugo, yatangiraga gutera intambwe zagenwaga n'umuco. Umugeni yasabwaga umuryango kandi agahabwa umuryango w'umusore bityo amakimbirane n'ibindi bibazo byashoboraga kuvuka muri urwo rugo rushya byakemurwaga n'umuryango uhurije hamwe (Kwirinda no Gukemura amakimbirane mu miryango).

Imihango y'ubukwe muri rusange yakorwaga hagamijwe guhuza imiryango no

guha agaciro ababyeyi n'abagize iyo miryango. Iyo mihango iri mu byiciro bitatu ari byo: ibyakorwaga mbere yo gushyingirwa, mu gushyingirwa na nyuma yo gushyingirwa.

### 1.1 Ibyakorwaga mbere yo gushyingirwa

#### 1.1.1 Kurambagiza

Kurambagiza ni ukureba uburanga bw'umukobwa cyangwa umuhungu, ubwiza, imico n'imyifatire bye. Mu kurambagiza kandi habagaho kumenya no kugenzura imyitwarire, imibereho, imikorere, isuku ndetse n'umuryango umuhungu cyangwa umukobwa akomokamo kugira ngo umenye niba yarahawe uburere.

Ubusanzwe mu muco w'Abanyarwanda habagaho umuranga wafashaga imiryango y'abateganya gushyingiranwa kumenyana no gutunganya neza imihango ijyanye no kurambagizanya kwayo. Umuranga yabaga ari inshuti y'imiryango yombi ishaka guhana abageni cyangwa akaba umuvandimwe w'umuryango umwe ariko aziranye n'abantu bo mu muryango bashakamo amaboko. Umurimo w'ingenzi w'umuranga wari uwo guhuza imiryango yombi kandi akayifasha kumenyana neza mbere yo kunga ubumwe ngo bashyingirane. Iyo umuranga yamenyeshaga imiryango uwo yatoranyije, umusore n'inkumi bashoboraga guhura bakamenyana mu buryo busanzwe butuma barebana cyangwa bakaganira.

Uyu muhango wari uhatse indangagaciro yo ***gushishoza*** kubera ko imiryango yabanzaga kumenyana hirindwa guhubuka kuko byashoboraga kugira ingaruka ku rugo rushya rushinzwe.

#### 1.1.2 Gusaba no gufata irembo

Gusaba no gufata irembo ni umuhango wakurikiraga kurambagiza, ukabera iwabo w'umukobwa. Uyu muhango wari ugamije guhuza umuryango w'umusore ku nshuro ya mbere n'umuryango w'umukobwa mu rwego rwo kumenyana mbere y'uko baziyemeza guhana abageni. Imisango yo gusaba no gufata irembo akenshi irihuta kuko ubusanzwe mu kinyarwanda ntawimana

irembo. Iyo umuryango w'umusore wemerewe irembo, hakurikiraho umuhango wo kurifata.

Iyo abo umuryango w'umusore yahisemo ngo bage kumufatira irembo bageze iwabo w'umukobwa barakirwa, bakazimanirwa maze uhagarariye umuryango w'umukobwa agafata ijambo akababaza ikibagenza. Umuranga, se w'umusore cyangwa undi umuryango w'umusore watoranyije ni bo bajyaga gusaba no gufata irembo. Iyo umuryango w'umukobwa wabemereraga gusaba irembo, umuryango usaba watangaga inka y'ifatarembo (abatunzi) cyangwa isuka.

Muri uyu muhango dusangamo indangagaciro yo **kujya inama** kubera ko ari bwo bwa mbere imiryango yombi yabaga iganiriye ku bijyanye n'ubukwe bw'abana babo. Uyu muhango watumaga imiryango **isabana**, ikamenyana kurushaho.

### 1.1.2 Gusaba no gukwa

Gusaba ni umuhango ukurikira uwo gufata irembo ukabera iwabo w'umukobwa. Mu muhango wo gusaba umuryango w'umusore watoranyaga abakwe bajya kuwusabira, bakagenda bayobowe n'umukwe mukuru bakagenda bitwaje inzoga zo gusabisha.

Uyu muhango wahaga agaciro imiryango kuko umusore ntiyagombaga kwiyemeza ngo atware umukobwa atamuhawe. Ibyo byari ikimenyetso cy'uko umuryango w'umuhungu uha agaciro umuryango wareze umukobwa.

Uyu muhango uhishe indangagaciro nyinshi kandi zikomeye nko **kubaha umuryango** kuko ntabwo umuryango w'umusore wihaga umugeni utamusabye. Hagaragaramo kandi **ikinyabupfura**. Mu gihe k'imisango yo gusaba umuryango w'umukobwa watindaga kwemera ubusabe bw'umuryango w'umusore, ibyo bikagaragaza indangagaciro yo **kwihesha agaciro**.

Gukwa ni umuhango wakurikiraga uwo gusaba ugakorwa n'umuryango w'umusore kandi ukabera iwabo w'umukobwa. Umuryango w'umusore wakwaga inka, isuka cyangwa andi matungo n'ubwo buri hose havugwaga ko hakowe inka. Inkwano yatangwaga yabaga ari ishimwe ry'ababyeyi, kikaba ikimenyetso cy'uko imiryango yombi yemeye kuzashyingiranwa.

Uyu muhango ugaragaza indangagaciro yo **kwiyemeza** kubera ko nyuma yo gutanga inkwano ntabwo umuryango w'umusore washoboraga kwisubiraho. Inkwano rero yari **ipfundo ry'ubumwe** hagati y'imiryango yombi.

### 1.1.4 Gutebutsa

Gutebutsa ni umuhango wakurikiraga gukwa, ubwo umuryango w'umusore wajyaga iwabo w'umukobwa basabye bakanakwa hagamijwe kuganira ku gihe umuryango w'umukobwa uzabahekera. Uyu muhango ugaragaza indangagaciro yo **guteganya** kubera ko imiryango yateganyaga kandi ikemeranya ku gihe bazahekerwa. Buri ruhande rwagombaga **kubahiriza igihe** bahanye. Hari uturere gutebutsa byashoboraga gukorwaga inshuro zirenze imwe, ibyo byatumaga umuryango w'umuhungu ugaragaza indangagaciro yo **kunamba ku ijambo** ryabo. Ntabwo bisubiragaho nubwo bazaga kenshi mu gutebutsa. Nanone umuryango w'umukobwa washakaga kugaragaza ko wihagazeho, **ukihesha agaciro** muri uko gutinda gutanga umugeni, imiryango izashyingiranwa ikarushaho **gusabana, kumenyana** no **kunga ubumwe**.

### 1.1 Ibyakorwaga mu kurongora no kurongorwa

Mu Rwanda rwo hambere, mbere yo kurongora no kurongorwa umuryango w'umukobwa waramuhekaga ukamushyira uw'umusore. Iyo yabaga ageze kwa sebukwe bitewe n'akarere, hari imihango yakorwaga mu kumwakira. Hari aho, akiri mu bikingi by'amarembo yahagararaga hejuru y'aho batabye urusyo nyirabukwe akamukoza umwuko mu mpanga. Ahandi, umugeni yarinjiraga agasanga sebukwe yicaye ikambere akamwicaza ku bibero, akanamuha inka y'ibibero akabona kujyanwa mu mbere.

Ibirori by'ubukwe bigeze hagati, imiryango yasabanye, se w'umusore yamujyanaga kurongora. Mu kurongora hakoreshwaga umwishywa, umusore akawambika umugeni, hanyuma akamucira imbazi mu maso yivuga ati "*ndakurongoye nitwa runaka mwene runaka*" nuko ababyeyi bagatera impundu, abagabo bagasangira inzoga.

Iyo ibyo byarangiraga, nyuma y'uko abahetse umugeni bageze iwabo

w'umukobwa bagashyikiriza ababyeyi b'umukobwa umwishywa, hakurikiraho umuhango wo gucunda, guca hagati no kumara amavuta.

Guhekera umugeni umuryango w'umusore byari bifite akamaro kubera byahaga agaciro umukobwa ntiyijyane mu muryango w'umusore. Umugeni yagendaga aherekejwe kandi akanakirwa n'umuryango umwishimiye akumva ko yungutse undi muryango. Imihango yakorwaga mu kurongora, yafashaga umusore kumva ko yakiriwe neza mu kiciro cy'abagabo kandi bakamushimira mu ruhame rw'imiryango yombi. Byatozaga kandi abasore umuco wo gutegereza agahabwa umugeni, atamwihaye bigatuma amuha agaciro akanamwubaha.

Mu mihango yo kurongora dusangamo indangagaciro nyinshi zubaka Abanyarwanda harimo **kubaha** kubera ko umusore yagenderaga ku byo yabwiwe n'ababyeyi n'umuryango, kandi akubaha abamuruta bose. Umusore n'inkumi batozwaga **kwihangana** bakarinda ubusugi n'ubumanzi kubera ko babaga bazi ko ari ishema kuri bo no ku miryango dore ko uwabaga yaratakaje ubusugi yasebyaga umuryango we.

### 1.2 Nyuma yo gushyingirwa

Nyuma yo kurongora no kurongorwa, hakurikiragaho gutinya, gutwikurura, gutekesha, guca mu irembo no gusura abageni.

#### 1.2.1 Gutinya

Nyuma yo kurongorwa, hari iminsi umugeni yamaraga ari mu mbere adasohoka, atajya aho abandi bari. Muri icyo gihe cyo gutinya yaboheraga nyirabukwe akebo k'ibara rimwe bitaga nyirabitabo. Nyuma yaho habaga gutwikurura.
Gutinya byari bifitiye akamaro umukobwa n'umuryango ajemo, kuko byababafashaga kumenyana. Umukobwa akamenyera umuryango, akanamenya imico n'imyitwarire igenga umuryango mushya agiyemo.
Muri uyu muhango hagaragaramo indangagaciro yo **kwakira no kwita ku bashyitsi** kubera ko umugeni yahabwaga umwanya ngo abanze amenye umuryango mushya ajemo kandi anamenyerezwe imigirire yawo.

### 1.2.2 Gutwikurura

Gutwikurura ni umuhango wakorwaga hagamije gusohora umugeni kugira ngo bamuhe uburenganzira bwo kujya ahagaragara kugira ngo atangire imirimo ye. Habanzaga gukura abageni mu nyegamo, kubogosha amasunzu, guha abana amata no kwereka imitwa. Mu muryango w'umukobwa babaga bamuzaniye ibiribwa, imyaka n'ibikoresho byo mu gikoni. Umukwe mukuru ni we watumwaga mu rugo ngo ayobore uwo muhango aherekejwe n'abagize umuryango, abakuze n'abari b'amasugi.

Muri uyu muhango dusangamo indangagaciro yo **kubaha umuryango** kuko umugeni yakomezaga gutegereza amabwiriza y'umuryango ategereje igihe imiryango izashobora kwitegura neza ngo imutwikurure. Nanone umugeni yagaragazaga **kwihangana** kuko yakomezaga kubaho agenerwa ifunguro kandi yakabaye yikorera. Mu gihe cyo kwereka imitwa, urugo rushya rwararemerwaga cyangwa rugahabwa ibikoresho nkenerwa mu rugo aha tugasangamo indangagaciro yo **kugira urugwiro n'ubuntu**.

### 1.2.3 Gutekesha

Gutekesha cyangwa gukora ku mashyiga ni umuhango wakorwaga n'iwabo w'umuhungu nyuma yo kurongora kugira ngo bamushyigikire mu rugo rushya. Uyu muhango wakorwaga n'umugeni, umugabo we na nyirabukwe na sebukwe. Nyirabukwe yamuzaniraga bimwe mu bikoresho byo mu rugo nk'urukebano cyangwa akabindi. Uyu muhango wari ugamije guha uburenganzira bwo gukora imirimo no gutinyuka sebukwe na nyirabukwe. Muri uyu muhango umusore n'umukobwa bakoraga umuhango wo gufatanya guteka ibyo ababyeyi babaga bazanye.

Muri uyu muhango dusangamo indangagaciro ikomeye yo **kunga ubumwe** kubera ko umuryango w'umuhungu wabaga ugamije gutinyura umugeni no kumufasha kurushaho kubisanzuraho ariko atarengereye. Nanone dusangamo umuco mwiza wo **gufatanya no kuzuzanya mu muryango** kuko mu gutekesha umugeni n'umugabo we bafatanyaga guteka, bakabikorera imbere y'ababyeyi b'umusore.

### 1.2.4 Guca mu irembo no kuramukanya

Guca mu irembo byakorwaga n'umusore washyingiwe n'umugeni we, ubwo basuraga iwabo w'umukobwa. Uyu muhango wabaga nyuma y'igihe runaka abashyingiwe baramenyereye urugo kandi baratangiye kurukorera, umusore akajya gukura ubwatsi.

Muri uyu muhango bajyanaga na se w'umuhungu, umuranga cyangwa se undi muntu washoboraga kubavugira ijambo. Bajyanaga inzoga basangira kandi bakaganira hagamijwe gushimira umuryango w'umukobwa ko watanze umugeni mwiza.

Muri uyu muhango dusangamo indangagaciro yo **gushima no gushimira** kubera ko urugo rushya rwafataga umwanya rukajya gushimira umuryango wabashyingiye. Ibi byatumaga imiryango irushaho kubana neza n'umurunga wayo ugakomera.

Gusura abageni ni umuhango wakorwaga n'iwabo w'umukobwa ugakorwa nyuma yo guca mu irembo. Ababyeyi b'umukobwa bateganyaga inzoga n'izindi mpano bashyira urugo rushya kugira ngo barufashe kurushaho kwiteza imbere. Uyu muhango watumaga umuryango w'umukobwa urushaho kumenyana n'umukwe wabo kuko muri uyu muhango nta misango myinshi yabagamo.

Uyu muhango wari ngombwa kandi uhatse indangagaciro yo **kugira urugwiro** kuko ahanini uyu muhango wafasha umuryango w'umukobwa kurushaho kumenya umukwe no kurushaho gukundana.

**Umwanzuro**

Umuco w'Abanyarwanda, cyane cyane ku mihango ijyanye n'ubukwe, ukubiyemo indangagaciro nyinshi twakubakiraho mu bihe bya none, tukubaka umuryango uzira amakemwa. Muri izo ndangagaciro twavugamo gushishoza mu guhitamo umuryango muzashyingiranwa, gusabanya imiryango, kunguka amaboko, kurema urugo rukomeye n'ibindi. Abanyarwanda rero bahaga agaciro gakomeye ubukwe kuko ari bwo bwatumaga habaho kubaka urugo, bityo umuryango n'igihugu bikaguka. Umuryango wagiraga uruhare rukomeye mu

mitegurire y'ubukwe, ukubakira abana urugo rukomeye kandi bifuriza kuramba. Ubushishozi no guhitamo neza byari intwaro ikomeye kugirango iyo ntego igerweho.

**1. Inama zigirwa abateganya gushinga ingo**

Ibibazo bigaragara mu bukwe muri iki gihe, ahanini biterwa n'uko umuryango utagiha agaciro umuco n'intego nyamukuru y'ubukwe. Ibi bituma umusore, inkumi n'imiryango bakomokamo muri rusange bavanga ibyo umuco w'u Rwanda ugena n'ibiva mu mahanga mu mihango y'ubukwe.

Umuco urakura, uratanga kandi ukakira. Ariko mu mihango ndangamuco nk'iy'ubukwe haba hakwiriye guhabwa agaciro indangagaciro zawo kubera akamaro kazo mu kubaka no gushimangira uwo muhango n'icyo ugamije mu kubaka umuryango nyarwanda.

Kugira ngo ibi bikemuke, ni ngombwa ko buri wese abigiramo uruhare, akamenya indangagaciro dusanga mu mihango y'ubukwe zadufasha kubaka umuryango uhamye kandi ukomeye.

**Inama zigirwa abasore n'inkumi bifuza kubaka urugo**

- Abasore n'inkumi bashaka kurushinga bakwiye gufata umwanya uhagije wo kumenyana kandi bakabimenyesha imiryango yabo hakiri kare kugira ngo nayo imenyane;
- Abagiye kurushinga bakwiye kumva neza no kumenya ko ubukwe ari uguhuza imiryango, ko gushyingiranwa kwabo guhuje imiryango ihindutse umwe;
- Abateganya kurushinga bakwiye gushishoza mu guhitamo uwo bazabana, bakirinda gushingira ku kimero, ubutunzi n'izindi nyungu zitaramba;
- Abateganya kurushinga bakwiye guha agaciro intego y'ubukwe kandi bakamenya indangagaciro zikubiye mu muhango w'ubukwe;
- Abagiye kurushinga bakwiye gukora ubukwe buhwanye n'ubushobozi bwabo, nta gusesagura cyangwa kwishora mu madeni;

- Gutoranya abayobora imihango y'ubukwe babizi kandi byaba byiza ari abo mu miryango ihana abageni.

**Inama zigirwa umuryango n'ababyeyi**

- Umwana agirwa n'uburere ahabwa kuva akiri muto. Izi ni inshingano z'ababyeyi kumutoza indangagaciro z'ubumuntu, z'ubunyarwanda zizamuranga kandi zikamuha kuzubaka no gushinga urugo ruhamye;
- Ababyeyi bakwiye gutoza abana indangagaciro z'umuco w'u Rwanda kuva bakiri bato cyane cyane izizabafasha kubaha umuryango no kubaka urugo rukomeye;
- Ababyeyi ntibakwiye kuba ba ntibindeba ku bana babo cyane cyane iyo bageze mu gihe cyo kurushinga. Bakwiye gukurikirana no kugira inama abasore n'inkumi bagiye kurushinga no kubashyigikira mu myiteguro no mu mihango yose y'ubukwe;
- Mu gihe cy'ubukwe, ababyeyi bagomba kugira uruhare mu kugena uhagararira umuryango (mu gusaba no gufata irembo; mu gusaba no gukwa; ndetse no mu y'indi mihango ikurikira) ntibiharirwe umusore n'umukobwa;
- Gahunda y'ubukwe igomba kwumvikanwaho n'umuryango kuko ubukwe ari ubw'umuryango kandi ukirinda ibyatuma uwo muhango unengwa (gushakana ubushishozi abasangiza b'amagambo, amatorero abyina, abavuzi b'amazina y'inka,…);
- Ababyeyi bakwiye kugira imyitwarire n'imibanire myiza iha urugero rwiza abana babo mu kwirinda ingeso mbi za ba *shugadadi* na *shugamami*;
- Ababyeyi bakwiye gushyira imbere urukundo n'umubano w'abana babo kurusha ibintu n'ibindi bibatanya;
- Ababyeyi bakwiye kumva no kumvisha ababyirutse ko ubukwe ari ubw'umuryango kandi ko ubukwe ari intambwe ikomeye igaragaza gufata icyemezo gihamye cyo gushinga umuryango, ntibumve ko ubukwe ari uburyo bwo kubona amaronko biturutse mu nkwano ihanitse bashobora gusaba cyangwa se abasore bakumva ko bakwiriye gusaba ibirongoranwa by'umurengera;

- Ababyeyi bagomba kwitegura ku buryo imihango yo gusaba no gukwa yabera iwabo w'umukobwa kandi igatumirwamo abantu ba ngombwa;
- Umuhango wo gutwikurura ukwiye gukorwa nyuma yo kwakira umwishywa kw'abageni (gukora imibonano mpuzabitsina) kugira ngo hatwikururwe umugore aho gutwikurura umukobwa.

**Umwanzuro**

Buri Munyarwanda akwiye gufata iya mbere mu kurinda umuco, urugo n'umuryango byo shingiro ry'iterambere ry'Igihugu nk'uko biteganywa n'ingingo ya 36 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda aho igira iti: "*Umunyarwanda wese afite uburenganzira ku biteza imbere umuco w'Igihugu n'ishingano yo kuwuteza imbere*."

Nubwo hari inzego za Leta zifite mu nshingano kurengera no guteza imbere umuco nyarwanda, ntawe ukwiriye kwigira "ntibindeba" mu rugamba rwo kurwanya ibitotsi byatokoje ubukwe bw'Abanyarwanda. U Rwanda ruzakomera mu gihe cyose abasore n'inkumi bashinga ingo zikaramba kandi zigamije kubera urugero rwiza ababakomokaho ari bo Rwanda rw'ejo.

**UMUGEREKA : IMBONERAHAMWE IGARAGAZA INDANGAGACIRO**

**ZIRI MU MIHANGO Y'UBUKWE**

| UMUHANGO W'UBUKWE: | INDANGAGACIRO: |
|---|---|
| KURAMBAGIZA | - Kwitonda<br>- Gushishoza<br>- Kumenyana<br>- Guteganya |
| GUSABA NO<br>GUFATA IREMBO | - Guteganya<br>- Kujya inama<br>- Kunga ubumwe<br>- Gusabana<br>- Kugira urugwiro |
| GUSABA NO GUKWA UMUGENI | - Kubaha umuryango<br>- Kugira ikinyabupfura<br>- Kwihesha agaciro<br>- Guhesha agaciro umuryango<br>- Kunga ubumwe<br>- Kugira ijambo<br>- Kuba intyoza<br>- Kuba inyangamugayo<br>- Gushyira mu gaciro<br>- Kugira ubuntu n'ubumuntu<br>- Kugira umutima<br>- Kugira ubupfura |
| GUTEBUTSA | - Guteganya<br>- Kubahiriza igihe<br>- Kunamba ku ijambo<br>- Kutava ku izima<br>- Guhesha agaciro umuryango |
| KURONGORA | - Guharanira ubusugi n'ubumanzi<br>- Kubaha ababyeyi<br>- Kubaha umuryango |

| | |
|---|---|
| | - Kwihangana<br>- Gufashanya<br>- Gusabana |
| GUTINYA | - Gushishoza<br>- Kudahubuka<br>- Kwakira mu muryango<br>- Kwihangana |
| GUTINYUKA | - Kugira ikinyabupfura<br>- Kubaha umuryango<br>- Kwihangana<br>- Kuremera<br>- Kwigira<br>- Gufashanya<br>- Kugira umutima<br>- Kugira Ubuntu |
| GUTEKESHA | - Gutoza umurimo unoze<br>- Kwakira neza abashyitsi<br>- Gufashanya<br>- Kuzuzanya mu muryango<br>- Kuzuza inshingano<br>- Kunga ubumwe<br>- Kubaha umuryango |
| GUCA MU IREMBO NO KURAMUKANYA | - Kuzirikana<br>- Gushima no gushimira<br>- Kubaha ababyeyi<br>- Kubaha umuryango |
| GUSURA ABAGENI | - Kugira umutima<br>- Kugira urugwiro<br>- Gusabana<br>- Kunga ubumwe. |

**Indangasoko**

ADRIAENSSENS, J. 1964. *La parenté, le marriage, la famille au Rwanda*. Butare: UNR.

Bigirumwami, Aloys 1972. *Les aspects de la culture Rwandaise.* Butare: Université Nationale du Rwanda.

BIGIRUMWAMI, Aloys 2004. *Imihango, n'imigenzo n'imiziririzo mu Rwanda*. Nyundo: Diocèse de Nyundo.

NDEKEZI, S. 1984. *Rituel du marriage coutumier au Rwanda*. Kigali: Imprimerie de Kigali.

PAUWELS, Marcel 1954. Description détaillée d'un marriage chez les montagnards de Byumba. Antwerpen, *Kongo-Overzee* 20: 31-64.

SCHUMACHER, Pierre 1910. Le marriage au Rwanda. *Anthropos* 5: 870-906.

# AKAMARO K'IMYANDIKO MFASHANYIGISHO MU GUTOZA ABANYESHURI UMUCO W'UBUTORE.

*Ndahimana Daniel*

**Inshamake**

Muri iyi nyandiko turibanda cyane ku kugaragaza uburyo integanyanyigisho ishingiye ku bumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha ishyira mu bikorwa intego y'igihugu, ndetse ikanatoza abana b'u Rwanda kurangwa n'indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda. Turareba uburyo imyandiko mfashanyigisho yateguriwe abanyeshuri biga mu mashuri yisumbuye, mu isomo ry'Ikinyarwanda ishyira imbaraga mu gutoza no kwimakaza intego y'igihugu cyacu ari yo "**Ubumwe, Umurimo, Gukunda igihugu"**. Mu mbumbe nyarurimi turasesengura, twibanze ku myandiko mfashanyigisho yateguriwe abanyeshuri biga mu mashuri yisumbuye, maze twifashishije inkoranabuhanga ebyiri zifashishwa mu gusesengura imbumbe nyarurimi ari zo "**SketchEngine"** na **"Antconc**" tureba uburyo aya magambo agaragara mu myandiko yateguriwe abanyeshuri, ndetse n'uburyo agenda akoreshwa mu kwimakaza umuco wo kunga ubumwe, gukunda umurimo no kuwunoza ndetse no gukunda igihugu mu bana b'u Rwanda. Izi nkoranabuhanga tuzifashisha, zikoreshwa mu gusesengura imbumbe nyarurimi ziba zahawe, maze zikagaragaza uko ijambo zihawe ryakoreshejwemo. Zishobora kukwereka amagambo yakoreshejwe hamwe n'ijambo ushaka mu mbumbe nyarurimi. Ikindi kandi, zishobora kukwereka inshuro ijambo ushaka ryakoreshejwemo ndetse n'interuro ryagiye rikoreshwamo.

Mu gusesengura uburyo amagambo atatu aboneka mu kirangantego k'igihugu rero, tuzajya twifashisha amafoto twagiye duhabwa n'izi nkoranabuhanga zimaze gusesengura imbumbe nyarurimi twazihaye. Izo foto zagiye ziziduha bitewe n'ijambo twazihaye, ni na yo mpamvu amagambo yose ari mu mbumbe nyarurimi tutigeze tuyavugaho, ahubwo twavuze ku magambo twahisemo kwibandaho gusa. Mu rurimi kavukire, ruvugwa n'Abanyarwanda bose, ni ho hashobora kunyuzwa intego y'igihugu mu buryo bworoshye, kubera ko utashobora gushyira mu bikorwa ibintu utumva. Ni na yo mpamvu byorohera Leta kwigisha no gutoza abaturage intego zayo, kuko Abanyarwanda twese dufite amahirwe yo kugira ururimi rumwe tuvuga kandi tukumvikana bidasabye abasemuzi.

**Amagambo fatizo**: *imbumbe nyarurimi, inkoranabuhanga, imyandiko mfashanyigisho, ubumwe, umurimo, gukunda igihugu*.

**Abstract**

This study mainly focuses on how the competence based curriculum promotes the country's motto, and how it engages children in putting in mind the values and ethics of Rwandan culture. We will look at how Kinyarwanda reading texts in secondary school, focus in promoting the motto of the country which is "**Unity, Work and Patriotism**". While creating a language corpus that we are dealing with, we focused on reading texts that were prepared for secondary school level, and we used language analysis software such as "SketchEngine and AntConc". We looked at how these words have been put in texts and how they are used in order to make Rwandan children indulge in the culture of promoting unity, liking the work and making it effective, and having patriotism. These software analyze the language corpus that they are given, and tell how the proposed word have been used in the corpus. They can show you the modifiers of a proposed word in a corpus. In addition, they can show you the frequency of the proposed word and the sentences in which that word was used.

In analyzing the three words used in the country's motto, we will look at pictures from the software after analyzing the corpus created for them. Those pictures are given according to the word we have proposed to the software, this means that all words in the corpus are not analyzed, but we only analyzed our target words. It is through the mother tongue which is spoken by all Rwandans that the government teaches the goals and objectives easily, because it is impossible to put in action what you have not understood. It is the reason why it becomes easier for our government to make the population engage in its objectives, because we have one language in which we communicate without someone to translate.

**Keywords**: *language corpus, software, reading texts, unity, work, patriotism*.

**Intangiriro**

Ururimi ni uburyo bwo gutumanaho bukoreshwa n'abantu, bugizwe n'imvugo, ibimenyetso ndetse no kwandika. Indimi nyinshi zifite uburyo bwo kwandika bugizwe n'ibimenyetso, kugira ngo handikwe amajwi cyangwa ubutumwa bw'umwimerere n'ibisobanuro byabwo.

Ronald Carter afatanyije n'abandi (2001) avuga ko "*ururimi ari uburyo ibintu byihariye nk'ibimenyetso bifata ibisobanuro rusange bivuye mu buryo byahujwe n'ibindi bintu*"[22]. Ibi bituma tuvuga ko ururimi atari ikintu cyoroshye kuko akenshi kiba kinabumbatiye umuco w'abenerurimi kandi rugahuza abaruvuga, nk'uko mu ndirimbo yubahiriza igihugu cy'u Rwanda tuvuga ngo "*Umuco dusangiye uraturanga, ururimi rwacu rukaduhuza*".

Mu gusesengura ururimi hibandwa cyane ku bintu bibiri by'ingenzi nk'uko bivugwa na Douglas Bieber afatanyije n'abandi (2007), ari byo "*imiterere y'ururimi ndetse n'imikoreshereze yarwo*[23]", ariko twavuga nk'imbumbe nyarurimi (language corpus) igizwe n'amakuru nyarurimi akubiye mu magambo n'ibimenyetso, umwandiko runaka n'ibindi. Iyi mbumbe nyarurimi igendeye ku mikoreshereze y'ururimi. Iyi mbumbe kandi irakorwa, ikandikwa ndetse ikanabikwa, kugira ngo izifashishwe mu gusesengura imiterere, imikoreshereze y'amagambo, n'ibimenyetso bigize ururimi. Amakuru atandukanye ahurizwa hamwe maze agasesengurwa nk'imbumbe nyarurimi hifashishijwe inkoranabuhanga. Muri izo twavuga nka "**Sketchengine**" cyangwa "**Antonc**".

Isesengura tugiye gukora rero, turibanda kuri iyo mbumbe nyarurimi kugira ngo tumenye uburyo amagambo agize intego y'igihugu akoreshwa mu myandiko mfashanyigisho, ndetse tunarebe impamvu akoreshwa muri iyo myandiko. Turifashisha kandi inkoranabuhanga uko ari ebyiri: "Sketchengine" na "Antconc" mu gusesengura imbumbe nyarurimi twakoze.

Imbumbe nyarurimi isesengurwa

Mu gukora iyi mbumbe nyarurimi, twifashishije ibitabo by'Ikinyarwanda ndetse

[22]. Language is sometimes referred to as semiotic system. This means that it is thought to be a system where the individual elements (signs) take their overall meaning from how they are combined with other elements.

[23] Studies of language can be divided into two main areas: studies of structure and studies of use.

n'integanyanyigisho bikoreshwa mu mashuri yisumbuye, byateguwe n'Ikigo k'igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB). Imyandiko mfashanyigisho iri muri ibyo bitabo yashyizwe hamwe maze ikurwamo imbumbe nyarurimi ya mbere igiye gusesengurwa hifashishijwe inkoranabuhanga zavuzwe haruguru. Muri iyi mbumbe twakoze, turarebamo imikoreshereze y'amagambo atatu aboneka mu kirangantego cy'u Rwanda ari yo "**Ubumwe, Umurimo** no **Gukunda igihugu**", kugira ngo turebe akamaro k'iyi myandiko mu gutoza abanyeshuri umuco wo guhora bazirikana intego igihugu cyacu kigenderaho.

Ibi turabikora duhuza aya magambo n'imyandiko mfashanyigisho kandi tunareba uko integanyanyigisho ishingiye ku "bumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha"[24] ndetse n'imyandiko mfashanyigisho yayiteguriwe ishyigikira intego y'igihugu.

Ururimi kavukire ni wo muyoboro wa nyawo unyuzwamo indangagaciro z'umuco w'igihugu. Ibi rero bikozwe neza mu Kinyarwanda, ni bwo intego y'igihugu yacengera mu rubyiruko, kuko ari rwo Rwanda rw'ejo.

Iri sesengura ryibanze ku gushakira ibisubizo ibibazo bikurikira:

Mbese imyandiko mfashanyigisho yateguriwe abanyeshuri biga mu mashuri yisumbuye ibatoza guhora bazirikana intego igihugu cyahisemo kugenderaho? Mbese niba bikorwa, bikorwa ku kihe kigero cyangwa se byaba bikorwa ku ruhe rwego?

Ibi bibazo twibajije birasubirizwa muri iri sesengura tugiye gukora. Birashoboka ko byose bitasubizwa mu buryo bwimbitse, ariko iri sesengura rikaduha umurongo nyawo twagenderaho twibutsa abanyeshuri kuzirikana no guhora bibuka intego igihugu cyacu gifite.

Isesengura ry'imbumbe nyarurimi.

Muri iyi mbumbe nyarurimi igizwe n'amagambo yakoreshejwe mu myandiko mfashanyigisho yateguriwe abanyeshuri biga mu mashuri yisumbuye mu isomo ry'Ikinyarwanda, hagaragaramo amagambo menshi avuga ku bumwe bw'Abanyarwanda, ubwiyunge, indangagaciro na kirazira, umurimo, gukunda

[24] Knowledge, skills and attitude.

igihugu, kwizigamira, kurwanya ibiyobyabwenge, gukumira ruswa, kwirinda indwara z'ibyorezo, kwimakaza umuco w'amahoro, kwita ku bidukikije n'ayandi. Aya magambo yose tumaze kuvuga, iyo uyatekerejeho neza usanga yose ashyigikira intego y'igihugu, kandi igihugu cyacu gifite intego yo kunga ubumwe bw'abagituye, gukunda umurimo no kuwunoza hagamijwe kwigira, ndetse no gukunda igihugu. Muri uyu murimo turibanda cyane ku magambo dusanga mu ntego y'igihugu ari yo "Ubumwe, Umurimo, Gukunda igihugu" ndetse tunavuge ku magambo amwe n'amwe ashyigikira iyi ntego, harimo impuzanyito ndetse n'imbusane zayo.

**1. Ubumwe**

Nk'uko bigaragara ku rubuga rwa Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Guharanira Ubumwe n'Ubwiyunge mu Rwanda (NURC)[25] ari rwo www.nurc.gov.rw, intego yayo ni "*Guteza imbere ubumwe, ubwiyunge, n'ubufatanye hagati y'abanyarwanda no kubaka igihugu aho buri wese afite uburenganzira bungana kandi agira uruhare mu miyoborere myiza*[26]". Uru rubuga rukomeza rugaragaza kandi ko perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, avuga ko ikerekezo ke ku Rwanda ari "*Igihugu cyunze ubumwe, cyumva ko kinjiye mu karere kegereye umuryango w'ibihugu, igihugu cyateye imbere kandi kirandura ubukene, igihugu kigendera kuri demokarasi kandi ikiruta byose igihugu gihamye mu mahoro hagati muri cyo ndetse no mu baturanyi bacyo*"[27].

Tugendeye kuri ibi bivugwa n'iyi komisiyo, dusanga ubumwe ari inkingi ya mwamba igihugu cyacu cyubakiyeho, ari na yo mpamvu bugomba kwigishwa abana b'Abanyarwanda, kugira ngo bahore babuzirikana kandi banabwitaho mu buzima bwabo bwa buri munsi, bityo ntibazatatire igihango.

Iyo turirimba indirimbo yubahiriza igihugu cyacu cy'u Rwanda, tuvugamo imikarago ishyigikira ubumwe bw'Abanyarwanda. Iyo mikarago ni "*Wowe*


[25] National Unity and Reconciliation Commission.

[26] To Promote Unity, Reconciliation, and social cohesion among Rwandans and build a country in which everyone has equal rights and contributing to good governance.


[27] My vision of Rwanda is a united country that feels itself as an integrated into the sub region Family of nations, a country that is developed and has eradicated poverty, a country that is democratic, and above all, a stable country at  peace with itself as well as with its neighbors.

*utubumbiye hamwe twese Abanyarwanda uko watubyaye", "Umuco dusangiye uraturanga, ururimi rwacu rukaduhuza".* Iyi mikarago yerekana uburyo Abanyarwanda bafite inshingano zo kurinda ubumwe bwabo, kugira ngo budahungabana maze akaga kakagwira igihugu.

Mu bitabo birimo imyandiko mfashanyigisho rero, ubumwe bwitaweho cyane. Bigaragara muri aya mafoto yaturutse ku nkoranabuhanga zifashishijwe:





*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "SketchEngine"*




*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "SketchEngine"*

Bigaragara ko ijambo "ubumwe" ryakoreshejwe kenshi muri iyi myandiko, ritavuga kuba ikintu ari kimwe [nk'uko mu kibonezamvugo bimeze] ahubwo rivuga "kuba umwe, kudatatanya imbaraga, guhuriza hamwe, kubakira umugozi umwe ndetse no kwirinda amacakubiri". Ifoto igaragaza neza interuro ijambo "ubumwe" ryakoreshejwemo.

Kuri "AntConc" ho bigaragara ko ijambo "ubumwe" ryakoreshejwemo inshuro eshanu, rivuga ibyo tumaze gusobanura. Aha twibuke ko ari mu myandiko mfashanyigisho gusa.





*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "AntConc"*

Iyo dusesenguye neza dusanga abateguye iyi myandiko batarashatse kwibanda cyane ku ijambo nyirizina "**ubumwe**", kugira ngo abanyeshuri badahita bibaza impamvu iryo jambo barigarutseho cyane, ahubwo bashyiramo amagambo menshi arishyigikira. Impamvu nyamukuru ni uko kwigisha ubumwe bw'Abanyarwanda bidasaba guhora usubiramo ijambo "ubumwe", ahubwo ushobora no gukoresha andi magambo abusobanura, bityo ugatanga umusanzu ukomeye kuruta uko wakomeza kurisubiramo cyane; bishobora no kurambira abo ubwira.

### 1.1 Amwe mu magambo ashyigikira "ubumwe"

Mu magambo ashyigikira ijambo "ubumwe" twahisemo kwifashisha "umwe, ubucuti, guhuza, hamwe, amahoro n'umutekano". Aya magambo yakoreshejwe kugira ngo badakomeza gusubiramo ijambo rimwe ari ryo "ubumwe". Ijambo "umwe" risobanura kuba ibintu byinshi byahurijwe hamwe bikaba ikintu kimwe. Kugirana ubucuti bivuga guhuriza imitima n'ubwenge hamwe maze mukaba umubiri umwe, ibi bikabazanira amahoro ndetse n'umutekano. Hazamo n'imigani migufi (y'imigenurano) ivuga kuri iri jambo, igaragaza ko kuva kera Abanyarwanda bashimangiraga ubumwe bwabo.


Ijambo "umwe" ryagaragajwe kuri iyi foto ribumbatiye ubutumwa bwimakaza umuco wo kugira ubumwe.




*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "AntConc"*

Ijambo "umwe" ryakoreshejwe inshuro 86 muri iyi myandiko kandi riganisha ku kwereka abanyeshuri ko ubufatanye ari ingenzi, kandi ko nta cyananira abishyize hamwe bakaba umwe. Hakoreshejwemo imwe mu migani yerekeye ku bumwe nka "*Nta mugabo umwe*", "*Abantu ni magirirane*", "*Umutwe umwe wigira inama yo gusara*", "*Iminsi iba myinshi igahimwa n'umwe*". Harimo n'izindi nteruro zerekana ko gukorera mu bumwe ari ingenzi nka "*Bityo icyaciye mu rihumye umwe, undi akaba yakibonye*", "*Nta muntu umwe wari ukwiye kumva ko ari kamara*", "*Umwe akora amapine undi agakora amahembe*", "*Umwe yaba yaragiye undi agasigara ku rugo*", "*Umwe yafataga Gakuru undi agafata Nyiragato*".

Mu ifoto ikurikira, hagaragaramo imikoreshereze y'ijambo "ubucuti" buva ku nshinga "Gucudika" bisobanura "Kuba inshuti[28]".





*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "AntConc"*

Muri iyi foto harimo umugani uvuga ko *ifuni ibagara ubucuti ari akarenge*. Uyu mugani urakoreshwa cyane iyo Abanyarwanda bashaka kwerekana ko utavuga

[28] Être amis.

ko ukunda umuntu mu gihe utajya umusura. Ibi ariko byavugwaga kera iterambere ritarasakara mu gihugu, kuko ubu iyo "***utamuhamagara cyangwa ngo umwandikire ubutumwa***" ari bwo avuga ko utamukunda. Akarenge gasigaye karasimbuwe **n'agakoresho k'itumanaho**, uretse ko no gusurana bitacitse burundu.

Mu ifoto ikurikira hagaragaramo imikoreshereze y'inshinga "guhuza", bisobanura "kwegeranya" cyangwa "gushyira hamwe".




| | |
|---|---|
| 1 | agura umubyeyi twari twegeranye arakampereza. Mu guhuza amaso, mbona ni Munyana, nyina wa Kundwa |
| 2 | wabo, musaza cyangwa mushiki wabo muto. Bamaze guhuza ayo makuru yabo bose, bumva nta bumenyi |
| 3 | myigire bityo bagire ubushobozi butuma bashobora guhuza ibyo bize n\x92ubuzima bwa buri |
| 4 | \x92imishishe bihinze mu mirima migari kubera guhuza ubutaka. Ahandi yahasanze ibikorwa by\x92amakoper |
| 5 | inama abayobozi n\x92abakuru bagafasha mu guhuza uwahemutse n\x92uwahemukiwe. Ba bicanyi batinya |

*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "AntConc"*

Ijambo "guhuza" ryakoreshejwe mu buryo butandukanye ariko bwose buganisha ku "***kwegeranya***" no "***gushyira hamwe***". Guhuza amaso bivuga "*kubonana amaso ku maso*", guhuza amakuru bivuga "*kwegeranya amakuru*", guhuza ibyo bize na byo ni ukubyegeranya, guhuza ubutaka ni uguhingira rimwe ubutaka bwegeranye maze mugahinga igihingwa kimwe. Guhuza uwahemutse n'uwahemukiwe bivuga "*gukemura amakimbirane ari hagati y'uwakoze icyaha ndetse n'uwagikorewe*". Ibi byose rero ni ibyerekana aho ubumwe buganje.

Mu ifoto ikurikira hagaragaramo imikoreshereze y'ijambo "hamwe" risobanura "nta gutandukanya" cyangwa "hatari henshi".




| | | | |
|---|---|---|---|
| 34 | e kimaze iminsi kinuka, baramuzana baza kumuhamba | hamwe na Butati. Ageze mu mva afata rya | My beautiful |
| 35 | mumpambire nk\x92uwapfuye, maze munjyane kumpamba | hamwe na Butati; kandi murebe ihembe mushyiremo ikiremv | My beautiful |
| 36 | karekare ubinjirana nk\x92uko bijya bigaragara | hamwe na hamwe. Ahubwo abantu bakwiriye kumva ko | My beautiful |
| 37 | idutwara abantu umusubizo, za ebora tujya twumva | hamwe na hamwe muri Afurika. Hari kandi za | My beautiful |
| 38 | e rirambye rizasagamba mu Gihugu cyacu. Kwishyira | hamwe ni ukureka kuba nyamwigendaho, ukegera abandi mug | My beautiful |
| 39 | arangiriza ku gihe imirimo yuzuzanya. Mu bakorera | hamwe nk\x92amashyirahamwe cyangwa inganda z\x92 | My beautiful |
| 40 | arangiriza ku gihe imirimo yuzuzanya. Mu bakorera | hamwe nk\x92amashyirahamwe cyangwa inganda z\x92 | My beautiful |
| 41 | mbese bafatanye kugera ku ntego runaka, bakorera | hamwe nko mu mashyirahamwe. Yakomeje kumpa ingero zo | My beautiful |
| 42 | w\x92amahoro, itumanaho, ubufatanye no gukorera | hamwe no ku burezi n\x92uburere bibereye | My beautiful |
| 43 | rugo kandi bubahana. Burya ngo \x93Abishyize | hamwe nta kibananira\x94. Urugero rugaragara ni umuryan | My beautiful |
| 44 | inama wifasha gusara, nyamara ariko \x93Abishyize | hamwe ntakibananira\x94. Ntimuzironde ngo muheze abandi | My beautiful |
| 45 | ni byiza.\x94 Arongera ati: \x93Abishyize | hamwe ntakibananira.\x94 Nuko ambwira ko no mu | My beautiful |
| 46 | hamwe. Umuco w\x92ubufatanye no gukorera | hamwe si uwa none kuko n\x92Abanyarwanda | My beautiful |
| 47 | abo barebera hamwe ibibazo bafite maze bakanigira | hamwe uburyo bwo kubikemura. Abaturage bamugaragarije | My beautiful |
| 48 | n\x92iz\x92amagi, ahubwo twigire | hamwe uko twashakisha igishoro. Igihe twahuriraga mu ma | My beautiful |
| 49 | uga imirimo umuntu agomba gukora. Tugiye kurebera | hamwe uko umuco w\x92Abanyarwanda wateganyaga inshingan | My beautiful |
| 50 | bantu bishyize hamwe bagahuza imbaraga bagakorera | hamwe. Umuco w\x92ubufatanye no gukorera hamwe | My beautiful |
| 51 | untu kandi ntiyakwibagirwa ko iyo abantu bishyize | hamwe umutungo wabo urushaho kugira umutekano kuko uba | My beautiful |
| 52 | wa nagorwa!□□Mugwiza:□(Ase nugira uburakari) Hama | hamwe uwanze kumva ntiyanze no kubona. Nkubwira ngo | My beautiful |
| 53 | kwiteza imbere. Ibyo bamaze kugeraho birashamaje. | Hamwe yakiriwe n\x92uruyange rw\x92ibishyimbo | My beautiful |

*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "AntConc"*


Ijambo "hamwe" ryakoreshejwe inshuro nyinshi (53) byerekana ko gushyira hamwe no kugirana ubumwe ari intego nyamukuru muri iyi myandiko. Hagaragaramo umugani ushyigikira ubumwe uvuga ngo "***Abishyize hamwe nta kibananira***". Harimo kandi n'izindi mvugo zishyigikira ubumwe nka "*kwishyira hamwe ni ukureka kuba nyamwigendaho*", "*umuco w'ubufatanye no gukorera hamwe si uwa none*", "*iyo abantu bashyize hamwe umutungo wabo urushaho kugira umutekano*", ndetse harimo n'izina ryamaze kwamamara ku isi yose ari ryo "***Amashyirahamwe***[29]" kandi leta y'u Rwanda ikaba iyashyigikira cyane, kuko burya koko "***Nta mugabo umwe***".

Mu mafoto akurikira harimo ijambo "amahoro" ryakoreshejwe inshuro nyinshi kandi rikaba rivuga ishingiro ry'ubumwe.

[29] Cooperatives.




*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "AntConc"*





*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "SketchEngine"*

Ahatari amahoro nta bumwe bwaharangwa kuko byombi birasa. Amahoro ni inkingI ya mwamba y'ubumwe kandi ikaba n'inkingi y'ibindi byose umuntu


yifuza kugeraho. Na Yezu (Yesu) ajya gusubira mu ijuru yaravuze ati "Mbasigiye amahoro", iyo misa[30] (iteraniro[31]) irangiye umukuru mu bari bayiyoboye atwifuriza amahoro. Ibi byanditse muri Bibiliya Yera (2001) muri Yesaya 14:27. Uyu murongo uravuga ngo "*Mbasigiye amahoro, amahoro yange ndayabahaye. Icyakora simbaha nk'uko ab'isi batanga. Imitima yanyu ntihagarare kandi ntitinye.*" Abanyarwanda mu kwita amazina y'abana babo usanga bavuga bati "umwana wange yitwa Mahoro, Uwamahoro n'andi".

Ufite amahoro aba afite n'umutekano kuko ni impanga. Iyo amahoro abuze n'umutekano uba udahari, bityo intego umuntu yashakaga kugeraho zikaburizwamo. Ntiwavuga ubumwe rero mu gihugu kidafite amahoro, ari na yo mpamvu iyi myandiko igerageza kubivugaho cyane kugira ngo abanyeshuri bacengerwe n'umuco w'ubumwe n'amahoro.




*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "SketchEngine"*

[30] La mèsse
[31] Congregation



| | | | |
|---|---|---|---|
| 1 | inoze kandi yihuta. Bishimira ituze n\x92 | umutekano | biharangwa bakanyurwa n\x92isuku iranga imigi |
| 2 | biteze imbere mu buryo bwihuse kandi bufite | umutekano | . Gusa kugira ngo bigende neza kurushaho, abantu |
| 3 | \x92Ubutegetsi bw\x92Igihugu, iy\x92 | Umutekano | , iy\x92Ubuhinzi n\x92Ubworozi, iy\ |
| 4 | antu bishyize hamwe umutungo wabo urushaho kugira | umutekano | kuko uba urebererwa n\x92abantu benshi, |
| 5 | urage bose, anatumiza urwego rwa porisi rushinzwe | umutekano | . Ntibyatinze inama iraterana. Mu nama nari nicara |
| 6 | kandi ko atazongera kwigira intare ngo abuze | umutekano | umugore we n\x92abana. Kuva ubwo |
| 7 | iterambere mu bukungu. Ubwo buyobozi bubungabunga | umutekano | w\x92abantu n\x92ibyabo ndetse |
| 8 | 92abantu n\x92ibyabo ndetse n\x92 | umutekano | w\x92igihugu n\x92akarere kirimo |
| 9 | bashobora kwibeshaho ndetse no mu bindi bigamije | umutekano | wa buri wese cyangwa w\x92igihugu |

*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "AntConc"*

Ahari amahoro, n'umutekano urasugira ugasagamba [ndetse tukanasagurira n'ibindi bihugu]. Ni muri urwo rwego amafoto tumaze kubona haruguru agaragaza uburyo ijambo "umutekano" ryakoreshejwe mu myandiko mfashanyigisho yateguriwe abanyeshuri biga mu mashuri yisumbuye. Umutekano ni inkingi ya mwamba y'iterambere ry'igihugu. Ahatari umutekano, nta cyagerwaho.

### 1.2 Amagambo adashyigikira ubumwe

Imyandiko mfashanyigisho igaragaramo n'andi magambo ashyamirana n'ubumwe ari yo twakwita "ibinyuranyo by'ubumwe". Ayo twarebyeho ni "amacakubiri, ihohoterwa, intambara, umwiryane". Ibi bisobanura ko ahatari ubumwe, byanze bikunze hagaragara amacakubiri, ihohoterwa, intambara, umwiryane n'ibindi nka ruswa, imiyoborere mibi, akarengane, idindira ry'iterambere n'ibindi.

Nubwo aya magambo yakoreshejwe ariko, ntabwo ibyo avuga byimakajwe, ahubwo yakoreshejwe mu buryo bwo kwerekana ingaruka mbi zayo, gukumira ibyo asobanura ndetse no kurandura burundu ingeso ziyavugwamo. Iyi ikaba ari na yo mpamvu usanga yarakoreshejwe inshuro nkeya.

Amafoto akurikira yakuwe ku nkoranabuhanga zifashishijwe agaragaza uburyo ibinyuranyo by'ubumwe bine ari byo "amacakubiri, ihohoterwa, intambara n'umwiryane" byakoreshejwe mu myandiko mfashanyigisho, ariko ntibivuze ko ari byo byonyine:

| | | | |
|---|---|---|---|
| 1 | gamba zihashya ingengabitekerezo ya jenoside n\x92 | amacakubiri. | Jenoside ikwiriye kurwanywa uhereye ku ngengabi |
| 2 | ubutegetsi bagashyira imbere inzangano no kurema | amacakubiri | mu bo bayobora. Bityo bagatangira kubiba ingengab |


*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "AntConc"*

Muri iyi foto hagaragaramo uburyo amacakubiri aterwa n'ubuyobozi bubi, buba butarihaye cyangwa ngo bugendere ku ntego yo kunga ubumwe bw'abatuye igihugu. Iyo amacakubiri yimitswe, ni ho havuka ingengabitekerezo ya jenoside, ari yo ivamo jenoside. Iri jambo ryakoreshejwe inshuro nke mu myandiko, kandi Atari kugira ngo amacakubiri ashyigikirwe, ahubwo kugira ngo yamaganirwe kure, ndetse n'ushatse kuyahembera arwanywe na buri munyarwanda wese.

| | | | |
|---|---|---|---|
| 1 | ato umuco wo kurwanya ihohoterwa. □ Bibutsa ko | ihohoterwa | aho riva rikagera ari ribi; banibutsa ko |
| 2 | ari mu rugo rwabo ashingiye cyane ku | ihohoterwa | akorerwa n\x92umugabo we agasahura urugo |
| 3 | akamucura bufuni na buhoro. Nange musubiza ko | ihohoterwa | ari icyaha gihanwa n\x92amategeko. Ambwira |
| 4 | bakuru bagomba gutoza abato umuco wo kurwanya | ihohoterwa. | □ Bibutsa ko ihohoterwa aho riva rikagera ari |
| 5 | mwandiko baratanga inama y\x92uko twarwanya | ihohoterwa. | Ni izihe nama? Sobanura icyo umwanditsi yashats |
| 6 | rupfu. Hejuru y\x92ibyo nta wakwirengagiza | ihohoterwa | ribabaza umutima rigaragarira cyane mu bikorwa by |
| 7 | y\x92agahinda cyangwa akiyahura. Hari kandi | ihohoterwa | ridakunze kuvugwa cyane, rikunze kugaragara mu ng |
| 8 | 92amakimbirane mu ngo aterwa ahanini n\x92 | ihohoterwa | rikorerwa abagore mu ngo, akareba hasi kuko |
| 9 | Imibanire mu muryango na yo ishobora kugaragaramo | ihohoterwa | rikorwa hari n\x92abandi bantu batandukanye |
| 10 | mu bashakanye. Umuntu yakwibaza bimwe mu biranga | ihohoterwa | rikorwa mu ngo n\x92uko uwo |
| 11 | rikanatuma atamenya aho yakura ubufasha. Ukorerwa | ihohoterwa | rimutera kwigunga, akarwara indwara y\x92agahinda |
| 12 | Vuga, muri rusange, izindi ngaruka z\x92 | ihohoterwa | rishingiye ku gitsina n\x92isomo ukuye |
| 13 | zwe bikaba byasenya. Nubwo mu bihugu bitandukanye | ihohoterwa | rishingiye ku gitsina ridasobanurwa kimwe mu rweg |
| 14 | mu mutwe, kwiyanga no kwiyahura. Hari kandi | ihohoterwa | rishingiye ku mutungo rikorwa cyane hagati y\ |
| 15 | guhohoterwa gushingiye ku mutungo, ku gitsina\x85 | Ihohoterwa | rishobora kugera kuri buri wese, yaba ikigero |
| 16 | mwandiko hari ahandi havugwa hashobora gukorerwa | ihohoterwa | ry\x92umwana w\x92umukobwa. Ni |
| 17 | icyo ari cyo cyose kitari urukundo ubwarwo. | Ihohoterwa | ryangiza imibanire myiza yari hagati y\x92 |
| 18 | nta bundi burwayi yaba yatewe n\x92 | ihohoterwa | yakorewe. Sobanura amagambo cyangwa imvugo bikur |
| 19 | ko uriya mugore atazahishira umugabo we kubera | ihohoterwa | yakoze? Ese mbere yo kuganira n\x92 |


*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "AntConc"*

Muri iyi foto hagaragaramo uburyo ihohoterwa ari ribi, ndetse n'uburyo rigomba kwamaganwa mu gihugu kuko ryonona iterambere ry'igihugu. Hagaragaramo ihohoterwa rishingiye ku gitsina ndetse n'irishingiye ku mutungo. Harimo kandi ihohoterwa rikorerwa mu ngo ndetse n'ingaruka zaryo, zimwe muri zo zikaba kubabaza umutima, kubabaza umubiri, kwigunga, kurwara indwara y'agahinda ndetse ingaruka ikomeye cyane ikaba iyo guhanwa. Ibi bigamije gushishikariza abanyeshuri kurwanya ihohoterwa aho riva rikagera.




*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "AntConc"*

Ijambo "intambara" ryakoreshejwe mu myandiko mfashanyigisho, hagamijwe gufasha abanyeshuri kwirinda ibintu byose byatuma intambara iba, basobanurirwa ingaruka mbi z'intambara ndetse n'uburyo bwo kuyirinda. Aha kandi basobanurirwa ko mu Rwanda hatabaye intambara mu 1994, ahubwo ko ari jenoside yakorewe abatutsi. Bityo, umuntu wese wakongera guhembera jenoside, agomba kurwanywa n'imbaraga nyinshi.




*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "AntConc"*

Ijambo "umwiryane" ryakoreshejwe muri iyi myandiko risobanura "ukutumvikana hagati y'abagize umuryango". Umwiryane ni ingaruka y'amacakubiri, ikandamizwa, ihohoterwa ndetse n'ivangura byageze mu muryango. Umwiryane rero ntukwiye kurangwa mu muryango, kuko utuma iterambere ry'igihugu ritagerwaho.

Nk'uko bigaragara muri aya mafoto twabonye, ntabwo ibinyuranyo by'ubumwe byakoreshejwe mu rwego rwo gushishikariza abanyeshuri kwanga ubumwe, ahubwo byakoreshejwe mu buryo bwo kwerekana ingaruka zo kutimakaza ubumwe. Ibivugwa muri ibi binyuranyo by'ubumwe bigomba gukumirwa kugira ngo bitazagaruka mu Rwanda maze "ubumwe" bukongera kwangirika.


## 2. Umurimo

Nk'uko tubikesha urubuga nkoranyambaga rwitwa "Google", umurimo ni "*Igikorwa gikoreshejwe imbaraga z'umubiri cyangwa z'ubwonko kugira ngo umuntu agere ku ntego cyangwa ibisubizo*[32]". Umurimo rero ni inkingi ya mwamba, ituma umuntu agera ku ntego yihaye zose akoresheje ubwenge cyangwa imbaraga z'amaboko ye. Ni na yo mpamvu Leta y'u Rwanda yawushyize mu bigomba kuranga Abanyarwanda kugira ngo bazagere ku ntego bihaye, biteze imbere, bashobore kwihaza mu ngo ndetse banasagurire amasoko. Ikindi kandi iyo wakoze bigutera kugira ubuzima bwiza, umubiri wawe ukubakika kandi ibyo ukura mu murimo ukora bikagufasha kubaho neza. Dushishikarizwa kudasuzugura akazi kuko burya ngo "Nta kazi k'umunyagara kabaho" ikindi ngo "Udakora ntakarye".

Mu ndirimbo yubahiriza Igihugu harimo imikarago ishishikariza Abanyarwanda gukunda umurimo no kuwunoza. Iyo mikarago igira iti: "***Ubwenge, umutima, amaboko yacu nibigukungahaze bikwiye, nuko utere imbere ubutitsa***". "***Urangwe n'ishyaka utere imbere***, *uhamye umubano n'amahanga yose, maze ijabo ryawe riguhe ijambo*". Iyi mikarago igaragaza ko Abanyarwanda bagomba gukoresha amaboko yabo, kugira ngo bishyire bizane, biheshe agaciro kuko nta wundi uzakabaha (Nk'uko bihora bivugwa na Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul KAGAME), kandi birinde guhora bateze ak'imuhana, dore ko kaza imvura ihise.

Iri jambo rero ntiryasigaye inyuma mu myandiko mfashanyigisho yateguriwe abanyeshuri biga mu mashuri yisumbuye, mu isomo ry'Ikinyarwanda.

[32] Work is an "activity involving mental or physical effort done in order to achieve a purpose or result".





*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "SketchEngine"*

Iyi foto twahawe n'inkoranabuhanga yitwa "SketchEngine" igaragaza uburyo ijambo "**umurimo**" ryakoreshejwe mu myandiko, aho yerekana ko ingingo yo "gukunda umurimo no kuwunoza" yitaweho cyane mu myandiko mfashanyigisho yateguwe. Umurimo ni inkingi y'iterambere, kuko gukora bitera ubuzinma bwiza, udakoze ahura n'ingaruka nyinshi harimo no kubaho nabi bikurura urupfu. Hagaragaramo kandi kwihangira umurimo, bivuga ko nta munyarwanda ugomba kwirirwa ategereje inkunga z'amahanga.

Kwitabira umurimo, gukura amaboko mu mufuka no kudategereza ak'imuhana kaza imvura ihise, ni byo bihora byigishwa mu kiganiro kinyuzwa kuri Radio Rwanda, kuva ku wa Mbere kugeza ku wa Gatanu kitwa "Kazi ni kazi" mu rurimi rw'Igiswayire, bisobanura ngo "Akazi ni akazi" cyangwa "Umurimo ni umurimo". Ibi bishatse kuvuga ko Abanyarwanda nibakura amaboko mu

mifuka[33] bagakora bashishikaye, nta kabuza, iterambere ry'igihugu rizazindukira ku muryango rinaharare.




*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "AntConc"*

Umurimo kandi ntabwo uzatuma Abanyarwanda batera imbere bari mu Rwanda gusa, ahubwo bazagura n'imipaka bagere ku isi yose. Integanyanyigisho iri kugenderwaho ubu mu mashuri ivuga ko umwana w'u Rwanda agomba kugira ubushobozi bwo guhangana n'abandi ku isoko ry'umurimo. Ntabwo rero iri soko ririri mu Rwanda gusa, ahubwo ni iryo ku isi yose. Umuco mwiza wo kwizigamira na wo ugarukwaho, kandi ntiwazigama utakoze. Ni na yo mpamvu Perezida wa Repubulika y'u Rwanda yatangije ikigega kitwa "**Agaciro Development Fund**" kigamije gufasha Abanyarwanda kwizigamira kugira ngo bigire, ndetse n'ikindi kigega kigamije kuzagoboka umunyarwanda wagihunitsemo mu gihe ageze mu za bukuru kitwa "**Ejo heza**". Ibi byose abikora mu buryo bwo gukomeza gushishikariza Abanyarwanda gukunda umurimo no kuwunoza.


[33] Nibareka kwiririwa bafashe mu mifuka, bigize abasongarere, ahubwo bagafata mu ntoki ibikoresho byifashishwa mu gukora. Kuko nta murimo ukorwa amaboko ari mu mifuka.

### 2.1 Amwe mu magambo ashyigikira "umurimo"

Inshyigikirizi n'andi magambo yerekeye ku murimo na yo yarakoreshejwe cyane muri iyi myandiko. Muri izo nshyigikizi twavuga nko gukora, kuzigama, kwigira, umwete n'andi. Umurimo, akazi cyangwa umukoro, iyo bikoranwe umwete n'umurava, ni bwo umuntu abona umusaruro mwiza. Iyo umusaruro mwiza ubonetse, habaho kwihaza ndetse no gusagurira abandi. Ibi ariko bibanzirizwa no guteganyiriza ahazaza, ari byo bikunze kwitwa "kuzigama" cyangwa se "kwizigamira", dore ko "iteme umusore azambuka aritinda agitunze".

Iyo umuntu amaze kugira umuco wo gukora atiganda, agera ku iterambere yifuza. Ibi ni byo Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul KAGAME ahora yibutsa Abanyarwanda agira ati "Uhinga mu murima we ntasigana". Kwigira ni ukuba ufite ubushobozi bwo kwibeshaho, ku buryo n'ubwo inkunga zabura wabaho kandi neza. Iki gihe rero si ngombwa ko utegereza ko hari uzaza kuguha, dore ko akenshi iyabo uhawe rikunze kuza riherekejwe n'imirongo ngenderwaho.

Amafoto akurikira yakuwe ku nkoranabuhanga zifashishijwe agaragaza uburyo amwe mu magambo ashyigikira umurimo yakoreshejwe:



*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "SketchEngine"*


| | | | |
|---|---|---|---|
| 64 | ibibazo ibisubizo, igusaba kandi guhanga udushya, | gukora | ubushakashatsi, gusabana n\x92abandi mu Kinyarwan |
| 65 | n\x92imyitozo isaba gukoresha mudasobwa cyangwa | gukora | ubushakashatsi kuri interineti. Icyo ni ikimenyet |
| 66 | ukorera mu matsinda. Indi myitozo irimo izagusaba | gukora | ubushakashatsi mu nzu y\x92isomero, kuri |
| 67 | 92uko twabikomojeho mu ijambo ry\x92ibanze, | gukora | ubushakashatsi ni kimwe mu bigamijwe mu myigire |
| 68 | awe isabwa n\x92integanyanyigisho nshya. Uzasabwa | gukora | ubushakashatsi ujya mu isomero, uzasabwa kwitabaz |
| 69 | ra ibikorwa bijyanye no kubungabunga ibidukikije, | gukora | ubuvugizi ku byerekeye ubuzima bwabo n\x92 |
| 70 | ko yubahiriza gahunda zose za Leta nko | gukora | umuganda tutaretse no gutanga imisoro. Ubu hafi |
| 71 | Abaturage bo mu Mudugudu wa Tuzamurane bamaze | gukora | umuganda wo mu mpera z\x92ukwezi |
| 72 | kumenya ikibagenza mu rugo rwacu. Nari ndangije | gukora | umukoro wo mu rugo, maze ntangira gukora |
| 73 | go. 1.2.3 Ubushobozi Ubushobozi ni ububasha bwo | gukora | umurimo uyu n\x92uyu wihariye uko |
| 74 | kugira ngo twivane mu bukene? Nge natekereje | gukora | umushinga w\x92ubuhinzi bwa kijyambere n\ |
| 75 | a indwara zitabarika! Ubonye ubworozi bwe yifuza | gukora | umushinga wo gucuruza inyama n\x92amata |
| 76 | ubundi buryo; Kugira uruhare mu myigire yanyu; | Gukora | umwanzuro unoze ujyanye n\x92ibyavuye mu |
| 77 | y\x92imyandikire abiteganya, kwandika amabaruwa, | gukora | umwirondoro n\x92ibindi. Iyigandimi Mu kiciro |
| 78 | gushingira ku bushobozi, aho umunyeshuri ashobora | gukora | umwitozo ujyanye n'ubuzima bwa buri munsi |
| 79 | Gasana nta kintu na kimwe bari bazi | gukora, | uretse kuririmba no kubyina. Umuryango wa Kamana |
| 80 | wubaka n\x92ivuriro riramira abarwayi bagombaga | gukora | urugendo rw\x92urucantege; rwasongagaga indembe. Um |
| 81 | yangwa kugira imishinga runaka mukorana wagombaga | gukora | urugendo rwo kujya kumushaka, ukaba wamusanga iyo |
| 82 | uru urishima uribonye. Nyarwambari nta kindi yari | gukora, | yahagaze ku ka rubanda aratabaza abika Ryangombe |
| 83 | uru urishima uribonye. Nyarwambari nta kindi yari | gukora, | yahagaze ku ka rubanda aratabaza abika Ryangombe |

*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "AntConc"*

Nk'uko bigaragara kuri aya mafoto, ijambo "gukora" ryakoreshejwe riri kumwe n'andi magambo atandukanye, mu nteruro zishishikariza Abanyarwanda gukora cyane. Harimo guhanga udushya, gukora imishinga ibyara inyungu, gukora imyitozo, gukora ingendo, gukora umuganda biyubakira igihugu, gukora ubuvugizi, no gukora ubushakashatsi. Iyi myandiko ishishikariza abanyeshuri kandi gukora ubudasiba, gukorera mu matsinda ndetse no guhuza imbaraga. Ikindi kandi, imyandiko irasaba abanyeshuri gukoresha ibyo bize kugira ngo biteze imbere, ari na byo integanyanyigisho ishingiyeho.

| | | | |
|---|---|---|---|
| 1 | murava no kurwanya ubunebwe, akanabatoza umuco wo | kuzigama. | Abana ba Gasana babona isomo ryiza, biga |
| 2 | imbere abikesha umuco mwiza yagiraga wo kumenya | kuzigama. | Akimara kumva iyo nkuru, amusaba ko amafaranga |
| 3 | rutyo. Kamari na we, yoroye inkwavu atangira | kuzigama | amafaranga akuyemo, nyuma y\x92umwaka asubira |
| 4 | ingamba ebyiri umuntu yafata kugira ngo abashe | kuzigama. | (amanota 2) Ni bande bagerwaho n\x92ibyiza |
| 5 | unteye imbaraga! Nange menye ko umuco wo | kuzigama | ari mwiza ngiye gutangira kubikora. Numvaga ko |
| 6 | unteye imbaraga! Nange menye ko umuco wo | kuzigama | ari mwiza ngiye gutangira kubikora. Numvaga ko |
| 7 | \x92imyororokere, kurangwa n\x92umuco wo | kuzigama, | kwita ku bidukikije no kugira umuco w\ |
| 8 | urimo, ugakoresha neza ibyo utunze kandi ukamenya | kuzigama. | Naho umuryango wa Gasana wo warangwaga n\ |
| 9 | zose, nashimishijwe cyane n\x92iyo kudutoza | kuzigama | no gukorana n\x92ibigo by\x92 |
| 10 | zose, nashimishijwe cyane n\x92iyo kudutoza | kuzigama | no gukorana n\x92ibigo by\x92 |
| 11 | bwabo no kumunga umutungo bityo umuco wo | kuzigama | ukaba urahadindiriye. Hari n\x92abanywa ibiyobyab |

*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "AntConc"*





*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "SketchEngine"*

Umuco wo kuzigama ni mwiza, kandi ukwiye kwimakazwa kugira ngo Abanyarwanda bawutore, bawushyigikire kandi ubagemo neza. Kuzigama bituma umuturage yigira ndetse bikanamufasha kubahwa n'abandi. Iyo wazigamye ushobora kwiha icyo ushatse cyose kandi neza. ibi ariko bigendana no kuba wakoze. Niba abanyeshuri rero babonye iri jambo mu myandiko biga, bakanongeraho n'amatsinda yo kwizigamira babona mu midugudu batuyemo, bituma batora umuco mwiza wo kwitindira iteme bazambuka mu minsi izakurikiraho.



| modifiers of "kwigira" | nouns modified by "kwigira" | "kwigira" and/or ... |
|---|---|---|
| **kugamije** ••• kugamije kwigira | **imburamumaro** ••• kwigira imburamumaro | **guteganya** ••• guteganya , kwigira |
| **zadufasha** ••• zadufasha kwigira | **ntibindeba** ••• kwigira ntibindeba | **umuco** ••• kwigira , kugira umuco |
| **baharanira** ••• baharanira kwigira | **ugafunga** ••• kwigira Icyatwa ugafunga | **z** ••• kwigira , ingaruka z |
| **bagerageje** ••• bagerageje gukora baharanira kwigira | **ikigenge** ••• kwigira ikigenge | |
| **guteganya** ••• guteganya , kwigira | **gato** ••• kwigira kami gato | |
| **ingamba** ••• ingamba zose zadufasha kwigira | **yo** ••• kwigira yo | |
| **zose** ••• zose zadufasha kwigira | **bose** ••• kwigira Nk'abandi bose | |
| **umurimo** ••• umurimo kugamije kwigira | **iterambere** ••• kwigira mu iterambere | |
| **guhanga** ••• guhanga umurimo kugamije kwigira | **umuco** ••• kwigira , kugira umuco | |
| **rwo** ••• rwo kwigira | **z** ••• kwigira , ingaruka z | |

*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "SketchEngine"*




| | |
|---|---|
| 1 | tunyuranye two mu rugo. Hashize igihe bongera kwigira inama yo kubyara undi mwana wa gatatu. |
| 2 | kurangwa n\x92amahoro kandi ko atazongera kwigira intare ngo abuze umutekano umugore we n\ |
| 3 | ngabo na porisi... Ubu ibihugu byinshi biza kwigira ku Rwanda ihame ry\x92uburinganire n\ |

*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "AntConc"*


Amahanga akomeje kwigira ku Rwanda, kubera uburyo Abanyarwanda bashyize hamwe bakiteza imbere. Kwigira ni ukuba udakeneye undi ngo ubeho. Muri aya mafoto hagaragaramo ijambo "kwigira" mu buryo bwinshi. Harimo "kwigira ikindi kintu cyangwa undi muntu", bikaba birwanywa n'iyi myandiko kuko buri wese agomba kuba uwo ari we. Harimo no "kwigira" bisobanura "kuba udategereje iyabo rizava ahandi ryo kugutunga". Ibi ni byo abana b'u Rwanda batozwa.

Kwigira ntibisaba kuba ufite ibya Mirenge ku Ntenyo, ahubwo bisaba kunyurwa, ukemera uko uri, hanyuma ugaheraho witeza imbere. Iyo ufite ubuzima buzima, ntugomba kuganya kuko igishoro cya mbere ni bwo. Uwo uri we ni uwo, bityo

heraho uharanira ko utakomeza kuba gutyo ahubwo ukure amaboko mu mufuka ukore, bizakugeza ku iterambere ku buryo nta muntu uzongera kugusuzugura. Uku ni ko kwigira nya ko.




*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "SketchEngine"*





*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "AntConc"*

Kugira umwete mu byo ukora ndetse no kubikora ubikunze ni byo bikugeza ku cyo wifuza. Abanyeshuri batozwa kugira umwete muri byose, kugira ngo

bazabashe gutsinda amasomo biga, ari na byo bizababafasha no kugera ku ntsinzi y'ubuzima. Umwete ugomba gushyirwa mu mirimo myiza, ariko izenezene rigashyirwa mu mirimo mibi ndetse n'urwango kuko ikibi kiganisha ku rupfu. Muri aya mafoto, bigaragara ko ijambo umwete ryakoreshejwe bavuga gusa ku mirimo ikwiye gukorwa. Byumvikana ko rero umwete ari ikintu kiza gikwiye kwimirizwa imbere, kuko umwe akoranye umwete, undi agakora ariko nta mwete, birangira umunyamwete ari we ubonye inyungu nyinshi.




*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "AntConc"*




*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "SketchEngine"*

Akazi n'umurimo ni bimwe, ariko rimwe na rimwe bajya babitandukanya. Amatandukaniro bashyiraho yose ariko ntacyo ahindura ku kuba byombi bivuga "gukora". Umurimo uva ku nshinga "Kurima" kandi na ko ni akazi. Uvuze ngo "Nzakora neza umurimo nshinzwe" undi ati "Nzakora neza akazi nshinzwe", bombi baba batanze ubutumwa bumwe.

Kwitabira akazi kandi ukagakorana umwete n'umurava bituma ugera ku cyo wiyemeje. Igihugu cyacu gikeneye abantu batari abanebwe, batagundira ikirago ahubwo babyuka bakitabira umurimo. Mu myandiko yateguwe harimo aho bavuga ngo "Ibitotsi ni ibiragi bigomba ibirago, usinzira utiziguye imuhira uwazindutse akagusumbya akantu". Uwateguye aka karingushyo yashakaga gutoza abanyeshuri kuzinduka bakajya kwitabira umurimo kuko ari wo soko y'iterambere.

Biragaragara ko rero ijambo "umurimo" ryitaweho cyane muri iyi myandiko ndetse n'impuzanyito zaryo, kugira ngo umwana w'umunyarwanda aho ari mu ishuri age yibuka ko umurimo ari isoko y'iterambere kandi ko umuntu witabiriye akazi (umurimo) agera ku bukire, bigatuma ntawe umunyuzamo ijisho cyangwa ngo amusuzugure. Kwitabira umurimo, ari wo uteza igihugu imbere, ni ingenzi cyane ku muturage nyawe ukunda igihugu ke.

### 3. Gukunda Igihugu

Ijambo rya gatatu riboneka mu ntego y'igihugu cyacu ni "Gukunda igihugu". Ni amagambo abiri abumbye ijambo rimwe. Gukunda bivuga "kumva ubwuzu bwimbitse ufitiye umuntu[34]" cyangwa "kwishimira cyane[35]". Bamwe bajya bavuga ngo "urukundo ni impumyi" abandi ngo "urukundo ni ukurindagira k'umutima, gutuma ubona umuntu mu buryo butandukanye n'ubwo abandi bamubonamo, ukanishyiramo ko afite uruhare rukomeye mu buzima bwawe". Aha rero si kimwe no gukunda igihugu.

---

[34] To feel deep affection for someone
[35] To enjoy very much

Buri muntu wese afite uburyo akunda uwamubyaye, kandi igihugu ni umubyeyi wacu. Ugakunda uwaguhetse kandi igihugu ni "ingobyi iduhetse" nk'uko mu ndirimbo yubahiriza igihugu cyacu tuvuga tuti "***Ngobyi iduhetse gahorane ishya, reka tukurate tukuvuge ibigwi***". Tuba tuvuga igihugu cyacu. Ikindi kandi, ugera ku rwego rwo kurata umuntu ari uko wabanje kugera ku rwego rwo kumukunda kandi ukamwimariramo. Uwo rero, ni igihugu cyacu cy'u Rwanda.


Hari n'aho tuvuga tuti "***Abakurambere b'intwari bitanze batizigama, baraguhanga uvamo ubukombe***" ahandi tuti "***Duhagurukiye kukwitangira** ngo amahoro asabe mu bagutuye*". Mu burenganzira umuntu agira harimo no kugira ubwenegihugu, kandi ntihagire umuvutsa ubwo burenganzira. Ubwenegihugu tubuha agaciro karuta ako duha ikinyabiziga ndakumirwa.

Primoratz (2009) avuga ko gukunda igihugu ari "*Ukugira urukundo rwihariye ku gihugu cyawe*[36]", cyangwa "kumva wiyumvamo indangamuntu y'igihugu urimo". Akomeza avuga ko ari "*Ukugira ubushake bwo kwigomwa kugira ngo uteze imbere ibyiza by'igihugu*[37]".
Gukunda igihugu rero turebye neza twasanga ari ukumva ko ari umubiri wawe ukunda (kwikunda), ku buryo wumva ibyo ukeneye byose, n'igihugu na cyo kibikeneye. Ukunda igihugu ke ahora akifuriza kugira ubumwe, nta mwiryane, nta macakubiri, nta ntambara ndetse n'ibindi bibi bikirangwamo. Ahubwo yumva kigomba kurangwa n'ibyiza ndetse n'ibigendana na byo. Akifuriza kandi gukungahara, kikigira kuko baca umugani ngo "*Ak'imuhana kaza imvura ihise*" cyangwa ngo "*Umugabo arigira yakwibura agapfa*".
Amafoto akurikira yakuwe ku nkoranabuhanga ari zo "Sketch Engine" na "AntConc" agaragaza uburyo amagambo abiri (Igihugu n'ubutwari) yakoreshejwe mu myandiko mfashanyigisho.


---

[36] Special affection for one's own country,

[37] Willingness to sacrifice to promote the country's good




*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "SketchEngine"*





*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "AntConc"*


Ijambo "igihugu" ryakoreshejwe inshuro ijana. Bigaragara ko hashyizwemo interuro zibuza abantu kuvuga igihugu uko kitari, kwitabira umuganda wo kwiyubakira igihugu, kubaka igihugu no gukorana ubupfura, kugira ubutwari ndetse n'ibindi.

Uwigishije umugore aba yigishije igihugu. Muri aya mafoto hagaragara uburyo abanyeshuri batozwa gushyigikira ko abana b'ibitsina byombi biga nta vangura rigiyemo, dore ko imyumvire iri gusaza yavugaga ko nta mukobwa ugomba kwiga ngo umuhungu yicare. Imipaka y'igihugu igomba kurindwa kugira ngo kitavogerwa. Abavuga igihugu nabi tugomba kubamaganira kure.

Impuzanyito yo gukunda igihugu yitwa "ubutwari" na yo yakoreshejwe muri iyi myandiko twahisemo nk'imbumbe twasesenguye.




*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "SketchEngine"*




*Iyi foto yatanzwe n'inkoranabuhanga "AntConc"*

Ubutwari ni imyitwarire ya gitwari (y'intwari), igaragarira mu bikorwa ndetse no mu bitekerezo bishyigikira cyangwa byimakaza ubusugire bw'igihugu. Intwari ni umuntu ushimirwa ibikorwa yakoze, byagiriye akamaro gakomeye igihugu. Ubutwari rero no gukunda igihugu ntibisigana, kuko ntabwo waba intwari ku giti cyawe. Nta muntu wakugira intwari atari igihugu kibikugize. Ni yo mpamvu ijambo "ubutwari" ryagiye rigaruka muri iyi myandiko, kugira ngo abanyeshuri batangire gutozwa ubutwari bakiri bato, bazakure barimakaje urukundo ku gihugu cyabo ndetse banaharanira gukora iyo bwabaga ngo igihugu gisugire.

**Umusozo**

Intego z'igihugu cyacu zateguwe neza kandi zishyirwa mu rurimi Abanyarwanda bose bumva kugira ngo zizagerweho na buri munyarwanda wese, atitwaje ko atigeze azisobanukirwa cyangwa ngo azumve. Bajya baca umugani mu Kinyarwanda ngo "Igiti kigororwa kikiri gito", bishatse kuvuga ko "Uko umwana umureze ari ko akunera" cyangwa ngo "umwana ni urupapuro rutarandikwaho ikintu".

Abana bacu rero bagomba gutozwa indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda bakiri bato kugira ngo batazatatira igihango. Muri iyi mbumbe nyarurimi twakoze dushingiye ku myandiko mfashanyigisho yateguriwe abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye mu isomo ry'Ikinyarwanda, biragaragara ko intego z'igihugu zitaweho. Aha ni mu rurimi abanyeshuri bumva neza, ndetse n'imyitozo bakora ikaba ibashishikariza kugira umuco w'ubumwe, umurimo no gukunda igihugu.

Integanyanyigisho nshya ikoreshwa mu mashuri ishingiye ku bushobozi

bw'umunyeshuri. Irongera kandi ikagaragaza ko icyo ikeneye ku munyeshuri ari ukugira ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha. Aha ni ho rero ubushobozi bushingiye. Integanyanyigisho yabanjirije iyi ntiyateganyaga uburyo bwo guha abanyeshuri ubumenyi ngiro n'ubukesha. Ibi byatumaga igihugu kigira abantu bafite ubumenyi ariko bamwe muri bo ntibashobore kwimakaza umuco w'amahoro, ubumwe, gukunda umurimo no kuwunoza, gutanga serivise inoze (kwakira neza abakugana) no gukunda igihugu. Muri iki gihe rero, ibyo ntabwo igihugu cyifuza kuzongera kubigeramo ahubwo abana bose batozwe umuco w'amahoro, gukunda umurimo no kuwunoza, ubumwe no gukunda igihugu.
Ni yo mpamvu muri iyi myandiko abanyeshuri basoma mu mashuri yisumbuye, mu isomo ry'Ikinyarwanda ibafasha kugira izo ndangagaciro, maze kubera ari bo Rwanda rw'ejo, bakazakura bazira amacakubiri n'ivangura iryo ari ryo ryose.

**Indangasoko:**

Mu gukora uyu murimo twifashishije imbumbe nyarurimi twakuye mu myandiko iri mu bitabo mfashanyigisho by'Ikinyarwanda bikoreshwa mu mashuri yisumbuye, kuva mu mwaka wa mbere kugeza mu mwaka wa gatandatu.
<u>Imbumbe nyarurimi twakoze dukuye mu myandiko mfashanyigisho ni iyi.</u>
Ibyo bitabo ni ibi:


1. DRAKKAR (2017): I*kinyarwanda: Amashuri yisumbuye: Umwaka wa mbere. Igitabo cy'umunyeshuri*. English Press Ltd. Kigali Rwanda.

2. DRAKKAR (2017): *Ikinyarwanda: Amashuri yisumbuye: Umwaka wa kabiri. Igitabo cy'umunyeshuri*. English Press Ltd. Kigali Rwanda.

3. DRAKKAR (2017): *Ikinyarwanda: Amashuri yisumbuye: Umwaka wa gatatu. Igitabo cy'umunyeshuri*. English Press Ltd. Kigali Rwanda.

4. REB (2019): *Ikinyarwanda amashuri yisumbuye umwaka wa 4. amashami yiga ikinyarwanda nk'isomo rusange. igitabo cy'umunyeshuri.* Kigali Rwanda.

5. REB (2016): *Ikinyarwanda: Igitabo cy'umunyeshuri. Amashuri yisumbuye 4*

Fountain Publishers Rwanda Ltd.

6. DRAKKAR (2017): *Ikinyarwanda: Amashuri yisumbuye: Umwaka wa gatanu. Twumve, tuvuge, twandike, dusome, duhange mu Kinyarwanda. Igitabo cy'umunyeshuri*. Drakkar Ltd. Kigali Rwanda.

7. DRAKKAR (2017): *Ikinyarwanda: Amashuri yisumbuye: Umwaka wa 6. Igitabo cy'umunyeshuri*. Drakkar Ltd. Kigali Rwanda.

8. Ronald Carter, Angela Goddard, Danuta Reah, Keith Sanger, Maggie Bowring 2001. Working with texts. A core introduction to language analysis, second edition New York.
9. Douglas Biber, Susan Conrand, Randi Reppen 2007. Corpus Linguistics. Investigating Language Structure and Use. Cambridge University Press.
10. Primoratz 2009. Patriotism. Stanford.library.sydney.edu.au
11. Société Biblique au Rwanda (2001): Bibiriya Yera. Kigali, Rwanda.

**Twifashishije kandi urubuga rwa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge**:

www.nurc.gov.rw

# MUZIKA NYARWANDA, UMUYOBORO W'ITOZAMUCO, ISAKAZAMUCO N'ITERAMBERE

*SIBOMANA François Xavier*
*Umwarimu n'umushakashatsi*

**Inshamake**

Umuco w'u Rwanda ni urusobe kandi ukaba n'imbumbe rukumbi iranga ubuhanga bw'abagize umuryango nyarwanda. Mu bice byawo byose, umuco nyarwanda ukungahazwa na byinshi birimo umurage, ibihangano n'ibyo dutira mu mico y'amahanga maze bigatuma Igihugu kihesha agaciro mu ruhando mpuzamahanga. Mu bice byayo muzika ni umuyoboro mugari kandi uhamye unyuzwamo imbamutima zose za muntu nk'uko bihamywa na Claude Debussy wavuze ko muzika itangirira aho imvugo yananiwe gusobanura ingingo runaka. Muzika kandi ni inzira nziza y'itozamuco uko ibihe bigenda bisimburana mu buzima bwa buri munsi bw'Abanyarwanda. Ku rundi ruhande, iyi ngeri y'ubumenyi ishobora gushyira mu kaga umuco bitewe no gutira nabi uturango tw'iyindi mico, guhanga binyuranyije n'amahame ndangamuco bishobora gutera abahanzi kuyoba no kunyuranya n'umuco, gusakaza imyumvire itabereye umuco karande. Burya koko "Agahugu katagira umuco karacika". Kurengera umuco nyarwanda n'ibindi bikorwa biwuteza imbere n'ababigiramo uruhare bigaragara mu ngingo ya 11n'iya 36 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryatowe ku wa 4 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe mu mwaka wa 2015. Ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, iyi nyandiko iragaragaza muzika nk'uruganda rw'umuco kuko itoza abantu b'ingeri zinyuranye uturango tw'umuco. Nanone kandi ni umurage ndangamuco udafatika nk'uko bisobanurwa ku rupapuro rwa 17 rw'inyandiko y'igenamigambi ry'imyaka itanu (2017-2022) ry'iyahoze ari Minisiteri ya Siporo n'Umuco. Turibanda kandi ku iterambere ry'umuryango nyarwanda rishingira ku isano iri hagati ya muzika n'izindi nganda z'umuco, umurage ndangamuco na ndangamateka, turasesengura kandi uko ibihangano nk'indirimbo birenga imipaka bikaba iby'isi yose muri rusange.

**Amagambo fatizo**: *Umuco, muzika, uruganda ndangamuco, umurage ndangamuco, iterambere rirambye.*

**Abstract**

Rwandan culture is complex and unique, that features the skills of members of a particular community. In all its aspects, culture is enriched by many things including heritage, pieces of art and borrowings that make the country more valuable on international market. In the same view, the music is a constant channel through which all the human's feelings are expressed. Again, music is a

great way to practice as time goes on in the daily lives of Rwandans. On the other hand, this field can endanger the culture due to the mismanagement of foreign culture, creativity contrary to cultural norms that causes artists to be misled, spreading a perverse view of traditional culture, for instance on national politics, economics and education. Indeed, it states that "Agahugu katagira umuco karacika". Safeguarding and protecting Rwandan culture and other activities that promote it and its participants at large, have been reflected in article 11 and 36 of The Constitution of the Republic of Rwanda of 4th June, 2003, as amended in 2015. Directly and indirectly, this paper focus on music as a cultural industry because it trains people from different category, and again it is intangible cultural heritage as it is stated on page 17 of final report about five years strategic plan for culture tourism (2017-2022) of the former Ministry of Sports and Culture. We also focus on community development based on the relationship between music and other cultural industries, cultural and historical heritage, we also analyze how creative arts such as songs can cross borders and belong to the entire world.

**Keywords**: *Culture, music, cultural industry, cultural heritage, sustainable development*

**INTANGIRIRO**

Uko iminsi ishira indi igataha, umuco urushaho urakura ari na ko urushaho kwivugurura . Ni ukuvuga ko utakaza tumwe mu turango twawo ari nako wunguka utundi dushya. Kwimakaza no gusigasira umuco ni ishema ry'abagize umuryango uyu n'uyu. Ni muri urwo rwego ari ngombwa kwita ku byo umuryango uragwa n'abasokuruza, ibihangano binyuranye n'ibihahwa mu mico mvamahanga.

Iyo usesenguye neza umuvuduko w'iterambere u Rwanda rwifuza, usanga ubangikanye no guhesha ishema umuco nyarwanda kubera ko ari wo nkingi y'amajyambere arambye n'imibereho myiza y'abaturage. Ibyo ntibyagerwaho hatabayeho ubufatanye bw'inzego zose za leta, imiryango itari iya leta n'abikorera ku giti cyabo. Amahitamo ya muntu amufasha kugera kuri byinshi aba akesha umwuga akorera ahakwiye no mu gihe gikwiye. Ubuhanzi bushingiye kuri muzika nyarwanda ni bumwe mu myuga ihesha agaciro abayigiramo uruhare bose ari nako ikungahaza umuco wacu haba mu Gihugu imbere no ku ruhando mpuzamahanga.

Muzika nyarwanda ni ingeri y'ubumenyi n'ubuhanga. Ku buryo buziguye n'ubutaziguye, indirimbo zigaruka ku nsanganyamatsiko zinyuranye zifitanye isano n'indangagaciro z'umuco w'u Rwanda n'andi mahame ndangamuco. Ni ku bw'iyo mpamvu ari inzira nziza y'itozamuco. Nanone kandi ni umuyoboro mugari w'isakazamuco kuko igera ahantu kure kandi kuri benshi mu gihe githitawe ku nzira z'ubwumvane n'ihanamakuru zifashishwa. Ibihugu byose iyo biva bikagera n'abantu b'ingeri zose bavoma byinshi byiza mu bugeni n'ubuhanzi bw'indirimbo ziherekezwa n'injyana ndetse n'imibyinire. Mu Kinyarwanda baca umugani ngo: "Akabando k'iminsi gacibwa kare kakabikwa kure"; bityo rero kuzigamira ejo hazaza ni inshingano ya buri wese kuko ari isoko y'ubukungu n'ubuzima bwiza. Ni muri urwo rwego muzika ifata umwanya w'ibanze kandi ikagira uruhare mu iterambere rirambye kuko itanga akazi ku bantu banyuranye na leta ikabyungukiramo binyuze mu mu itangwa ry'imisoro

n’ikungahazamuco.

Kwita kuri muzika nyarwanda nk’uruganda ndangamuco n’umurage ndangamuco udafatika ni indangagaciro ikomeye kuko bituma umuryango nyarwanda urushaho gusigasira ibyiza wasanze n’ibyo ugenda ugeraho kandi ukabishyikiriza abawukomokaho.

**1. Imiterere ya muzika mu Rwanda**

Kuva kera na kare, ubuvaanganzo nyarwanda bufite imiterere itandukanye. Mu Rwanda muzika yigaragaza mu buryo bubiri. Hari muzika iririmbwa itanditse na muzika iririmbwa yanditse.

Ubu buryo bwombi buherekezwa n’ikoreshwa ry’ibicurangisho nk’uko C. KANIMBA MISAGO, (2005: 225) abigaragaza agira ati : “*Muzika gakondo nyarwanda ishobora kugabanywamo ibice bikurikira: indirimbo ziherekejwe n’ibicurangisho, indirimbo ziherekejwe n’ibicurangisho n’imbyino na muzika itangwa n’ibicurangisho byonyine”.*

**1.1. Muzika nyarwanda iririmbwa itanditse**

Iyogabihe ry’iyi muzika ntabwo rigusha ku gihe nyirizina yaba yaratangiriye. Amacishirizo yerekana ko muzika gakondo nyarwanda itanditse yaba ifite inkomoko mu bitaramo bitandukanye mu mibereho y’ubuzima bwa buri munsi bw’Abanyarwanda, uhereye igihe inganzo yari itangiye guhabwa umwanya mu miryango nyarwanda. Nta wavuga ko iyo muzika yazimiye kuko dusanga no muri iki gihe igifîte imiterere ihamye. Ibi bishimangirwa n’inyandiko bwite “*Amateka y’umuzika wanditse mu Rwanda (1907-2010*) ya Porofeseri G. MBONIMANA, (2010: 9-10). Aragira ati: “*…ubu ngubu hari muzika iririmbwa n’Abanyarwanda ariko itanditse*.”

**1.2. Muzika nyarwanda yanditse**

Uwavuga igihe nyirizina iyi muzika yaba yaratangiriye yaba yigerejeho.

Abahanga mu bya muzika bagaragaza ko nyuma y'igihe cy'umwaduko w'abazungu, ahagana gato umwaka wa 1900, ubushakashatsi bwatangiye kugera ku musaruro ushimishije kuko abanyaburayi b'inzobere bo ubwabo ari bo babigaragaje mu nyandiko zitandukanye.

Muri iyo nyandiko bwite, Porofeseri MBONIMANA, agaragazamo umuzungu wa mbere wanditse amagambo n'amanota y'imbyino, ari we Félix DUFAYS, guhera mu wa 1907, nyuma abandi bakurikiraho kugeza magingo aya.

Iyo ucukumbuye inyandiko z'bushakashatsi zitandkanye, ikigaragara ni uko muzika gakondo nyarwanda yanditse yagize ibihe byiza guhera mu wa 1939 kugeza mu wa 1960, ariko nyuma y'iki gihe itangira gutakaza umwimerere.

Umuhanga Porofeseri MBONIMANA, G., (id.) agaragaza muzika yanditse agira ati: "*Muzika yanditse iri mu byiciro bitatu: muzika mu nzira ya classique yagendeye rimwe na muzika nyarwanda mu majwi asobetse (1939-1960), Muzika classique ni intangiriro ya muzika mu majwi mu buryo bwa technique cyangwa harmonie vers polyphonies*".

N'ubwo hari urwego rwiza muzika nyarwanda yaba igaragaraho, ku rundi ruhande hari byinshi byo gutekerezwaho kugira ngo iterambere ryayo rikomeze rikataze.

Ku rupapuro rwa cumi, Porofeseri MBONIMANA hari impungenge yagaragaje agira ati : "*Muri rusange, muzika yanditse ifite ikintu cyo gukoperana ku byerekeye imiterere (style)*". Kuri iyi ngingo atanga inama agira ati : "*Hagombye umwimerere (kureka urwiganwa) urangwa no kunyuranya ingeri (genres).*"Akomeza agira ati : "*Hari abahimba bafite inzira (méthode): indirimbo ikagira structure, ikagira uko yubatse aho kuba ikintu gishibuye uko ntazi*". Arongera kandi akagira ati : "*Imyandikire y'amanota iracumbagira*".

Duhereye kuri ibyo byagaragajwe haruguru n'ibindi byigaragaza muri muzika nyarwanda, twakongeraho ko nta keshamvugo n'ubugeni byo ku rwego rwa gihanga byigaragaza mu magambo yanditse y'umuzika, ibyo bigatuma indirimbo zo muri ibi bihe zihararwa ariko irengero ryazo ntirisobanuke. Ibi bigaragaza nanone ko nta gishya ziba zifite mu gihe izo hambere ziba zikunzwe cyane kubera ubwiza, umwimerere, injyana nziza, ubutumwa, umuririmbo unogeye

amatwi. Ikindi kerekana ko izo hambere ziifîtemo ubugeni ni uko haba mu ndirimbo z'amadini, cyangwa se izo mu buzima busanzwe, habamo guha injyana nshya zimwe mu ndirimbo zo hambere.

## 2. Injyana mu muzika nyarwanda gakondo

Injyana muri muzika nyarwanda, ishingiye ku bipimo bimwe na bimwe ngirakabiri, ngiragatatu ndetse n'ibivanze, bityo tukagira injyana nyarwaanda shingiro, yigenga n'injyana ipimye isanzwe cyangwa ipimye inyuranye.

C. KANIMBA, MISAGO (op.cit.:235) aragira ati:"*Injyana y'umuzika irangwa no gusimburana kw'imigabane y'igihe ibiri cyangwa itatu. Uko indirimbo ikomeza kwegera imvugo niko imiterere y'injyana igenda yigenga…"* Akomeza agira ati:"*Muri muzika umugendo wiganje, injyana irakomera kandi ntihinduke vuba. Umuzika nyamajwi ugaragazwa kenshi n'imiterere y'amasaku y'imvugo. Uwo mugendo uramanuka kandi watura buri mugemo n'ubwo amanota asubirwamo agaragara".*

Mu gitabo yise « *Introduction à la danse rwandaise traditionnelle* », J.B. NKULIKIYINKA, agaragaza imiterere y'injyana ya muzika nyarwanda. Akomeza agaragaza ko injyana, imbyino no gukoma amashyi bidasigana.

Ku rupapuro rwa 25 abigaragaza agira ati : "*Nk'uko tubibona buri gihe, indirimbo y'imbyino iherekezwa n'imikomere y'amashyi. Uko gukoma amashyi ni ihura ry'ibice by'umubiri ritanga injyana n'umujyo by'abaririmbyi ndetse rikunganira amajwi yabo".*[38]

Ku rupapuro rwa 9 agaragaza amavu n'amavuko agira ati : "*Imbyino na muzika byagiye byivanga uko amasekuruza yagiye asimburana ari nako habaho ikungahara ry'ibyavomwe mu mico mvamahanga".*[39] Ku ruparuro rwa 17 arongera kandi akerekana inkomoko y'ibyavuzwe haruguru mu Rwanda agira ati :"*Indirimbo, injyana, imitambukire n'imijyo inoze y' abatwa byigana ibimenyetso by'abahigi, ingabo, ibakwe, iminyaruko n'ibitunguranye, ubushishozi cyane cyane nyamayobera."*[40]

## 3. Akamaro ka muzika nyarwanda

[38] La chanson de danse est, nous l'avons vu toujours accompagnée du battement des mains. Ce battement est une percussion qui donne le rythme aux danseurs et soutient leurs voix.
[39] …la danse et la musique se sont intimement mélangées au fil des siècles, tout en s'enrichissant par d'apports puisés dans d'autres cultures voisines.
[40] Les chants, les rythmes, les pas et les mouvements chorégraphiques twa traduisent les gestes des chasseurs-guerriers, vifs, rapides et imprévisibles, attentifs et souvent mystérieux.

Mu mibereho ya muntu usanga hari ibintu byinshi bimufasha kubaho mu mudendezo n'ibindi bimufasha kugera ku bintu bitandukanye no kugaragaza isesekaza ry'amarangamutima. Muzika nyarwanda gakondo ifite akamaro ntagereranywa:

C. KANIMBA, MISAGO, (Op.Cit : 225) abigaragaza mu magambo meza agira ati :"*Kuva kera na kare, muzika ifite uruhare rukomeye mu gihugu, ari mu rwego rwa politiki, ari mu byerekeye ubukungu ari no mu bireba imibereho y'abaturage."*

Si we wenyine ubigaragaza kuko na J.B.NKULIKIYINKA, (Op. Cit:.25) agaragaza akamaro ka muzika mu gihe cyo hambere agira ati : "*Imbyino, muzika n'ubusizi byose byari bifite uruhare rukomeye mu gutera imbaraga n'umurava ingabo ku rugamba, kugusha neza imitima yabaga ishavuye, zikogeza urukundo, zigasesekaza umunezero mu bihe bisanzwe by'amahoro".*[41]

Ntabwo bigarukira aho gusa kuko usanga no mu mibereho ya buri munsi y'Abanyarwanda, hari ibyo bishimiraga, maze bakabisesekaza binyuze mu mbyino n'indirimbo.

J.B. NKULIKIYINKA, (id.25) abivuga muri aya magambo agira ati:"*Abanyabugeni bakoresheje izo ngeri z'ubuvanganzo mu rwego rwo gukuza icyubahiro cy'abayobozi, kurata ibyiza by'umuryango cyangwa ibyiza by'amahoro arambye n'iterambere ry'abaturage."* [42]

**4. Muzika nyarwanda nk'umuyoboro w'itozamuco**

Akenshi ishusho y'umuco igaragarira mu bihangano biba bigize ingeri z'ubuvanganzo nyarwanda. Bityo rero indirimbo nk'imwe muri izo ngeri, zirangwa n'uko abahanzi bazo bafatira ku turango tunyuranye kandi twihariye tw'umuco wacu nk'Abanyarwanda bashingiye ku mibereho yabo n'imico yabo. Guhanga indirimbo kwiza ni ukuyihanga mu rurimi rwumvwa n'abahuje umuco n'umuhanzi ku buryo ibikubiye mu mico myinshi itandukanye bituma umuntu

---

[41] La danse, la musique et la poésie ont de tous temps de ravivé la force et le courage des guerriers au combat, consolé les âmes de leurs peines, exalte l'amour et chanté la joie lors des moments heureux de la vie.

[42] Les artistes ont utilisées également pour rehausser le prestige des dirigeants, fustiger les travers de la société ou chanter les idéaux de paix et de progrès auxquels aspirenle peuple.

aryoherwa cyangwa bifasha benshi kumva neza no gosabanukirwa iby'umuco karande wabo. Umuhanzi w'umuhanga ahora iteka azirikana ko imvugo ihuzwa n'imvugiro. Imvugo y'umuntu iramuranga kandi ni we uhitamo imvugo yifashisha kugira ngo atange ubutumwa.

Uhanga neza ntanyuranya n'umuco; unyuranyije na wo arayoba kandi akayobya imbaga nyamwinshi. Ni yo mpamvu iyahoze ari Inteko Nyarwanda y'Ururimi n"umuco (RALC, 2015: 109) iha umurongo abahanzi b'indirimbo igira iti:" *Indirimbo ndetse n'imbyino byabaga bishingiye ku muco nyarwanda kandi bikaba byaratangaga ubutumwa butandukanye bwabaga bujyanye n'umuco ndetse n'indangagaciro nyarwanda*." Kuri ibyo, twakongeraho ko indirimbo zituma tumenya umuco wacu, tukawucengera, tukawukungahaza, tukawurinda tukanawukomeraho tuwurinda kuzimirira mu yindi mico y'amahanga. Kandi nanone, kwita ku muco n'indangagaciro bicishwa mu ndirimbo (RALC, 2015:110).

Nk'uko tubikesha Igitabo nyobozi " Indangagaciro z'umuco w'u Rwanda" cya Minisiteri ya Siporo n'Umuco cyasohotse mu mwaka wa 2018, umuco wacu wubakiye ku ndangagaciro nkuru enye ari zo: Gukunda Igihugu, Ubumwe, Ubupfura n'Umurimo. Izi na zo zifife izindi nyinshi zizishamikiyeho na kirazira zizishingiyeho.

**1. Urugero rw'indirimbo yigisha indangagaciro yo *Gukunda Igihugu* n'iziyishamikiyeho:**

**Turate Rwanda (Indirimbo ya Buhigiro Jacques)**

1. Turate Rwanda yacu itatse inema
   Rwanda yacu nziza gahorane ishya
   Gitego cyatatswe ubwiza na Rurema
   Abawe baraguharanira.

   **Inyikirizo**

   Rwanda nzi nziza
   Ntuteze kuzahinyuka mu mahanga
   Rwanda nzi nziza
   Abawe baguhaye impundu.

2. Ufite ibirunga nka Muhabura
   Ni cyo gikuru mu birunga by'ino
   Ni wo munara w'uru Rwanda rwacu
   Aho uri hose uba ukitegeye. ***Inyikirizo***

3. Twavuga iki se ku mazi magari
   Nka Kivu na Muhazi ya Buganza
   Burera na Ruhondo byo mu Murera
   Cyohoha inetesha Bugesera. inykirizo

4. Hari ubwo se mwageze mu mukenke
   Ngo murore impara n'imparage se
   Hari ubwo se mwageze mu mashyamba
   Ngo murore ingwe n'urusamagwe. ***Inyikirizo.***

**2. Urugero rw'indirimbo yigisha indangagaciro y'*Ubumwe* n'iziyishamikiyeho: Akana karembera ya Rugamba Sipiriyani& Amasimbi n'Amakombe (1979)**

1. Kana karembera
Ntusiga tujyane
Dore  nkubiwe n'ubwire
Mu nzira igana iwanyu
Kandi ga sinza kuharenga
Mba nkuroga.
2.Vuga cyane mugenzi
Sinkumva mba nkwanga
Umuyaga ni mwinshi
N'ijwi rirahemba
Kandi ga rangurura ijwi cyane
Mba nkuroga.
3. Kana karembera
Ndindira aho tujyane
Iyo ngana ni hirya
Kandi ijoro ni ryinshi

Kandi ga ndagushakaho icumbi
Mba nkuroga.
4. Uri uwa he se mugenzi
Ko umpamagara ntakuzi?
Gucumbikira uwo utazi
Biratonda mba nkwanga
Kandi ga ntaho nakubonye
Mba nkuroga.
5. Narerewe aho wavutse
Abakubyaye baranzi
Wowe wari agahinja
Ugaragurika ku byahi
Kandi ga simbivuga mbeshya
Mba nkuroga.
6. Urambeshya mugenzi
Iyo urererwa aho mvuka
Umubyeyi wampetse
Aba avuga iyo sano
Kandi ga ntacyo yambwiye
Mba nkuroga.
7. N'uwavuka i Businga
Undi akavuka i Bwega
Abanyarwanda bose
Basangiye isano
Kandi ga simbivuga impuha
Mba nkuroga.
8. Teraguza unsanga
Dore imvura ikubye hose
Itadukubira aha ngaha
Ikatunyagira twese
Kandi ga ndayikugamisha

Mba nkuroga.

9. Nzakwitura ineza
Umuvandimwe mwiza
Ni uwo ubona mu byiza
Mugasangira ibyago
Kandi ga ntabwo nzaguhana
Mba nkuroga.

10. Hahirwa abahura
Bagahuza imigambi
Bungurana ubwenge
Bakikiza umwanzi
Kandi gan ta kiruta inama
Mba nkuroga.

**3. Urugero rw'indirimbo yigisha indangagaciro y' *Ubupfura* n'iziyishamikiyeho:**

**CA AKABOGI (Indirimbo ya Korali Christus Regnat, 2020)**

Ca akabogi mwana wanjye, ca akabogi nguhe impamba
Ca akabogi mwana wanjye, ca akabogi nguhe impamba
Ca akabogi mwana wanjye, ca akabogo nguhe impamba.

1. N'ubwo isi igisongora imikaka y'iminsi,
N'ubwo isano y'abantu na bo ikomeza gusenywa n'ibintu
Iri jambo nkubwiye muzabe mahwane mwana wanjye
" Burya inshuti ya benshi itinda gupfa."
Ca akabogi (2x)
Cyono ca akabogi nguhe akabando kazakuminura iyo impinge
Ubaze umuntu ugire ubumuntu uzabe Buntu burengera abantu. (2x)

2. Dore uragimbuka kandi nta bugimbe mwana wanjye
Imbere y'ubugi habanze ubugiri mwana wanjye

Cyono igira hino ngutume ibuntu izi mpanuro uzitege yombi:

" Nuhirwa n'itunga maze ugatangira gusigaza, uramenye mwana wanjye uzabe imfura nyayo, aho kongera ingarani, uzagure amarembo. Mu nteko z'abo mureshya uzavuganire abo usumba mu butumire bw'abagusumba uzahagararire abo mureshya.

Cyono ca akabogi nguhe akabando kazakuminura iyo impinge

Uzabe umuntu ugire ubumuntu uzabe Buntu burengera abantu. (2x)

3. Dore uzaba umukoresha imirimo igwire cyane

Amabwiriza n'amategeko ubisinye bitangwe :

« Mwana wanjye akazi ntikazarushe agaciro abagakora. » (Ca akabogi x4)

4. Dore uzagwira ugwize icyubahiro mwana wanjye :

" Ntihakagire ukubura agukeneye, urimo ukubanira kutabura uwo ukeneye. (Uramenye x4)

Ntuzamarwe inzara (mwana wanjye) n'uko ubayeho neza (gusa) mwana wanjye,

Uzahorane intego yo kugira abo ubeshaho neza cyane cyane ababayeho nabi."uuuuu

Cyono ca akabogi nguhe akabando kazakuminura iyo impinga

Ubabe umuntu ugire ubumuntu uzabe Buntu burengera abantu. (2x)

**4. Urugero rw'indirimbo yasesengurwamo indangagaciro y'*Umurimo* n'iziyishamikiyeho:**

**Umurunga w'iminsi (Indirimbo ya Alegisi Kagame)**

Burya gusaza ni ugusahurwa

Kuko iyo tujya ni habi

Nariye iminsi ndayiyongeza

Nsigara nyitera inyoni ziguruka

None iranze iranyigabije

Iranyiganzuye yo gapfusha

Cyo rero Kibondo cyange

Igira hino nkurage intwaro
Nitwaje iki gihe cyose
Ibihe bibi byose nkabyirenza
Uyitwaje azira kuneshwa
Utayitunze azira kuramba
Iyo ntwaro ishumika iminsi
Nta yindi shahu ni umurimo

Iyo isi imaze kukurambirwa
Kuko ntacyo uba ukiyimariye
Imikaka y'iminsi irarindwa aaaa.
Mbese ye, wakwizera ute ubuzima bw'ejo
Udakoze ngo wiyuhe akuya
Kura ishati witege iminsi

Aho wenda, aho wenda,
Aho wenda kibondo cyange
Aho wenda ntuzibuka y'uko
Umurunga w'iminsi ari umurimo.
Aho wenda, aho wenda,
Aho wenda bibondo cyange
Aho wenda buto bwange
Aho wenda ntuzabyibuka
Niyo mpamvu itumye
Mbikubwiye nkwihanangirije.

Ntugahaburwe n'ibyo hanze aha
Ibi bizanwa n'abagenzi
Ngo bigutware umutima wawe
Bikwibagize umurimo
Burya ga ni uko utabizi

Guteka umutwe ni umwanda
Ntibitinda, nta n'ubwo byizerwa
Ubundi kandi bihira bake.

Aho wenda aho wenda
Aho wenda Kibondo cyange
Aho wenda ntuzibuka yuko
Umurunga w'iminsi ari umurimo.
Aho wenda, aho wenda
Aho wenda kibondo cyange,
Aho wenda buto bwange
Aho wenda ntuzabyibuka
Niyo mpamvu itumye
Mbikubwiye nkwihanangirije.
Uramenye, uramenye, uramenye,
Utazazira iyo mikaka
Irindwa abagifite ubukaka
Cyane abo mu kigero cyawe.

Aho wenda, aho wenda
Aho wenda kibondo cyange,
Aho wenda ntuzibuka yuko
Umurunga w'iminsi ari umurimo.
Aho wenda, aho wenda,
Aho wenda kibondo cyange
Aho wenda buto bwange
Aho wenda ntuzabyibuka
Niyo mpamvu itumye
Mbikubwiye nkwihanangirije.
Ni yo mpamvu itumye
Mbikubwiye nkwihanangirije

Muzika ni uruganda rw'ibanze rufasha abantu b'ingeri zinyuranye kuvoma amahame ndangamuco (intekerezo, imikorere, imyemerere, imihango, imigenzo, imiziririzo…) aranga umuryango ashingirwaho iterambere rirambye. Kuri ibi twakongeraho ko hari uturango duhahwa mu yindi mico mvamahanga tugakungahaza umuco nyarwanda maze ubutumwa na bwo bushingira ku nsanganyamatsiko ziririmbwa ari na bwo buha indirimbo gukundwa imitaga n'imitaga.Muzika nyarwanda itwigisha indangamuco n'indangamateka nk'uko bigaragazwa na RALC (2015: 111) aho igira iti: « *Muri iki kiciro dusangamo amahamba aririmbye, amazina y'inka, ibisigo, amateka cyangwa ibyaranze abakurambere.* » Kuri ibyo hiyongeraho ko ubuhanzi bw'indirimbo bwigisha ibyerekeye imiterere y'ibinyabugeni, ubukorikori n'ibicurangisho by'ubwoko butandukanye nk'ingoma, umuduri,ikembe, ingigiti, ihembe, umwirongi, umubeti, agakenke, agahubano, ifirimbi, amayugi, inanga n'ibindi.

Muzika nyarwanda ntiyigisha abagize umuryango ibyavuzwe haruguru gusa, ahubwo inatoza abantu utundi turango tudafatika turanga umuco nk' imigirire (urugero: imitambire y'intore cyangwa imijyo y'indirimbo), imyifatire, imitaramire n'ibindi. Muri make, isesengura ry'indirimbo nyarwanda risuzuma inkurikizi zazo ku iterambere ry'umuco cyangwa imikurire yawo hashakishwa icyo izo ndirimbo zisigira Abanyarwanda nk'isomo kurusha kwiga ku muhanzi n'icyatumye ashyira ahabona icyo gihangano.

### 5. Muzika nyarwanda nk'umuyoboro w'isakazamuco

Indirimbo nyarwanda zigenda zifasha abantu b'ingeri kwagura no kurenga imbibi z'ubuhanga, ubwenge n'ubwiza bw'ubuhanzi bw'indirimbo maze bigafasha buri wese gusobanukirwa byimbitse iby'umuco nyarwanda ari nako abigira ibye. Rero mu gihe indirimbo nyarwanda itangajwe burya iba ibaye igihangano cy'isi yose. Ibi bigaragaza ko kugira ngo muzika nyarwanda isakaze amahame ndangamuco nk'indangagaciro, intekerezo, imyemerere, imikorere, imihango, imigenzo, imiziririzo n'andi mahame ndangamuco bisaba ko

indirimbo ziririmbwa mu Kinyarwanda, ibicurangisho gakondo bikifashishwa cyane hatirengajijwe n'ibya kizungu. Si ibyo gusa kuko uburyo bw'imibyinire, imijyo n'imiririmbire bimenyekanisha imiterere y'inganzo y'abahanzi nyarwanda. Abatari abenerurimi, bisaba ko babonerwa ababakorera isesengurajora, ubusemuzi n'ubuhinduzi mu ndimi z'amahanga kabone n'ubwo ururimi rwahinduka hakomeza kubaho tumwe mu turango tw'umuco karande w'Abanyarwanda. Ubusanzwe iyo ururimi ruhindutse uburyo ubutumwa bwumvikana burahinduka bityo imitekerereze, imikorere, ubukungu, imibereho n'ibindi bikagenda bitandukana buhoro buhoro.

RALC (2015:5) ishimangira iyi ngingo y'isakazamuco igira iti : "*Umuco nyarwanda usabanya Abanyarwanda ubwabo ukanabasabanya n'Igihugu cyabo ndetse ukanabasabanya n'abanyamahanga*". Dufatiye ku bimaze kuvugwa haruguru, abamenyekanisha indirimbo haba mu Gihugu imbere cyangwa mu mahanga, bafasha umuco gusakara hose binyuze mu nzira zinyuranye nko gushyiraho amaguriro, iyamamaza, amashuri, amarushanwa anyuranye, ibitaramo by'umwihariko ibitaramo by'iserukiramuco, itangazamakuru n'izindi nzira nk'uko tubikesha imbuga nkoranyambaga zitandukanye.

Indirimbo ni umuyoboro mugari w'isakazamuco kubera ko muzika nyarwanda igera ahantu kure kandi kuri benshi mu gihe gito bidasabye imbaraga z'umurengera. Nanone tubona ko ibihugu byose iyo biva bikagera n'abantu b'ingeri zose bamenyera byinshi byiza mu bugeni n'ubuhanzi bw'indirimbo nyarwanda kabone n'ubwo zahura n'ingorane ziturutse mu mico y'amahanga.

**6. Isano iri hagati ya muzika n'umurage**

Umurage ni ingeso cyangwa umuco umuntu akomora ku basokuruza (BIZIMANA S., 2005). Umurage ndangamuco na ndangamateka ni ibice bibiri biranga umuco nyarwanda kandi na byo bikaba bigizwe n'ibintu bifatika n'ibidafatika.

UNESCO (2003) isobanura ko umurage ndangamuco ufatika ugaragarira mu

bintu bifite imiterere mboneshwajisho bihangwa, bigasigasirwa kandi bigahererekanywa uko ibihe bisimburana naho umurage ndangamuco udafatika wo ugaragarira mu ntekerezo, mu migirire, ibimenyetso bihagaraira akarango k'umuco, imvugo, ubumenyi, ubuhanga, imyemerere, imikoreshereze y'ibikoresho runaka n'ibindi. Duhereye kuri ibi, MINISPOC (2017, urup.15-17) igaragaza ko iwacu mu Rwanda, umurage ndangamuco ufatika ugizwe n'ahantu ndangamateka, ahantu ndangamuco, ahantu ndangamiterere, igicumbi cy'intwari cyangwa amarimbi y'intwari, inzibutso za jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ingoro (ndangamuco, ndangamateka n'iy'ibidukikije), ahantu h'ishyinguranyandiko cyangwa ububiko bw'inyandiko cyangwa amakuru naho umurage ndangamuco udafatika ukaba ugaragarira mu mihango, imigenzo, imiziririzo nk'umuganura, iserukiramuco, kwita izina, itorero/ urubohero, ubukwe, ibitaramo, ubudehe, umuganda, gacaca, imihigo,ingeri z'ubuvanganzo, imbyino, ubugeni, ubukorikori, imyidagaduro, ubusabane, muzika, imirire, iminywere n'ibindi.

Nk'uko bigaragara, muzika ni kimwe mu bigize umurage ndangamuco udafatika kandi igafasha ibigize umurage w'u Rwanda kumenyekana imbere mu Gihugu no hanze yacyo. Ibihangano byinshi byifashisha ubuhanzi bw'indirimbo kugira ngo hatangwe ubutumwa. Mu mvugo n'amashusho, muzika nyarwanda imurikira isi ibyerekeye umurage wacu maze bigasakara hose ari nako higirwamo uturango tw'umuco nyarwanda.

**7. Muzika nyarwanda nk'umuyoboro w'iterambere**

Kuzigamira ejo hazaza ni inshingano ya buri wese kuko ari isoko y'ubukungu , imibereho myiza n'ubuzima bwiza. Ni muri urwo rwego muzika nyarwanda ifata umwanya w'ibanze kandi ikagira uruhare mu iterambere rirambye kuko itanga akazi ku bantu banyuranye nk'abaririmbyi, abahanzi, abanditsi b'indirimbo, ababyinnyi, abacuranzi, abataka amazu akora cyangwa atunganya muzika, acuruza indirimbo, ibitangazamakuru n'abandi. Leta na yo ibyungukiramo binyuze mu mu itangwa ry'imisoro n'ikungahazamuco. Ni ukuvuga ko muzika

nyarwanda uruganda ruteza imbere arugiramo uruhare bose kandi n'Igihugu kikabyungukiramo mu hashingiwe ku mizamukire y'ubukungu, imibereho myiza y'Abanyarwanda n'izindi nkingi z'iterambere. Kugira ngo dusobanukirwe ibyerekeye iterambere dukesha muzika, RALC (2015: 6) isobanura iterambere icyo ari icyo igira iti :" *Iterambere rero si ubwiyongere bw'ibintu gusa, ahubwo iterambere ni ubwiyongere bw'imico myiza mu bantu.Ni ukuvuga ko iterambere nyaryo nta muntu umwe ku giti ke waryipimiraho atishyize mu muryango cyangwa igihugu abamo. Bityo rero iterambere ry'ukuri rigomba gushingira ku muco mwiza wa buri wese mu muryango."* ikomeza igira iti:"*Iterambere rirangwa n'imizamukire y'ubukungu n'imibereho myiza."*

**Umusozo**

Igihangano ni akarango kihariye k'umuco bityo rero nta muntu ukwiye guterwa ipfunwe n'umuco we ngo yimike ibitirano. Itira mu muco rigira inkurikizi ku muco watiye n'uwatiwe. Uwatiwe ushobora kumenyekana ukarenga imbibi zawo ariko inyito na yo ishobora guhinduka bigasaba ko wongera gufata indinyito ku karango katijwe. Umuco watiye na wo wunguka uturango tuwukungahaza . Nk'Abanyarwanda, ntitwagakwiye gushamadukira ibyatiwe kuko ibyinshi bitera tumwe mu turango tw'umuco nyarwanda kuzimirira mu mico y'amahanga igihe habayeho itonesha ry'umuco mutirano. Guteza imbere urusobe rw'indangamuco bizadufasha kurinda indangabanyarwanda n'indangagihugu. Muzika nyarwanda ikora kandi igera kuri buri gice cy'ubuzima umuntu abamo. Birakwiye ko muzika nyarwanda yitabwaho igatezwa imbere nk'uruganda n'umurage ndangamuco udafatika. Ni indangagaciro ikomeye kuko byatuma umuryango nyarwanda urushaho kurangwa n'impinduka mu by'ubukungu n'iterambere rishingiye ku muco.

**Indangasoko**

GASIMBA F.X. et alii, (2008) *Lexique trilingue : Français-Anglais-Kinyarwanda. Linguistique et Littérature*. Edition Provisoire, KIE.

*GRAND SEMINAIRE SAINT CHARLES*, (1992) *Manuel de musique* (Solfège, Butare, Nyakibanda.

IBIRO BY'INTEGANYANYIGISHO Z'AMASHURI ABANZA N'IZ'AGAMIJE AMAJYAMBERE Y'IMYUGA, (1982) *Integanyanyigisho za muzika,* Kigali.

IRST, (1990) *Inkoranya y'îkinyarwaanda mu Kinyarwaanda*.IgitaboI, II, III, IV, Butare.

KANIMBA MISAGO, C., na Van Pee Lode, (2008) *Rwanda umurage ndangamuco kuva kera kugeza magingo aya,* Musée Royal de l'Afrique Centrale,Tervuren, Belgique.

MBONIMANA, G., (2011) *Amateka y'umuzika wanditse mu Rwanda (1907-2010)*, Kigali.

MINISPOC *(2008) Policy on Cultural Heritage,* Kigali

MINISPOC(2016) *Five years strategic plan for the development of cultural tourism 2017-2022,*Kigali

NDEKEZI, S., (1979*) Imyuga y'Abanyarwanda*, INADES- Formation Rwanda

NKULIKIYINKA, J.B., (2002) : *Introduction à la danse rwandaise traditionnelle,* Musée Royal de l'Afrique Centrale.Tervuren, Belgique.

RALC, (2015) *Inkingi z'umuco w'u Rwanda zihutisha iterambere*. Kigali

UBUYOBOZI BW INTEGANYANYIGISHO Z'AMASHURI ABANZA N'IZ'AGAMIJE AMAJYAMBERE Y'IMYUGA, (1985) «*MUZIKA*» muri MINEPRISEC, Umwaka wa Kabiri ; Amashuri abanza ; Igitabo cy'umwarimu, Kigali.

UNESCO(2003) *Convention for safeguardingof intangible heritage,* Paris: UNESCO www.uis.unesco.org/Library/Documents/FCS09_FR.pdf)

http://www.unesco.org/new/fr/culture/themes/cultural-diversity/diversity-of-cultural%20expressions/tools/policy-guide/como-usar-esta-guia/sobre-definiciones-que-se-entiende-por-industrias-culturales-y-creativas/

**URUHARE RW' IKINYARWANDA, INGOBYI Y' UMUCO MU ITERAMBERE RIRAMBYE**

*BAGARAGAZA Jean Prosper*

*Umwarimu n'umushakashatsi*

**Inshamake**

Ururimi rw'Ikinyarwanda rufite akamaro gakomeye cyane kandi rukaba indorerwamo y'umuco. Nk'uko bizwi mu Kinyarwanda, «Ururimi ni ingobyi y'Umuco». Umuco w'Igihugu usobanurwa nk'uruhurirane rw'ururimi, ubuhanga, imyitwarire, ibitekerezo, imyemerere, imyizerere, indangagaciro, kirazira, ibigo/ahantu ndangamateka, ibikoresho gakondo, uburyo bwo gukora ibintu n'imirimo y'ubugeni, ibirori n'ibimenyetso bya ba nyiri umuco. (Minisiteri ya Siporo n'Umuco, 2015). Umuco kandi ni inkingi y'imibereho ukaba n'umwihariko wa buri muryango, urugero nk' u Rwanda. Umuco urahererekanywa, abakuru bawuraga ababakomokaho. Mu Rwanda, umuco uhererekanywa binyujijwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda bigakomeza bityo uko ibihe bigenda bisimburana. Umuco ni indorerwamo y'indangagaciro ukaba n'umusingi w'iterambere rirambye ry'ubukungu bw'u Rwanda. Ikinyarwanda ni ntayegayezwa kandi gifite ubudahangarwa mu ruhando rw'izindi ndimi. Ku rwego rw'umuryango nyarurimi cyangwa rw'Igihugu, ururimi rugira uruhare runini mu mibereho y'abantu n'inzego nyamuryango, mu guhuza no kunga imbaga, mu kubumbatira, gukuza no gusakaza umuco, mu guhanga no guhererekanya ubumenyi n'ibindi bitekerezo bifasha umuryango kwiyubaka no kwiteza imbere (Wilhelm von Humboldt, 2016).
Ururimi rw'Ikinyarwanda ni igikoresho gikomeye cy'ubukangurambaga, rukaba n'umuranga ntagereranywa w'ibyo rwagezeho. Ikinyarwanda dukoresha ubu ni umurage w'abakurarambere kuko ari bo dukomokaho. Ni yo mpamvu twatoye ururimi n'umuco twarazwe na bo nubwo hari tumwe mu turango twabyo tugenda tuzimirira mu mico mvamahanga. Ururimi rw'Ikinyarwanda ni ingobyi ya poritiki, imyemerere n'ibikorwa by'ubukungu by'Abanyarwanda bo hambere kuva mbere y'ubukoroni. Ikinyarwanda kibumbatiye umuco w'Abanyarwanda kandi gifite amateka maremare akungahaye, nubwo amenshi yanditse mu ndimi z'amahanga andi akaba ahanahanwa mu mvugo gusa ntaho yanditse. Iyi nyandiko iragaragaza umusanzu w'ururimi rw'Ikinyarwanda, ingobyi y'umuco wacu mu iterambere rirambye ry'u Rwanda bigaragarira mu nkingi eshatu z'iterambere ry'u Rwanda rishingiyeho ari zo: ubukungu, imibereho n'imiyoborere myiza.

**Amagambo fatizo:** *ururimi rw'Ikinyarwanda, ubukungu, imibereho myiza, imiyoborere myiza, umuco, iterambere rirambye.*

**Abstract**

Language has a great role and it is the mirror of culture. It is known that "Ururimi ni ingobyi y'umuco". The culture of the country refers to a set of united pattern consists of language, knowledge/skills, codes of conduct, ideas, beliefs, rituals, values, taboos, historical sites, traditional tools, techniques and works of art, ceremonies and symbols of the culture's owners (Ministry of Sports and Culture, 2015). It is the pillar of the lives of each particular society. For the case of Rwanda, it is transmitted from one generation to another through Kinyarwanda language. Culture is the mirror of our values and development. It is the foundation of Rwanda's sustainable socio-economic development. Kinyarwanda is untouchable and has it's dignity across diverse languages. To the level of linguistic community or country, the language has a great role to the people's lives and family levels, through connecting and unifying people, embrace, enhance and spread culture, art and knowledge transmission and other ideas which help in community building and development (Wilhelm von Humboldt, 2016). Kinyarwanda language is the important tool of sensitization and incomparable match maker of its achievement. Kinyarwanda embeds Rwandan culture and has a very long but rich history. However, most of them are written in the foreign languages others are still presented orally. This paper highlights how Kinyarwanda language, the shelter of our culture contributes to Rwanda sustainable development reflected in three pillars of the country's development including economic, social and good governance.

**Keywords:** *Kinyarwanda language, economy, social welfare, good governance, culture, sustainable development.*

**Intangiriro**

Minisiteri ya Siporo n'Umuco isobanura ko ijambo *umuc*o rikomoka ku nshinga "guca", akaba ari na yo mpamvu bagira bati: "Uyu mwana afite ingeso nziza aca (akomora) kuri se cyangwa kuri nyina" (MINISPOC, 2018). Ibi bigasobanura ko umuco ari ibyo dukomora ku batubanjirije. Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 nk'uko ryavuguruwe mu wa 2015, rigenera umuco umwanya w'agaciro ntagereranwa mu iterambere rirambye.

Mu turango tw'umuco, ururimi rufata umwanya wa mbere rukaba inkingi n'ingobyi yawo. Buri gihugu kigira ururimi kavukire rukiranga rukagitandukanya n'ibindi. Ku rwego rw'umuryango nyarurimi cyangwa rw'igihugu, ururimi rugira uruhare runini mu mibereho y'abantu n'inzego nyamuryango, mu guhuza no kunga imbaga, gushyikirana, guhana amakuru, kuranga ibidukikije, kugaragaza imbamutima, mu kubumbatira, gukuza no gusakaza umuco, mu guhanga no guhererekanya ubumenyi n'ibindi bitekerezo bifasha umuryango kwiyubaka no kwiteza imbere.

Ikinyarwanda ni inzira y'ibyerekezo byose by'iterambere tugeraho. Iterambere mu by'ubwenge n'ubumenyi bunyuranye nyabwo, ni ukuvuga rishingiye ku muco n'indangagaciro bibumbatiwe n'ururimi rwacu kavukire, mu by'ubukungu, imibereho n'imiyoborere myiza. Ubu u Rwanda rufite urwego rwita ku busugire bw'Ikinyarwanda ari rwo Inteko y'Umuco, rukagira na Komisiyo y'Itorero ry'Igihugu ishinzwe kwimakaza no gutoza Indangagaciro z'Umuco w'u Rwanda. Ikinyarwanda gifite umwanya ukomeye mu mibereho y'Abanyarwanda. Ni rwo rurimi ruha Abanyarwanda ubushobozi bwo kuranga isi, kugaragaza imbamutima, gushyikirana baganira, bungurana ibitekerezo no kugezanyaho ubutumwa (Niyomugabo, 2021).

U Rwanda ni Igihugu gifite amahirwe adasanzwe yo kugira ururimi rumwe kavukire ari rwo "Ikinyarwanda" kandi rukaba umuyoboro w'ibanze w'indangagaciro z'umuco w'Abanyarwanda (Niyomugabo, C. 2021). Buri gitekerezo cyose gitangazwa mu rurimi. Mbere y'umwaka wa 1898, u Rwanda

rwari Igihugu kivuga ururimi rumwe rw'Ikinyarwanda. Igihangano kiba kiri mu rurimi nyamuntu, kandi urwo rurimi ruba rufite uturango twihariye turutandukanya n'urundi. Ikinyarwanda nk'izindi ndimi kiravugwa kikandikwa, kigira ikibonezamvugo n'amagambo aranga umuco hamwe n'amateka by'Abanyarwanda. Kibungabunze indangagaciro n'umuco by'Abanyarwanda.
Inteko y'Umuco (2021) mu igazeti yayo "Umurage" nomero ya mbere, ivuga ko muri iki gihe u Rwanda rwiyemeje guteza imbere ibikorwa ndangamuco n'ibikorerwa mu Gihugu (Made in Rwanda). Muri uwo murongo, ururimi rw'Ikinyarwanda ni igikoresho gikomeye cy'ubukangurambaga, rukaba n'umuranga ntagereranywa w'ibyo rugezeho.

Ikinyarwanda gihuriza hamwe ibigize umuco uko ari bitatu (umurage, ibihahano n'ibihangano). Ikinyarwanda ni umurage dukomora ku bakurambere, bisobanuye ko uwakirimbura yaba arimbuye inkingi ya mwamba y'intekerezo n'imibereho by'Abanyarwanda. Ni igikoresho kidufasha kwakira ibihahano kuko tukifashisha dusobanura inshoza zitari zisanzwe mu Kinyarwanda. Ikinyarwanda kandi kidufasha guhanga no gusobanukirwa ibihangano. Ijambo ururimi rw'Ikinyarwanda muri iyi nyandiko turarikoresha dushaka gosobanura uruhare rwarwo rukomeye, rukaba n'ingobyi y'umuco mu iterambere rirambye ry'Igihugu.

Nk'uko twabivuze mu nshamake, iyi nyandiko y'ubushakashashatsi iribanda ku ruhare rw'Ikinyarwanda, ingobyi y'umuco mu iterambere rirambye ry'u Rwanda dushingiye ku nkingi eshatu zigaragara muri gahunda ya Leta y'imyaka irindwi (Natioanal Strategy for Transformation 1, NST1, 2017-2024) ari zo: ubukungu, imibereho n'imiyoborere myiza.

**1. Ikinyarwanda, umusingi w'ubukungu**

Ururimi rw'Ikinyarwanda n'Abanyarwanda ni byo shingiro ry'ubukungu bw'u Rwanda. Iyo tuvuze ubukungu bw'Igihugu twumva ibikorwa byose byaba ibikorerwa imbere mu Gihugu cyangwa hanze yacyo, bituma habaho kwiyongera k'ubukungu bw'Igihugu biganisha ku iterambere rirambye. Ururimi, Igihugu

n'umuco ntibisigana mu iterambere ry'Igihugu. Muri iki gice hararebwa uruhare rw'imirimo ikorerwa mu Rwanda cyangwa hanze yarwo ikazamura ubukungu bw'Abanyarwanda hifashishijwe ururimi rwacu rw'Ikinyarwanda, ingobyi y'umuco mu iterambere rirambye.

**1.1. Uruhare rw'Ikinyarwanda mu bucuruzi**

Ubucuruzi ni igikorwa gihuza abantu b'ingeri zitandukanye kandi baturutse impande zose z'isi. Umuntu ashobora gukora ubucuruzi ndengamipaka cyangwa akabukorera imbere mu gihugu. Ubucuruzi ni igikorwa gisaba ubwumvane hagati y'ugura n'ugurisha. Ururimi ni cyo gikoresho kifashishwa mu kumvikanisha impande zombi kugira ngo habeho igikorwa cyo kugura no kugurisha. Kugira ngo umenye indimi z'amahanga, ugomba kuba warakenetse ururimi kavukire (Tabaro na Twahirwa, 2018). Birumvikana ko ibicuruzwa byose biba bifite amazina yabyo kandi aba ari mu rurimi runaka. Kumenya ururimi ni inzira ituma umuntu abona ibicuruzwa ashaka bitamugoye, bityo agakora ubucuruzi bwe, akagera ku iterambere yifuza we ubwe, iry'umuryango n'iry'Igihugu muri rusange.

Ikinyarwanda ni inkingi y'iterambere rirambye mu bukungu bw'Igihugu binyuze mu bucuruzi butandukanye bukorerwa mu Gihugu no hanze yacyo, dore ko kitakiri ururimi rw'Abanyarwanda gusa, ahubwo cyabaye ndengamipaka (Niyomugabo, (2021). Hari ibicuruzwa bigera mu Rwanda tugasanga nta mazina yabyo dufite mu Kinyarwanda. Icyo gihe hacurwa amuga y'Ikinyarwanda azajya akoreshwa kuri ibyo bicuruzwa. Uyu ni umurimo ukomeye ukorwa hagamijwe gukungahaza Ikinyarwanda no kugiteza imbere mu ruhando rw'izindi ndimi. Ibi kandi ni igikorwa gikomeye mu iterambere ry'Ikinyarwanda, Abanyarwanda, n'ubukungu bw'Igihugu muri rusange.

**1.2. Uruhare rw'Ikinyarwanda mu iterambere ry' ubukerarugendo**

Ubukerarugendo bushingiye ku muco ni rimwe mu mashami y'ubukerarugendo mu gihugu akishakisha, ariko nyamara rifitiye akamaro kanini iterambere

ry'ubukungu bw'Igihugu cyacu (Minisiteri y'Umuco na Siporo, 2015). Ubukerarugendo ni igikorwa gituma ubukungu bw'Igihugu bwiyongera ku kigero cyo hejuru cyangwa hasi, bitewe n'uburyo bwakozwemo n'ikigero cy'ubwiza k'ibikorwa remezo ndangamuco. Ururimi rugira uruhare rukomeye mu gutuma ubukerarugendo bugenda neza bugatanga umusaruro n'umusanzu ku bukungu bw'Igihugu n'iterambere ryacyo. Mu byiza nyaburanga by'u Rwanda, ururimi rw'Ikinyarwanda n'imiterere yacyo biri mu bikurura abanyamahanga, kubera amatsiko yo gusogongera ku rurimi rwa Gihanga wahanze u Rwanda. Ibi bituma bamwe babanza kwiga Ikinyarwanda kugira ngo biborohere kuryoherwa n'ibyiza nyaburanga by'u Rwanda rw'imisozi igihumbi. Pariki y'Igihugu y'Akagera, iy'Ibirunga, ishyamba rya Nyungwe n'irya Gishwati, inzu ndangamurage na ndangamuco, ibiyaga, imisozi n'ibibaya, amahoteri, inzu ndangamateka harimo n'inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994 ni umwihariko w'u Rwanda n'Abanyarwanda bikaranga umuco n'amateka bya bene Kanyarwanda bahuriye ku rurimi rw'Ikinyarwanda barazwe n'abakurambere rwo nkingi n'ingobyi y'umuco nyarwanda.

Ahakorerwa ubukerarugendo usanga harangwa n'imigenzereze yiganjemo umuco nyarwanda, ibirango, indangagaciro, imitako n'inzu nyarwanda. Abakerarugendo bayoborwa n'abanyarwanda bakabereka ibyiza bitatse u Rwanda kandi bigakorwa mu muco nyarwanda. Ururimi ni rwo rwifashishwa mu bikorwa byose byo kuranga ibyiza nyaburanga bitatse u Rwanda rw'imisozi igihumbi. Usanga ku mihanda itandukanye hariho ibyapa ndanga byanditse mu Kinyarwanda biyobora ba mukerarugendo. Kwakirwa neza kwa ba mukerarugendo mu Rwanda bituma turushaho guhora tuganwa na bo, ari na ko binjiza amadovize tukayakoresha mu bikorwa bizamura ubukungu bw'Igihugu.

### 1.3. Ubwanditsi n'ubuhanzi mu iterambere ry'Igihugu

Inganzo y'ubwanditsi n'ubuhanzi bifitanye isano. Ubuhanzi bukomoka ku gicumbi k'imbamutima bukuzuzanya n'umuco n'ubuhanga maze bugatuma umuntu agira ubusabane muri we no mu mibanire ye n'abandi. (Gasimba, 2004).

Urwo ruhande rw'ingenga ya muntu rugira uburyo bwihariye bwo kuvuga no gusesekaza akari mu mutima. Urwo ruhande usanga rupfupfunukamo imbamutima n'amarangamutima, bikagaragaza ko umuntu yishimye cyangwa ababaye.

Ubundi mbere yo kwibaruka igihangano kibanza kuvukira mu bwenge bw'umuhanzi akagishushanya akagiha imiterere ashaka. Aya maso turebesha si yo umuhanzi akoresha ahubwo amaso ye ni umutima. Umuhanzi ahumurirwa cyangwa akanukirwa n'ibidahari, yumva ibyo abandi batumva, ashyuha mu gihe abandi bakonje; muri make aba ari mu isi ye yihariye ayoborwa n'ibyumviro by'umutima we.

Intandaro y'ubuhanzi ni ukwatura ikifuzo umuntu aba yifitemo, kimuri ku mutima, akacyatura mu mvugo cyangwa mu nyandiko kuko kutacyatura yumva bimubuza amahoro. Guhanga ni umurimo ufite ubugeni bwihariye bukoresha ururimi. Mu nyandiko nyinshi n'ibihangano nyarwanda dukoresha Ikinyarwanda. Kwandika no guhanga rero ni umurimo ukomeye, kuko usaba umwanditsi cyangwa umuhanzi kugoragoza ururimi, akaruboha cyangwa akarudanaga mu gihangano ke, akarubyazamo imvugo inoze, ifite injyana kandi iryoheye amatwi n'amaso.

Guhanga ni ukwibaruka cyangwa kwibyara, kandi ni uburyo bwo kwirinda gupfa, kuko ibihangano byuje ubugeni n'ubusizi bihita byinjira mu mateka ubutazibagirana. Ubuhanzi kandi butuma ururimi rudapfa/rutazimira, ahubwo rugakomeza gukura no gutera imbere. Urugero hari ibisigo, amakinamico, ibyivugo n'imivugo bya kera bitazibagirana kuko byifitemo ubwiza bushingiye ku mikorereshereze y'ururimi rw'Ikinyarwanda kinoze nk'amajwi, injyana, ikeshamvugo n'ibindi bituma birenga Igihugu n'amateka bigasakara mu bantu batandukanye.

"Inyandiko ni ikintu kiboshye mu magambo yashyizwe mu gihangano runaka, bakayakurikiranya ku buryo abyara ikintu gifite icyo kivuze, kidahungabana, byanashoboka kikagira inyito imwe" (Nkejabahizi, 2018).

Ubuhanzi mu Rwanda bwateye imbere cyane cyane ubukoresha Ikinyarwanda bukabumbira hamwe indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda. Usanga ibyo bihangano bikunzwe kandi bihesha ishema Igihugu cyacu. Byinjiza amafaranga menshi, abahanzi bakiteza imbere, bagateza imbere imiryango yabo n'Igihugu muri rusange. Ubuhanzi n'ubwanditsi bigabanya ubushomeri mu Rwanda, bigatuma habaho ukwiyongera k'ubukungu n'iterambere ry'Abanyarwanda.

Abanditsi benshi, baba abo mu Rwanda cyangwa abanyamahanga, bahamya ubukungu bukomeye bw'Ikinyarwanda buboneka mu ngeri nyinshi z'uruhererekane mu bihangano nyemvugo bihangwa mu Kinyarwanda bigatuma habaho iterambere rirambye mu Rwanda kuva kera kugeza magingo aya. Twavugamo indirimbo, imigani, ibitekerezo, ibisigo, imivugo, amazina y'inka, amakinamico, ibisingizo, amahigi, uturingushyo, ibihozo, ibisakuzo n'ibindi. Kwita ku nganda z'ururimi rw'Ikinyarwanda (ubusizi, imvugo z'ubuvuzi gakondo, indirimbo n'imbyino) kuva kera ni uburyo bwatumye ubukungu bw'Ikinyarwanda busigasirwa, bunatezwa imbere kugera no muri iki gihe (Mbonimana, 2021).

### 1.4. Uruhare rw'Ikinyarwanda mu iterambere ry'umwuga w'ihindura n'ubusemuzi

Igihangano cy'abanyamahanga n'ubwo cyagumana umwimerere wacyo kandi Abanyarwanda bakishimira kugisoma, akenshi tugisobanukirwa tugombye kubinyuza mu ihinduranyandiko (traduction); ni igikoresho k'ibanze kidukingurira amahanga, ku buryo ndetse ibihangano bimwe bihindurwa bikagera aho bikinjira mu muco wacu bikaba umutungo w'Igihugu cy'u Rwanda. Iyo igihangano gihinduwe mu Kinyarwanda bituma Abanyarwanda benshi bamenya ubutumwa bugikubiyemo kandi mbere babaga batacyumva neza kuko kitari kiri mu rurimi rwabo. Gusa iyo gihinduwe kiba gishobora kuyobya abagisoma, kuko kiba kitakiri umwimerere. Ihindura ni bwo buryo bworoshye butuma igihangano kirenga imipaka kikaba cyakundwa kigateza imbere igihugu

gikomokamo ndetse n'icyo kinjiyemo.

Nta terambere twageraho hatabayeho uburyo bworoshye, bunoze kandi bwihuse bwo gusakaza ubumenyi n'ikoranabuhanga ku Banyarwanda benshi mu rurimi batekerezamo, bavuga kandi bakoramo imirimo yabo ya buri munsi, ari rwo Ikinyarwanda. Ihindurandimi rero ni intwaro ikomeye muri urwo rugamba rw'iterambere kuko ari ryo ridufasha gusakaza mu rurimi rwacu ubumenyi tuvoma ahandi badutanze ikoranabuhanga. Kugira ngo ibihugu biri mu nzira y'amajyambere na byo byihutishe iterambere, bigomba kugira ubumenyi, ubuhanga n'ikoranabuhanga. Kuvana ubumenyi mu rurimi rumwe bugasakazwa mu bantu batari babufite binyura mu ihindurandimi (Kabagema, 2021).

Umwuga w'ihinduranyandiko n'ubusemuzi bw'ibihangano cyangwa imvugo uvana mu zindi ndimi ushyira mu Kinyarwanda cyangwa ubuhinduzi buvana mu Kinyarwanda bujyana mu zindi ndimi ni umurimo usaba ubuhanga, umwanya, ubushobozi, ubwitonzi n'ubushishozi ariko kandi ni umwuga utunze benshi haba mu Rwanda ndetse no mu mahanga. Ni umwuga ubamo akayabo k'amafaranga ugatunga uwukora, umuryango we kandi ukagirira n'Igihugu akamaro. Dushyize hamwe tukibumbira mu matsinda y'abasemuzi babigize umwuga, Ikinyarwanda cyadutunga kikatugeza ku iterambere rirambye. Ihinduranyandiko n'ubusemuzi ni ipfundo ry'ubukungu butajegajega.

### 1.5. Ikinyarwanda mu bugeni n'ubukorikori buganisha ku iterambere rirambye

Abanyarwanda ba kera bari abahanga cyane bazi gushakashaka, guhimba no gutekereza. Bagiraga imyuga karande, bagahimba ibikoresho gakondo bakeneye bishobora gukoreshwa igihe kirekire ku buryo ibyinshi n'ubu bigikoreshwa. Umwanditsi Ndekezi Silivesitiri (1976) yataruye umutungo w'abakurambere bacu mu byerekeye umuco, amateka n'ubukorikori, abiraga urubyiruko kugira ngo imyuga y'abasogokuruza bacu itazazimirana na bo. Ikinyarwanda rero cyamufashije kubika imbuto y'abasogokuruza bacu no guhamya umurage mu rubyiruko.

Ururimi rw'Ikinyarwanda rudufasha gutarura byinshi ku Rwanda. Ni ipfundo ry'ubukungu, umuco nyarwanda n'iterambere u Rwanda rushingiyeho. Abantu benshi batunzwe n'imyuga muri iki gihe nk'uko byahoze kuva kera. Abenshi bubatse ingo zabo, bakijije ababo ari na ko bateza imbere Igihugu.

Ese waba uzi ubukungu bwihishe mu rurimi twarazwe n'abakurambere? Waba uzi iterambere dukesha Ikinyarwanda, ingobyi y'umuco wacu? Rubyiruko, umuco dusangiye uraturanga, ururimi rwacu rukaduhuza nk'uko bigaragara no mu ndirimbo yubahiriza Igihugu cy'u Rwanda. Irebere imyuga yuje ubuhanga pfundo ry'iterambere ry'u Rwanda dukesha ururimi rwacu. Ikinyarwanda ni ururimi rwifitemo ubwiza buhebuje, byagera ku myuga n'ubukorirkori rukadufasha kwamamaza no kuranga ibikorerwa iwacu bikitabirwa na benshi harimo n'abanyamahanga, bityo bikihutisha ubukungu n'iterambere ry'urwatubyaye.

Umwuga wo kubaka inzu wabayeho kuva kera abantu bubaka inzu za Kinyarwanda, birakomeza kugeza ubwo bubaka inzu za kijyambere bashingiye ku bumenyi bari bafite. Hari umwuga w'ubucuzi kugeza ubu dukesha ibikoresho bidufasha mu mirimo itandukanye nk'isuka, intorezo, icumu, inyundo, umuhoro, inkota, umushyo, umugera, umwambi, uruhindu, inzogera n'ibindi. Kubaza na byo ni umwuga wahoze utunze Abanyarwanda benshi. Muri iki gihe uyu mwuga umaze guteza imbere benshi kandi wihutisha iterambere ry'u Rwanda. Ibikoresho bibazwa harimo: imihini y'isuka n'intorezo, ibirindi by'umuhoro n'imbugita, inkono y'itabi, intebe, ubwato, umuvure, isekuru, imbehe, injome, ibyansi, ibicuba, impiru, ingoma, inanga, ingabo, umudaho, umuzinga, igisoro, umuheto, indosho, umwuko, umuvuba n'ibindi.

Undi mwuga ukorwa n'imbaga nyamwinshi kandi ufite uruhare mu gusigasira umuco n'ubukumgu bw'Igihugu cyacu, ni ububoshyi. Abanyarwanda baboha ibyibo, imitemeri, imisambi, ibirago, urugata, igitebo, umutiba, urutaro, ingobyi, inkangara, urutete, isinde, inkoko n'ibindi tutarondoye. Abanyarwanda kandi bakoraga umwuga wo gukana impu, ingobyi ndetse n'impuzu bakongeraho kubumba inkono ziteka n'iz'itabi.

Uko ibihe bigenda bisimburana, imyuga n'ubukorikori bigenda byiyongera, cyane ko u Rwanda rwashyize imbere iterambere rishingiye ku myuga n'ubukorikori rwongera amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro.
Iyo urebye amazina y'Ikinyarwanda agenda ahabwa ibikoresho byo mu myuga, ukareba n'uko abanyamyuga bahanahana ibitekerezo bifashishije indimi, usanga koko imyuga ari inkingi y'iterambere rirambye, ururimi rw'Ikinyarwanda rukaba umuyoboro n'igikoresho kidufasha kurigeraho, kandi rugakomeza no gusigasira umuco nyarwanda.

### 1.6. Uruhare rw'Ikinyarwanda mu buhinzi n'ubworozi mu iterambere ry'u Rwanda.

Ubuhinzi n'ubworozi ni imirimo y'ingenzi mu bukungu n'iterambere by'Igihugu cyacu. Imbuto dukoresha mu buhinzi zigira amazina y'Ikinyarwanda kandi zikaranga umuco wacu. Usanga kandi izo tudafitiye amazina mu Kinyarwanda dutira mu zindi ndimi cyangwa tugacura amuga agendanye na zo. Mu icuramuga tuba dukungahaza Ikinyarwanda kikarushaho gutera imbere. Dukenera kandi ifumbire y'imborera n'imvaruganda ndetse n'ibikoresho byifashishwa mu buhinzi nk'isuka, umuhoro n'ibindi. Ubutaka, ibiti n'amashyamba ibyo byose duhura na byo mu buhinzi tukifashisha ururimi rw'Ikinyarwanda mu gikorwa cyo kubiranga. Ururimi ni rwo rugenga byinshi bikorerwa mu buhinzi kuko burya ngo abahinzi bagira imvugo n'uburyo bw'ubwumvane byihariye. Ibi byose ni byo bidufasha kugera ku iterambere rirambye.

Ikinyarwanda kigira uruhare rukomeye mu gutera akanyabugabo abahinzi cyanecyane mu byidogo igihe baba bashimagiza imbuto, isuka cyangwa ikirere bishimira ko bahinze bakeza. Kigira kandi uruhare mu buhanzi bw'indirimbo z'abahinzi b'ubudehe zituma bagira imbaraga bikihutisha ubuhinzi. Ibi bihangano by'abahinzi ni ingenzi mu iterambere, ariko bitanga umusaruro ushimishije iyo biri mu rurimi kavukire.

Nk'uko ubuhinzi ari umusingi w'ubukungu n'iterambere rirambye, ubworozi na bwo ni uko. Mu bworozi hakorwamo ibikorwa bitandukanye bituma tugera ku iterambere ryihuse kandi rirambye. Igikoresho cya mbere gituma byose bigerwaho ni ururimi. Imiti y'amatungo, ubwumvane hagati y'aborozi, abaganga b'amatungo cyangwa abaturage muri rusange, ubwoko butandukanye bw'amatungo, ibiryo by'amatungo, aho yororerwa, aho arira cyangwa anywera byose bigengwa n'umuco w'Abanyarwanda, Ikinyarwanda kikaba ingobyi yawo. Iyo itumanaho ryagenze mu buhinzi n'ubworozi hakurikijwe umuco nyarwanda, nta kabuza tugera ku iterambere rirambye kandi Ikinyarwanda ni cyo gikoresho k'ibanze k'itumanaho kiritugezaho.

**2. Ikinyarwanda, ishingiro ry'imibereho myiza n'iterambere.**

Ibyo dufite byose twagiye tubigeraho ari uko dusangiye ibitekerezo kandi tubinyujije mu muyoboro w'ururimi. Umuco wacu ushingiye ku rurimi rw'Ikinyarwanda. Imibereho myiza, iterambere tugezeho ni umusaruro ukomoka ku muco dusangiye n'ururimi ruduhuza ari rwo Ikinyarwanda. Muri iki gice turasobanura ibikorwa twakwita nk'indorerwamo z'imibereho n'imibanire myiza by'Abanyarwanda bifite aho bihurira n'ururimi.

2.1. **Uruhare rw'Ikinyarwanda mu rwego rw'ubuzima**

Ubuzima ni bwo bukungu bwa mbere. Ubuzima tubayemo nk'Abanyarwanda ni bwo butuma turi abo turi bo. Ikinyarwanda kiduhesha agaciro ko kwitwa Abanyarwanda kikagena n'ubuzima tubayemo butandukanye n'ubw'Abarundi, Abagande, Abatanzaniya, Abafaransa, Abongereza n'abandi. Abanyarwanda bafite ibikorwa byinshi bibahindurira imibereho bikabageza ku iterambere rirambye. Ibyinshi muri byo bigerwaho kubera ururimi rw'Ikinyarwanda rukoreshwa mu bwumvane no gutambutsa ubutumwa.

Ubukangurambaga butandukanye burakorwa mu rwego rwo gusigasira ubuzima. Natanga urugero rw'ubukangurambaga bwo kwirinda SIDA, Marariya, Igituntu, ihohoterwa iryo ari ryo ryose, ibiyobyabwenge no kwirinda indwara

z'ibyorezo nka Korona virusi n'izindi. Ubukangurambaga ku kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside. Hakenewe ubukangurambaga nk'ubu kandi ku buryo buhoraho. Uburyo rukumbi bwafasha Abanyarwanda ntawuhejwe gusobanukirwa byinshi bigarukwaho muri ubwo bukangurambaga ni ugukoresha Ikinyarwanda mu buryo ubwo ari bwose by'itumanaho bukoreshwa. Minisiteri y'Ubuzima ifite inshingano zikomeye cyane mu kubungabunga ubuzima bw'Abaturarwanda. Ubuzima buzima buzira kuzima, busigasirwa n'urwego rw'ubuvuzi bugasanasana iminsi ikicuma. Ibi kugira ngo bigerweho hakenerwa ubukangurambaga, amahugurwa n'ubushakashatsi ku byakorwa n'ibigomba kwirindwa mu rwego rwo gusigagasira ubuzima bw'abanyagihugu. Igikoresho kibanze muri iyi mirimo yose kizatuma urwego rw'ubuzima n'imibereho byifuzwa bigerwaho ni ururimi n'umuco.

## 2.2. Ikinyarwanda mu burezi n'ikoranabuhanga

"Uburere buruta ubuvuke". Uburere bw'ibanze butangirwa mu muryango. Kera amashuri ataraza abantu bigiraga indangagaciro mu itorero. Abahungu bakiga ibijanye n'intambara nko kurasa, kumasha, naho abakobwa bakiga imirimo yo mu rugo nko kuboha n'ibindi. Abana bigishwaga indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda, bakazitora zikabafasha kugira imigenzo ibaranga n'ibyo bazirirriza (Bigirumwami, 1984).

Aho amashuri aziye, Abanyarwanda barayagannye bayavomamo ubumenyi, ndetse batangira no gukora ubushakahshatsi ku kibonezamvugo k'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda. Nk'uko tubisoma kwa Bizimana, (1998), uwabimburiye abandi ni padiri Nkongoli Lawurenti wanditse "Ikibonezamvugo cy'amashuri yo mu Rwanda" mu wa 1946.

Mu burezi, ururimi ni urufunguzo rw'itumanaho. Rushobora kuba ikiraro cy'amahirwe mashya cyangwa inzitizi y'ireme ry'uburezi. Rurema ubumwe kandi rwanateza amakimbirane. Uko iterambere ryiyongera imiryango yirengagijwe (marginalised community) igenda ihezwa mu buryo bugaragara ariko cyanecyane mu mibanire n'abandi na poritike kubera ururimi bavuga.

Urugero mu Rwanda hari ingo zikoresha indimi z'amahanga ku buryo iyo bumvise uvuga Ikinyarwanda bakwita umuturage bashaka kuvuga ko udasobanutse cyangwa utajijutse.

Mu nama ya Kane (4) Mpuzamahanga ku Rurimi n'Uburezi, abashakashatsi bemeza ko 2/3 by'abana ku isi bakurira ahantu bavuga indimi zirenze rumwe. Ubuvuganyinshi si ikibazo, ariko bushobora kuba imbarutso yacyo kuko bisaba amikoro ahagije. Birabaje, nyamara abana benshi batangiye ishuri bahatirwa kureka ururimi rwabo bakiga mu rurimi batumva na gato. Uburezi bwigisha indimi bufatiye ku rurimi kavukire butanga uburezi kuri bose bufite ireme. Iyo bikozwe gutyo, umuryango ugira uruhare mu iterambere ryawo (UNESCO, 2013).

Akamaro k'uburezi bwigisha indimi bufatiye ku rurimi kavukire nk'uko byagaragajwe na UNESCO.

- Ku banyeshuri: bagira uruhare cyane mu ishuri, basubiza ibibazo mwarimu ababajije kandi nta wuhezwa.
- Ku babyeyi: bagira uruhare mu myigire y'abana babo, bagafasha abarimu kandi bakagira uruhare mu bikorwa by'ishuri bigamije iterambere.
- Ku miryango yahejwe: bashobora gukoresha no gusigasira ururimi rwabo n'uturango tw'umuco wabo.
- Ku myigire: bizamura imitsindire muri byose, bigabanya umubare w'abata ishuri kandi bikongeera gukeneka ururimi kavukire n'indimi zemewe mu butegetsi.
- Kuri gahunda (sisiteme:system) Imyigire myiza bivuga gukoresha neza imfashanyigisho, bituma habaho gukoresha neza igihe (abarimu n'abayobozi) n'amafaranga mu gihe kirekire.

Kugeza ubu uburezi ni umusingi w'imibereho myiza n'iterambere rirambye by'Abanyarwanda. Amashuri asigaye ari wo munani ababyeyi baha abana babo. Ikinyarwanda kirakoreshwa cyane kandi gihabwa umwanya uhagije, nubwo gisigaye ari ururimi rw'ubutegetsi n'ururimi rwigishwa gusa aho kuba n'ururimi rwigishwamo nk'uko byahoze mu myaka yatambutse. Hari integanyanyigisho

n'imfashanyigisho nyinshi zanditse mu Kinyarwanda kugira ngo abarimu n'abanyeshuri b'Abanyarwanda bazisobanukirwe. Ubushakashatsi, ubwanditsi, ubuhanzi n'amabwiriza bikorerwa mu burezi ibyinshi bikoresha Ikinyarwanda. Ibihangano byose byo mu Kinyarwanda bikoreshwa mu burezi bibumbatiye indangagaciro n'umuco nyarwanda bikaba n'ipfundo ry'iterambere.

Mu burezi ururimi rw'Ikinyarwanda rutugeza kuri byinshi kandi bishushanya umuco wacu bityo rero sinatinya kuvuga ko ari ingobyi y'umuco n'ipfundo ry'iterambere ry'Abanyarwanda. Ikinyarwanda, nk'ururimi rwumvwa na bose mu Gihugu, ni umuyoboro ntagereranywa ufasha Abanyarwanda bose kujijuka, guhanga no guhererekanya ubumenyi n'ikoranabuhanga mu buryo bwihuse, ari byo musemburo w'iterambere (Nikuze, 2021).

**2.3. Uruhare rw'Ikinyarwanda, inkingi y'umuco, mu iterambere rishingiye ku myidagaduro/ubusabane.**

Imyidagaduro ni imikino cyangwa ibikorwa bitandukanye umuco wacu wigaragarizamo. Usanga abantu bari mu bikorwa by'imyidagaduro bitandukanye basabana cyane kandi bagakenera gukoresha ururimi. Dufashe urugero rw'abakinnyi b'umupira w'amaguru, iyo bakina bakoresha ururimi mu gusaba umupira, kuganira igihe bari mu karuhuko cyangwa igihe umukinnyi yihanganisha mugenzi we.

Urubuga rw'imikino n'ibindi biganiro by'imikino bikozwe mu Kinyarwanda biryohera Abanyarwanda kandi bigatuma bamenya urwego amakipe yo mu Rwanda ariho ku ruhando mpuzamahanga. Indirimbo n'imbyino bikoreshwa mu birori bitandukanye harimo n'ibitaramo bya Kinyarwanda, ururimi kavukire rw'Ikinyarwanda ruraganje kandi abatega amatwi ndetse n'abitegereza bahita babona wa muco dusangiye kandi uturanga nka bene Kanyarwanda. Mu gikorwa k'imyidagaduro abafana ni abanyarubuga bakomeye cyane. Ibikorwa byabo biba bishingiye ku muco kandi igikoresho bifashisha bafana ni ururimi.

Imyidagaduro ni ibikorwa byinjiza amafaranga menshi bigahindura imibereho

y'Abanyarwanda benshi ikarushaho kuba myiza. Siporo muri rusange ni imwe mu nkingi zifite intego yo guteza imbere ubuzima, ubukungu n'imibereho myiza no kugabanya ubukene. Ntitwakirengagiza ko siporo igira uruhare mu guhuza abantu benshi kandi ikoreshwa mu guteza imbere umuco.

### 2.4. Uruhare rw'Ikinyarwanda, ingobyi y'umuco mu iterambere rishingiye ku bukwe nyarwanda

Ubukwe ni uruhererekane rw'imihango ikurikiza umuco w'Igihugu n'idini abagiye kurushinga bayobotse. Habanza kurambagiza no gushima umuryango umugeni akomokamo. Iyo umusore n'inkumi bamaze kwiyemeza kurushinga, hakurikiraho imihango yo gufata irembo, gusaba no gukwa, gushyingirwa no gutwikurura n'indi. Ibyiciro by'ubukwe bigira imisango. Akenshi usanga umukwe mukuru, umusangwa mukuru n'umusangiza w'amagambo ari bo baganira bakurikije umuco nyarwanda n'ubwo usanga bavangavanga n'imico yo hanze. (Gasimba, 2013).

Ubukwe bwubahiriza amategeko y'Igihugu agenga ishyingirwa. Ubukwe busaba igihe n'amikoro bitubutse ndetse muri iki gihe abenshi babigize ubucuruzi. Abasore bamwe bajya muri za banki bagafatayo akayabo ngo bashimishe rubanda, aka wa mugani ngo "umusore utirariye ntarongora inkumi" nyuma bagasigara ari ba ntahonikora bikabaviramo na za gatanya kubera ubukene bishoyemo batabanje gutekereza neza ku bizubaka urugo.

Abantu bakenetse Ikinyarwanda aha ni ho bigaragariza maze bagakorera agatubutse umwuga ukabatunga, ugatunga imiryango yabo kandi bikagirira n'Igihugu akamaro. Muri iki gihe rwose abasangiza b'amagambo twita "Master of Ceremony cyangwa mu mpine ya MC" (mu ndimi z'amahanga) babigize umwuga kandi bibatungiye imiryango, kubera kugoragoza imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu misango y'ubukwe bigatuma bagera ku iterambere ritajegajega. Mu bukwe tuhasanga ubuhanga mu mbyino n'indirimbo zifashishwa no kuvugira inka.

**3. Ikinyarwanda, ipfundo ry'imiyoborere myiza.**

Imiyoborere myiza ni inkingi y'ubukungu bw'Igihugu n'iterambere rirambye. Ikinyarwanda kigira uruhare mu miyoborere iganisha ku iterambere rw'u Rwanda. Inzego zitandukanye z'imiyoborere y'Igihugu cyacu zunga ubumwe, zigakorera hamwe ziharanira gusigasira ibyagezweho no kugera ku iterambere ritajegajega.

Muri iki gice turarebera uruhare rw'Ikinyarwanda, ingobyi y'umuco mu iterambere rirambye mu itangazamakuru, ibikorwa by'inzego z'ibanze n'inkuru z'Igihugu, ubumwe n'ubwiyunge na gahunda za Leta zigamije iterambere ry'umuturage.

**3.1. Itangazamakuru mu iterambere rishingiye ku muco n'ururimi rw'Ikinyarwanda**

Itangazamakuru ni urwego rwa Leta rushobora kwifashishwa mu kwihutisha iterambere ry'Igihugu. Abanyarwanda benshi batunze terefone cyangwa radiyo zibafasha kumenya amakuru. Kuri radiyo Rwanda hari Umunyarwanda ukunda kuvuga ngo "icya mbere ni amakuru." Gahunda za Leta zose zigamije iterambere rishingiye ku muco zitangazwa kandi zikagera ku bantu benshi mu gihe gito binyuze mu bitanganzamakuru bitandukanye bikorera mu Rwanda nka radiyo, tereviziyo, igazeti, imbuga nkoranyambaga, inkoranabuhanga zitandukanye, ibinyamakuru nk'imvaho, umuseke n'ibindi.

Ikinyarwanda ni ururimi rukoreshwa mu itangazamakuru ryo mu Rwanda no mu mahanga. Nk'ururimi mpuzamahanga, Ikinyarwanda cyatoranyijwe kuba rumwe mu ndimi ndengamipaka zitabwaho n'Inteko Nyafurika y'Indimi (African Academy of Languages) y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (Niyomugabo. 2021).

Kugira ngo amakuru cyangwa gahunda runaka bigere ku Banyarwanda kandi babisobanukirwe neza, bisaba kwifashisha ururimi rw'Ikinyarwanda. Ni igikoresho k'itumanaho mu muryango nyarwanda.

### 3.2. Ibikorwa by'inzego z'ibanze n'inkuru z'Igihugu.

Mu bikorwa by'inzego za Leta harimo no gushyiraho amategeko agenga Igihugu. Yemerezwa mu nama zifata ibyemezo zitabirwa n'abayobozi bakuru b'Igihugu. Ayo mategeko ashyirwaho ashingiye ku ndangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda. Ni ho kandi hemerezwa poritiki n'imitunganyirize by'indimi. Mu Rwanda habayeho poritiki isobanutse yo guteza imbere ururimi rw'Ikinyarwanda, uburyo bukwiye kandi buboneye bwo kurubungabunga mu bijyanye no gukosora imyandikire n'imivugire yarwo ndetse no gushyira imbaraga mu myigishirize no mu iterambere ryarwo.

Mu rwego rwo korohereza Abanyarwanda, mu Rwanda Itegeko Nshinga rivuga ko « Inyandiko z'ubutegetsi zishobora kuba mu rurimi rumwe, ebyiri cyangwa zose mu zemewe mu butegetsi » (Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, 2015, ing. 8).

IbIhugu bimwe na bimwe bya Afurika bigira ururimi rumwe nk'ururimi rukumbi rw'ubutegetsi. Twavuga nk'Uburundi (ururimi rw'ubutegetsi: Ikirubdi). Ibindi bihugu bigira indimi z'ubutegetsi ebyiri harimo ururimi nyafurika. Twavuga nka Santarafurika (ururimi nyafurika rw'ubutegetsi: Sango) n'u Rwanda (ururimi nyafurika rw'ubutegetsi: Ikinyarwanda). Muri Komore (Comores) bakoresha Igikomoriye ni rumwe mu ndimi eshatu z'ubutegetsi (UNESCO, 2011).

### 3.3. Ikinyarwanda muri gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge

Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu ikomeje kwifashisha ururimi rw'Ikinyarwanda mu kunga Abanyarwanda. Ibitabo yandika n'ubutumwa itanga bigenewe Abanyarwanda kandi ikoresha ururimi kavukire rw'iwacu. Iyi Minisiteri, yagize ibikorwa bitandukanye binyuze mu Inkiko Gacaca zafashije u Rwanda mu kwiyubaka no kunga ubumwe nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994 hamwe na gahunda ya "Ndi Umunyarwanda". Ni ibikorwa ikora ishingiye ku ndangagaciro n'umuco nyarwanda ingobyi yawo ikaba ururimi rw'Ikinyarwanda mu kwimakaza umuco

w'amahoro n'iterambere. Hifashishijwe inganda z'ubuhanzi (imbyino gakondo, amakinamico, kubara inkuru no kuvuga imivugo, indirimbo) hagenda hatangirwamo ubutumwa bugamije kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge mu Banyarwanda.

### 3.4. Ikinyarwanda, ingobyi y'umuco muri gahunda za Leta zigamije iterambere ry'umuturage

Mu gitabo cya Minisiteri ya Siporo n'Umuco (2018) hatugaragariza ko mu Rwanda hari gahunda nziza zigamije iterambere ry'abaturage kandi zishingiye ku muco.  Izo gahunda zikubiyemo ibikorwa byahinduye imibereho y'Abanyarwanda bishingiye ku muco nka: Gira Inka Munyarwanda, Ubwisungane mu kwivuza, Imihigo, Ubudehe, Umushyikirano, Inkiko Gacaca, Abunzi, Umwiherero w'abayobozi, Umugoroba w'Ababyeyi, Umuganda, Tekana Muhinzi Mworozi urishingiwe n'izindi. Ikinyarwanda ni cyo gikoreshwa cyane muri izi gahunda zavuzwe haruguru. Uru rurimi ni rwo rwa mbere rwemewe gukoreshwa muri gahunda zose za Leta n'iz'abikorera haba mu buyobozi, muri poritiki, mu burezi, mu itangazamakuru, mu bucuruzi n'ubushakashatsi. Ikinyarwanda ni umwihariko uranga Abanyarwanda (Niyomugabo, C. 2021).
Leta ifite inshingano zo kurinda ururimi rw'Ikinyarwanda, kugiteza imbere no kugikungahaza, kugikoresha buri gihe kugira ngo Abanyarwanda bashyikirane na Leta mu rurimi bisanzuramo. Ururimi ni umutungo kamere, ingobyi y'umuco n'indangagaciro nyarwanda (Ntakirutimana, 2021).

### Umwanzuro

Amategeko y'u Rwanda aha Ikinyarwanda umwanya ukwiye. Ikinyarwanda ni ururimi rw'Igihugu  kikaba n'ururimi rwemewe mu butegetsi. Ni ingobyi y'umuco dukesha iterambere rirambye. Ikinyarwanda ni bwo bukungu bwa mbere u Rwanda rufite kikaba n'ururimi rumwe rukumbi ruhuza Abanyarwanda bose aho bava bakagera kandi bakarwumvikanamo. Ni inkingi n'umusingi by'iterambere ry'u Rwanda. Ikinyarwanda ni umuyoboro ufasha Abanyarwanda gusabana, kugaragaza imbamutima zabo igihe hari ikibashimishije cyangwa

ikibababaje.

Kugira ngo Abanyarwanda bose bagezweho kandi basobanukirwe na gahunda za Leta zitandukanye zigamije iterambere ridaheza bikorwa kandi bigasobanurwa hifashishijwe ururimi rw'Ikinyarwanda. Birumvikana ko gukoresha Ikinyarwanda muri gahunda zose z'Igihugu ari ugushyigikira iterambere rirambye kandi ridaheza. Ubukungu ntagereranywa bukubiye mu rurimi kavukire rw'Ikinyarwanda ni umusingi n'umusemburo by'iterambere rirambye.

Ndashimira cyane Inteko y'Umuco ikomeje guhuza abashakashatsi ngo dufatanye kubungabunga umurage w'ubukungu bukubiye mu Kinyarwanda twarazwe n'abakurambere. Mucyo rero abakunda ururimi rwacu twese twatanye tururasanire kuko ari rwo gicumbi k'iterambere rirambye. Nshukirije aha kugira ngo mpe umwanya abandi dore ko uwavuga uruhare rw'Ikinyarwanda, ingobyi y'umuco mu iterambere rirambye, imvi zarinda ziba uruyenzi atarabirangiza.

**Indangasoko**


Bigirumwami, A. (2004). *Imihango n'Imigenzo n'Imiziririzo mu Rwanda*, icapwa rya 4, Nyundo

Bizimana, S. (1998). *Imiterere y'Ikinyarwanda*, igitabo cya I, Butare, IRST

Gasimba, F. S. (2004). *Inganzo y'Ubwanditsi*, Kigali, Kie

Gasimba, F. S. (2013). *Ubukwe bw'iwacu*, Kigali

Inteko y'Umuco, (2021). *Umurage no1*, ISSN:2789-1313

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu wa 2003 ryavuguruwe mu 2015 in *Official Gazette n° Special of 24/12/2015*

Kabagema, E. (2021). *Ihinduramuga mu Kinyarwanda. urugero rw'amuga y'ubuhinzi n'ubworozi,* Kigali: Inteko y'Umuco, ISSN:2789-1313

Mbonimana, G. (2021). *Ubukungahare bw'ururimi rw'Ikinyarwanda*, Kigali: Inteko y'Umuco, ISSN:2789-1313

Minispoc, (2018). *Indangagaciro z'Umuco w'u Rwanda igitabo nyobozi*, ISBN : 978-99977

Minispoc, (2015). *Poritiki y'Igihugu y'Umurage Ndangamuco*, Kigali, Prograph LTD.

Ndekezi, S. (1976). *Imyuga y'Abanyarwanda*, INADES-Formation-RWANDA

Nikuze, E. (2021). *Ikoranyamagambo no gukungahaza ikinyarwanda,* Kigali: Inteko y'Umuco, ISSN:2789-1313

Niyomugabo, C. (2021). *Imiterere y'indimi mu Rwanda.*, Kigali: Inteko y'Umuco, ISSN:2789-1313

Nkejabahizi, J. C. (2018). *Isesenguranyandiko n'Ijoranganzo mu Kinyarwanda*, Butare: UR

Ntakirutimana, E. (2021). *Igenandimi no gukungahaza ururimi rw'Ikinyarwanda,* Kigali: Inteko y'Umuco, ISSN:2789-1313

Republic of Rwanda, (2017-2024). *National Strategy for Transformation*, (NST1)

Tabaro, C & Twahirwa, J. B. (2018). *Analysis of language of instruction- related challenges encountered by Rwandan primary school pupils and teachers at Cyuve School (GS CYUVE),* ISSN: 2308-1365

UNESCO, (2013). *4th International Conference on Language and Education, 'Multilingual Education for All in Asia and the Pacific: Policies, Practices and Processes'*, Bangkok, Thailand.

UNESCO, (2011). *Langues nationales et éducation,* Omneya SHAKER

Wilhelm, V. H (2016). *Thinking Language: Wilhelm Von Humboldt now*, University of Tartu.

## URUHARE RW'INKINGI Z'UMUCO NYARWANDA MU ITERAMBERE RIRAMBYE

*HAKIZIMANA Emmanuel na MANIRAGABA Germain*

### Inshamake

Abanyarwanda baciye umugani bati: "Agahugu katagira umuco karacika", Mukama&Nkusi (2019). Ibi bigaragaza ko umuco ari inkingi ya mwamba mu kubaka igihugu, na ho kubura umuco bigasenya igihugu. Umuco rero ni wo ubumbatiye ibishingirwaho kugira ngo igihugu gikomeze kubaho no gutera imbere. Mu muco nyarwanda naho harimo byinshi byafatwa nk'inkingi zashingirwaho iterambere rirambye ry'u Rwanda, nk'indangagaciro na kirazira, ubuvuzi gakondo, ururimi, ubuhanzi n'ubukorikori.

Mbere na mbere indangagaciro nk'imyitwarire n'imigirire ishimwa n'abantu igatuma babana neza, ni ishingiro ry'ibanze ry'iterambere. Mu muco nyarwanda, uwashingira byonyine ku ndangagaciro z'ibanze zigaragara mu Kirangantego cya Repubulika y'u Rwanda ari zo gukunda Igihugu, ubumwe n'umurimo ntiyatinda kugera ku iterambere rirambye. Maze kirazira zijyanye n'izo ndangagaciro zigakumira ingeso mbi n'imyitwarire itaboneye byakwangiza imibanire y'Abanyarwanda, bigasenya ibyagezweho. Byongeye, ubuvuzi gakondo nyarwanda na bwo bunogejwe, ni indi nkingi ikomeye yakubakirwaho iterambere.

Ubushakashatsi bw'Abanyarwanda mu bijyanye n'indwara bwamizwe n'iterambere ryazanywe n'abazungu, nyamara ubuvuzi gakondo buramutse bushyigikiwe bukajyana n'igihe, bukanozwa, imiti igatunganywa neza, ikagenerwa ibipimo yafatwamo n'uburyo burambye bwo kuyibika, igakoreshwa mu gihugu no mu karere u Rwanda ruherereyemo, ndetse ikaba yanagezwa iyo giterwa inkingi, byateza Igihugu imbere, amafaranga atangwa ku miti itumizwa mu mahanga akagabanuka, maze ubuvuzi gakondo bukaba butyo isoko y'iterambere. Nk'uko kandi bigaragara kandi byumvikana mu Ndirimbo Yubahiriza Igihugu cy'u Rwanda aho igira iti:"Ururimi rwacu rukaduhuza", Ikinyarwanda ni inkingi ikomeye cyane y'iterambere ryihuse. Uretse kuba Abanyarwanda bafite amahirwe yo kumvikana mu itumanaho n'ihanamakuru ku buryo batasobanya muri gahunda zateguwe, Ikinyarwanda cyabyazwa umusaruro ku buryo butandukanye. Kiramutse kinjijwe muri gahunda z'ikoranabunga, Abanyarwanda bose bakabasha gukoresha ikoranabunga rigezweho riri mu rurimi bumva, babasha kuribyaza umusaruro maze bikihutisha iterambere n'ubushakashatsi.

Ikindi kintu k'ingenzi kigaragara mu muco w'Abanyarwanda cyashingiraho iterambere ryihuse, ni ubugeni n'ubuhanzi. Abanyarwanda bafite ibihangano byinshi by'ubugeni bibereye ijisho, bikozwe mu ibumba, mu biti, no mu bindi bibohesho bitandukanye ndetse bakagira n'ibindi bihangano bishingiye ku buvanganzo butandukanye. Ababikora bashyigikiwe, bakanoza uburyo

babikoramo, bakabitubura, ababikora bakigisha abandi kubikora, bigashakirwa isoko imbere mu Gihugu ndetse bigashyirwa no ku isoko mpuzamahanga, byakongera imirimo, kandi bikinjiriza igihugu amafaranga atubutse maze iterambere rikihuta. Ibi byose rero biragaragaza ko umuco nyarwanda ufite byinshi byashingirwaho, bikaba isoko y'iterambere ryihuse kandi rirambye.

***Amagambo fatizo****: Umuco, ururimi, iterambere, indangagaciro, kirazira, ubugeni n'ubuhanzi.*

**ABSTRACT**

Rwandans said that any country with no culture may disappear, Mukama &Nkusi (2019). It is obvious that culture is a foundation in any country's development. The Rwandan culture possesses so many points and traits for its sustainable development such as values and taboos, authentic medicine, language, arts and crafts.

Values are defined as the behaviors and deeds that are appreciated by the community to promote harmony and they are considered as the main foundation of Rwandan sustainable development. Basing on patriotism, unity and labor as values that appear in the Rwandan National Court of Arm, we would be quick to attaining the desired development. Instead, taboos teach people not to do worse deeds and bad behavior which may hinder and destroy the development journey. Besides, authentic medicine if cared may be surely considered and built on the sustainable development.

The Rwandan research was influenced and written in foreign culture mainly from colonial period. However, caring and supporting authentic medicine relating to modern technology, may contribute to Rwandan development. If this authenticity in medicine gets used locally and outside the country, Rwandans would get money from outside and reduce expenses on imported medicines. This is then the big contribution on Rwandan development. In addition, Kinyarwanda language links Rwandan citizens as it is stated in Rwanda National Anthem. Kinyarwanda language is the main foundation that contributes to the country's development economy. Rwandans have chance of communicating effectively one another as they all speak Kinyarwanda. This language can contribute to Rwandans' economy rising by adapting it to the technology tools in order to facilitate Rwandans' access information in the language they understand.

The last but not the least, the main foundation of Rwandan economy development is arts and crafts. In Rwandan history, Rwandans have had precious arts production which would be valued and sold locally and globally in order to get much income. Here in Rwandan culture, is a variety of raw materials such as clay, weaving and knitting materials, wooden ornaments…This is to prove that having this culture valued and explored enough, would be the best foundation of Rwandan economic development.

***Keywords:*** *Culture, Language, Sustainable development, Values and taboos, arts and crafts.*

## 0. Intangiriro

Mukama&Nkusi (2019) bagaragaza igisobanuro k'ijambo umuco nk'uko ryasobanuwe na Taylor agira ati: "Umuco ni ikintu rukomatanya gikubiyemo byinshi nk'ubumenyi, iyobokamana, imyuga n'ubukorikori, ubupfura, amategeko, imigenzo n'ibindi byose umuntu yigira mu muryango avukamo akahabana n'abandi".

Minisiteri ya Siporo n'umuco (2018) bagaragaza inshoza y'umuco nk'uruhurirane rw'uburyo n'ubushobozi abantu bubaka amateka y'imibereho n'imibanire byabo bahereye ku bumenyi bakomora ku bakurambere babo. Ubwo bumenyi bugaragarira mu bugeni, ubuhanzi, ururimi n'amarenga bakoresha mu kuganira no guhererekanya amakuru cyangwa gutumanaho. Umuco rero ugizwe n'umurage ba nyiri umuco bagenda bahererekanya, ukagirwa n'ibihangano bitandukanye ndetse nibihahano bakura mu mico y'ahandi.

Abanyarwanda baritegereje, barashishoza maze banzura ko agahugu katagira umuco gasenyuka. Uyu mugenurano w'Ikinyarwanda ugaragaza ko kugira ngo igihugu kiyubake, gitere imbere, gikomeze kubaho, kidasenyutse ngo kimirwe n'imico y'ibindi bihugu, kigomba kubakira no gukomera ku muco wacyo ndetse kikanawuserukana mu ruhando rw'ibindi bihugu. Hari kandi undi mugani w'Ikinyarwanda ugira uti: "Agahugu umuco akandi umuco", ibi bikagaragaza ko buri sosiyeti igira umwihariko mu muco wayo kandi uyibereye. Abanyarwanda rero bafite umuco ubaranga kandi ubatandukanya n'abo mu bindi bihugu n'ubwo hari n'ibyo bashobora guhuriraho n'abandi. Umuco si ikintu kidahinduka, umuco urakura, ukajyana n'igihe, ariko banyirawo baba bagomba gushungura ari ibyo basanganywe ndetse n'ibindi bahaha kugira ngo bagumane gusa ibifite akamaro byabafasha kurushaho kujya mbere mu mibereho n'imibanire myiza. Nyamara n'ubwo hashobora kubaho izo mpinduka usanga hari inkingi shingiro z'umuco ziba ziri ntayegayezwa.

Ubu bushakashatsi buhoraho ku muco rero ni ngombwa kugira ngo hagaragazwe ibikwiye gukorwa ndetse n'uruhare byagira mu iterambere ry'Igihugu n'imibanire y'abagituye. Iyo ba nyiri umuco babihuriyeho ari benshi, bakabyumva kimwe, bakabitoza ababakomokaho  binyuze mu nzira rusange yo kurera no kwigisha biroroha, bikaba umusemburo w'iterambere kandi bigatuma n'ururimi nk'umuyoboro w'umuco rudasigara inyuma. Mukama&Nkusi (2019), bavuga ko umwana atozwa umuco by'umwihariko n'umuryango avukiyemo ndetse n'amashuri yigamo. Ubu bushakashatsi buribanda ku kugaragaza uko inkingi z'umuco nyarwanda, zishobora gushingirwaho iterambere ry'Igihugu. Mu gusesengura uburyo bwo gushingira ku muco mu rugendo rw'iterambere ry'Igihugu, haribandwa ku nkingi zikurikira: indangagaciro na kirazira, ubuvuzi gakondo, ubuhanzi n'ubugeni ndetse n'ururimi.

## I. Uruhare rw'indangagaciro na kirazira mu iterambere rirambye

### 1.1 Indangagaciro

Indangagaciro ni imiterere nyabumenyi iyobora amahitamo y'umuntu, ishingiye ku mahame y'ibanze arebana no guhitamo ikiza cyangwa ikibi, ubushake bwo kugena gukora ikihutirwa kurusha ibindi ndetse n'ubushake bwo kuba intangarugero mu bintu bisobanutse kandi bizima. Indangagaciro zishobora kwigishwa umuntu ku giti ke cyangwa se zikigishwa itsinda ry'abantu. Ni yo mpamvu usanga mu muryango imico itandukanye ndetse n'amatsinda afite icyo ahuriyeho, yarashyizeho indangagaciro zibagenga, ibyo bashyize imbere ndeste n'imirongo ngenderwaho bagamije kwereka abaturage ko bagomba gukora ibyiza bifite agaciro kandi bifitiye abandi akamaro. Oyserman, D., (2015). Bityo rero, ni yo mpamvu uzasanga hari indangagaciro ziboneka mu muco nyarwanda zigafasha Abanyarwanda guhangana n'ibibazo bya buri munsi hagamijwe kugera ku mibereho myiza n'iterambere rirambye.

Inteko y'Ururimi n'umuco (2018) ivuga ko izo ndangagaciro zigaragarira mu myemerere, mu myumvire, mu migenzereze, mu mivugire no mu mibanire by'Abanyarwanda. Muri iki gihe, ku buryo bugaragara, inyigo zikorwa ku ndangagaciro zibanda ku mbogamizi z'uko izi ndangagaciro ari zo zigena

ikigomba kugorwa. Oyserman, D., (2015).

Indangagaciro rero nk'uko bigaragazwa na Minisiteri y'Umuco na Siporo (2018) ni ibimenyetso ngiro n'imyifatire myiza biranga abantu batuye igihugu iki n'iki; ni ibikorwa ndangamuco abanyagihugu bemera, kandi bifuza ko byahora bibaranga, bikabitiririrwa uko ibihe biha ibindi, bikaba amahame y'uburere atozwa abato.

### 1.1.1 Zimwe mu ndangagaciro nyarwanda

Mu ndangagaciro z'umuco nyawanda harimo iz'ingenzi maze izindi ugasanga zizungirije. MINISPOC (2018) igaragaza indangagaciro remezo enye z'umuco nyarwanda izindi zikazishamikiyeho. Indangagaciro remezo z'umuco nyarwanda ni ugukunda Igihugu, ubumwe, gukunda umurimo n'ubupfura. Leta y'u Rwanda yazihisemo kugira ngo zirange Abanyarwanda mu mibereho yabo, zibafashe mu mibanire kandi zibageze ku iterambere rirambye. Izo ndangagaciro zikaba zishamikiyeho n'izindi zifasha Abanyarwanda kumenya umupaka w'ibyo bagomba gukora. Zibafasha kumenya uko bitwara ku buryo zabafasha kugera ku iterambere rirambye baramutse bazimakaje. Muri iyi nyandiko haragaragazwa zimwe mu ndangagaciro z'umuco nyarwanda n'uko buri yose yagira uruhare muri uru rugendo rw'iterambere ryihuse kandi rirambye.

#### a) Gukunda igihugu

Gukunda igihugu ni indangagaciro ikomeye cyane igaragaza ishyaka n'urukundo Umunyarwanda agirira Igihugu n'abenegihugu bacyo. Igihugu gisobanurwa nk'akarere gatuwe n'abantu benshi bahuriye ku muyobozi umwe n'amategeko amwe bishyiriraho ngo bibagenge. Igihugu kikarangwa kandi n'ubutaka bufite imbibi zizwi, amateka, ubutegetsi n'ibirango abagituye bahuriyeho kandi bibonamo. MINISPOC (2018) ivuga ko gukunda igihugu ari ugukunda abagituye, imiterere yacyo n'umutungo wacyo. Ni uguharanira no gusigasira ubusugire bwacyo. Gukunda igihugu ni ukukirwanirira no guhangana n'abashaka kugisebya bagamije kugisenya. Gukunda igihugu ni ukukivuganira, kukivugira no guharanira ibyiza by'abenegihugu. Gukunda igihugu rero ni inzira

ibonye n'umusingi wo kugera ku iterambere.

Iyo abenegihugu bafite indangagaciro yo gukunda igihugu, bitangira igihugu cyabo bigatuma bemera no kukimenera amaraso igihe cyose bibaye ngombwa. Mu mateka y'u Rwanda kuva rwahangwa kugeza ubu, hagiye haboneka intwari zitangira Igihugu. Iyi ndangagaciro igaragariraga mu bitero bitandukanye byo kwagura u Rwanda byagabwaga mu gihe cy'abami aho buri Munyarwanda wese kuva ku bakomeye kugera kuri rubanda rucirirtse yagiraga uruhare muri ibyo bitero.

Muri iki gihe naho Leta y'Ubumwe bw'Anyarwanda yimakaje kandi ishishikariza Abanyarwanda bose, abakuru n'abatoya umuco wo gukunda igihugu. Abanyarwanda nibakunda Igihugu cyabo bazitanga batizigamye, bakore baharanira ineza ya bose n'umutuzo rusange, baharanire icyagirira buri wese akamaro, barengere ibyiza byagezweho, birinda kubisenya, baharanira ishema n'agaciro k'u Rwanda n'Abanyarwanda mu ruhando rw'andi mahanga maze Igihugu kigere ku iterambere rirambye.

b) **Ubumwe**

MINISPOC (2018) isobanura ubumwe nk'indangagaciro ikomeye, Abanyarwanda bagiye bashingiraho mu kwiyubaka ubwabo no gukomeza Igihugu cyabo. Kandi ni mu gihe Abanyarwanda bagira bati: "Ababiri bajya inama baruta umunani urasana". Kandi burya ngo: "Abagiye inama Imana irabasanga."

Indangagaciro y'ubumwe igaragaza ko Abanyarwanda bemera ko basangiye ubwenegihugu, umuco n'uburenganzira bungana, barangwa n'ubwizerane, ubworoherane, ubwubahane, uburinganire, ukuri no komorana ibikomere kugira ngo bashobore kwiteza imbere mu mahôro asesuye (NURC.,2007, p.6).

Uhereye mu muryango ukageraku rwego rw'Igihugu, ubumwe ni inkingi ikomeye y'iterambere. Iyo abantu bajya inama, bagakorera hamwe igenamigambi, bakumvikana ku kinogeye, kiboneye cyakorwa, abantu bakunganirana, ibibazo n'imbogamizi bibonetse bikaganirwaho, buri wese akuzuza inshingano ze, byanze bikunze umuryango cyangwa igihugu byagera ku iterambere ryihuse kandi rirambye.

Iyi ndangagaciro y'ubumwe rero n'ingenzi cyane. Mu gihe yakwimakazwa mu mibereho y'Abanyarwanda, igatozwa abenegihugu bakiri bato, buri wese akumva ko atagomba kuba nyamwigendaho, ahubwo ko agomba gushyira hamwe n'abandi, bakirinda gusobanya, ahubwo bagatahiriza umugozi umwe u Rwanda rwagera ku iterambere ryihuse kandi rirambye.

c) **Umurimo**

Umurimo ni ibikorwa umuntu akora mu buzima bwa buri munsi kugira ngo abone ibimutunga n'ibimutungira umuryango kandi ateganyirize n'ahazaza agamije kwiteza imbere. Hari imvugo yihanangiriza abanebwe igira iti: "Udakora ntakarye". Abanyarwanda na bo baca umugani bati: "Isazi y'ubute, ntirya igisebe." Izi mvugo kimwe n'izindi zerekeranye n'umurimo, zigaragaza ko abantu bagomba gushyira imbere umurimo kugira ngo ubatunge kandi uteze imbere igihugu muri rusange.

Gukora ni inshingano ya buri wese mu muryango w'abantu kuko ari ingirakamaro. Umurimo utunga kandi ugakiza uwukora, ukamuhesha agaciro mu bandi, umurinda kubategera amaboko no kuba indiririzi muri sosiyete. Umurimo wungura ubwenge uwukora iyo ahora aharanira kuwukora neza kurushaho. Umurimo ukozwe neza uhesha ishema uwawukoze, ukamushimisha kandi ukamutera kwigirira ikizere, agashyikira intego yo kwigira aho gutegereza ak'imuhana (MINISPOC, 2018).

Abanyarwanda bagomba gushishikarizwa no gutozwa umurimo bakiri bato, bakumvako nta murimo usuzuguritse, ko ik'ingenzi ari uko utunga nyirawo ndetse ukamutungira n'abe. Igihe abantu bose bazaba bakuye amaboko mu mifuka bagakora, bizabahesha agaciro mu bandi, baveho bahashye ubukene, babeho bigize aho guhora bategereje ak'imuhana cyangwa bararikiye iby'abandi. Bityo rero iyi ndangagaciro yo gukunda no kwitabira umurimo, igeza ku iterambere ry'umuntu ku giti ke, iry'umuryango ndetse ikanageza ku iterambere rusange ry'Igihugu.

**d) Ubupfura**

Ubupfura ni inkingi ikomeye mu muco w'u Rwanda. Ni ipfundo rikubiyemo imyitwarire myiza nk'ubunyangamugayo, ubudahemuka, kwiyubaha no kubaha abandi, kwicisha bugufi, kuba umwizerwa n'umunyakuri nk'uko bisobanurwa na MINISPOC (2018). Iyi myitwarire n'imigenzo myiza ni inkingi ikomeye cyane y'iterambere rirambye.

- **Ubunyangamugayo** ni indangagaciro y'ubupfura ya ngombwa cyane mu mu muryango. Kwanga kugawa bituma buri gihe umuntu aharanira gukora neza, agatunganya ibyo ashinzwe, akihesha agaciro, akitwararika, yirinda ikintu cyose cyamuhindanyiriza isura. Inyangamugayo rero iharanira gukora neza no kubana neza n'abandi bigatuma umuntu agirirwa ikizere, haba mu guhagararira abandi no kubacungira ibyabo. Iyi ndangagaciro y'ubunyangamugayo ni ingenzi cyane muri sosiyeti kuko ifasha abantu kudaharanira inyungu zabo bwite, buri wese akirinda gukurura yishyira ahubwo agashyira imbere inyungu rusange. Indangagaciro y'ubunyangamugayo iramutse yimakajwe mu muryango nyarwanda, yafasha mu gucunga neza ibya rubanda, mu guharanira ibyagirira bose akamaro, mu kugirirwa ikizere mu ruhando mpuzamahanga byo nkingi y'terambere rirambye.

- **Ubudahemuka** na bwo ni indangagaciro y'ubupfura bukaba inkingi ikomeye mu mibanire ndetse no mu rugendo rw' iterambere kuko umuntu akenera abandi kugira ngo agere ku iterambere. Iyi ndangagaciro na yo izamura ikizere abantu bagirira abandi. Iyi ndangagaciro igomba gutozwa Abanyarwanda ihereye mu muryango, abantu bakirinda guhemukira abandi, ari abashakanye, ari abavandimwe, abaturanyi, abakorana n'abandi buri wese agaharanira kubana n'abandi mu mahoro, ntabe intandaro y'inzangano n'amacakubiri, ahubwo buri wese agahanira kugirirwa ikizere na bagenzi be bityo urukundo n'ubufatanye bikiyonera. Kwimakaza iyi ndangagaciro, ni igishoro kidahomba mu rugendo rw'iterambere rirambye ry'umuryango n'iry'Igihugu.

- **Kwiyubaha no kubaha abandi** bisaba umuntu gukomera ku gaciro ke haba mu

mvugo no mu ngiro yubahiriza izina n'icyubahiro akwiye. Kwiyubaha kandi bisaba umuntu kubaha umubiri we, akawurinda ibiwangiza n'ibiwandagaza (MINISPOC, 2018). Umuntu wimakaje iyi ndangagaciro yo kwiyubaha, ntashobora gukora ibyo abonye byose cyangwa ngo abirire aho abonye hose. Umuntu wiyubashye agomba kugira ikinyabupfura mu byo akora ndetse n'ibyo avuga. Kandi ibyo avuga bigahura n'ibikorwa bye. Umuntu wiyubashye yirinda kujya mu ngeso mbi no kuzishoramo abandi. Iyi ndangagaciro kandi ishishikariza abantu kugira isuku y'umubiri, y'imyambaro n'iy'aho batuye, ndetse bagaharanira gukoresha ibintu byujuje ubuziranenge. Mu rugendo rw'iterambere rirambye rero, iyi ndangagaciro ituma abantu babaho ubuzima buzira umuze kandi bagaharanira ko n'abandi babubamo birinda ikintu cyose gishobora gutesha agaciro ikiremwa muntu. Uyu mugenzo mwiza ni ingirakamaro mu kwiteza imbere no kwihesha agaciro.

- **Kwicisha bugufi** ni indangagaciro ifasha abantu kubana neza n'abandi aho kwishyira hejuru no kwikuza. Umuntu wicisha bugufi abasha gushyikirana n'abandi mu buryo bworoshye, akakira bose kandi akegera bose. Mu rugendo rw'iterambere rero, iyi ndangagaciro ni ingenzi kuko ari igishoro gikomeye, gifasha umuntu kubona abafatanyabikorwa, bagakorana mu bwisanzure no kutishishanya, buri wese akumva ko akeneye abandi kugira ngo abashe kugira icyo ageraho. Kwimakaza iyi ndangagaciro ni ingenzi cyane kuko ifasha abantu gusabana, kwegerana, gusangira no gufatana urunana mu bikorwa by'iterambere.

- **Kuba umwizerwa n'umunyakuri** ni indagagaciro y'igenzi kuko abantu barangwa na yo bafite amahirwe akomeye yo guhabwa inshingano zikomeye mu bandi. Usanga ari bo bahagararira abandi kuko batunganya neza imirimo yabo kandi buri wese yumva abizeye kuko baba badashobora kurenganya no guhemuka. Abantu benshi muri sosiyeti bafite iyi ndangagaciro rero byababafasha kugera ku iterambere ryihuse kandi rirambye.

### 1.1.2 Indangagaciro nyarwanda mu rugendo rw'iterambere

Indangagaciro zifite uruhare rukomeye mu mibereho n'imibanire y'abantu bagize umuryango uyu n'uyu, amatsinda runaka cyangwa se abaturage b'igihugu runaka.

L.G. Horlings (2015) ahamya ko gushingira ku ndangagaciro z'abantu no kuziha umwanya, bishobora kuzamura ubushobozi bwo guhanga udushya mu iterambere rirambye kandi rishingiye ku mwihariko w'akarere cyangwa igihugu batuyemo. Uburyo bwo gushingira iterambere ku ndangagaciro, bumenyekanisha mu buryo bwimbitse kandi bugaragara icyo abaturage bishimira, bashishikariye kandi biteguye gukora bashingiye ku mwihariko w'aho batuye. (Appleton, 2014, p. 18) atanga inama ko ari byiza gutangiza umushinga uzaramba hashingiwe ku ndangagaciro z'abagenerwabikorwa ndetse n'iz'abazagira uruhare muri uwo mushinga.

Indangagagaciro z'umuco nyarwanda rero ni ingenzi kugira ngo Abanyarwanda babashe kugera ku ntambwe ifatika y'iterambere. Ni byiza ko umwihariko w'u Rwanda ndetse n'ubudasa byarwo byashingirwaho iterambere rirambye kandi ryihuse.

Nyuma ya Jenoside Yakorewe Abatutsi mu 1994, indangagaciro y'ubumwe yari ikenewe cyane mu Rwanda kugira ngo umuryango nyarwanda wari umaze gusenyuka no gucikamo ibice wongere ubane neza. Abanyarwanda banshi bari bishwe muri Jenoside, abandi bava mu byabo, abandi bahungira mu bihugu bitandukanye ndetse abari bararuhejwemo baratahuka. Kongera kubanisha abacitse ku icumu rya Jenoside Yakorewe Abatutsi mu Rwanda n'ababiciye, abari barahejwe mu Gihugu n'ababaheje ndetse no gucyura abari barahungiye mu bihugu bitandukanye bakongera kubana neza n'abari barasigaye mu Gihugu byasabaga ko indangagaciro y'ubumwe ishyirwa imbere kugirango izo mpande zose zishobore kwiyunga. Iyi ndangagaciro y'ubumwe yafashije abanyarwanda kugera ku iterambere ryihuhuse kandi ryatangaje amahanga. Ubu budasa bw'Abanyarwanda rero ni urugero rukomeye rugaragaza uruhare rw'indangagaciro mu iterambere. Indangagaciro y'ubumwe ifasha buri wese

kumva ko umusonga w'undi wamubuza gusinzira maze agashimishwa no kugira uruhare mu gukemura ibibazo by'umuturanyi.

Indi ndangagaciri y'ibanze nk'uko igaragara mu kirangantego cya Repubulika y'u Rwanda ni umurimo. Iyi ndangagaciro na yo yabaye ingenzi mu iterambere ry'Abanyarwanda kuko iyi ndangagaciro ituma Abanyarwanda bitabira umurimo maze ubukungu bukazahuka, bugatera imbere. Abanyarwanda bashishikarijwe kwitabira no kwihangira imirimo bituma buri mwaka ubukungu bw'Igihugu buzamuka ku kigero kitari cyarigeze kibaho. Umurimo rero ni inkingi ya mwamba mu rugamba rw'iterambere. Kurira ngo iyi ndangagaciro igere ku nyungu zifatika, Inteko y'Ururimi n'umuco yagaragaje ko ari byiza ko buri wese agira umurava, agakorera ku ntego, kuri gahunda no ku gihe, agakora umurimo unoze, agakorana n'abandi, akavugurura imikorere, kandi agacunga neza umutungo yirinda gusesagura. Nta kabuza ko uwashingira kuri iyi ndagagaciro atatinda kugera ku iterambere rirambye.

**1.2 Kirazira**

Joseph Osei asobanura kirazira nk'ibintu byose bibujijwe n'umuryango kandi bishyizweho n'abayobozi b'umuryango mugari, bashingiye ku gihe runaka, ahantu, imirimo, ibikorwa runaka, abantu n'ibindi bintu bigize sosiyete.

MINISPOC (2018) isobanura ko Kirazira ari indindagaciro zikumira ingeso mbi n'imyitwarire igayitse kugira ngo bidahungabanya imibanire myiza, bigateza igisebo, umugayo ndetse n'akaga mu muryango n'igihugu. Kirazira kandi ni nk'umupaka w'aho umuntu atagomba kurenga kugira ngo abe atatandukira ngo asenye abandi cyangwa se ibyagezweho.

Umuryango runaka, amatsinda runaka cyangwa igihugu runaka biba bifite kirazira zikumira kandi zibuza abantu gukora ibiteye isoni cyangwa ibishobora kugawa mu muryango. Za kirazira kandi zituma abantu bigengesera kugira ngo bagume mu murongo cyangwa se bakomeze gukora ibyiza bifite agaciro kandi bifitiye n'abandi akamaro.

**Uruhare rwa kirazira nyarwanda mu rugendo rw'iterambere**

Minisiteri y'Umuco na Siporo (2018) igaragaza za kirazira zishamikiye kuri zimwe mu ndangagaciro nyarwanda. Izo kirazira ni izituma Umunyarwanda akomeza gusigasira indangagaciro no gukora ibikwiye. Gutatira Igihugu, kuyobora nabi, kuba ikigwari, kugenzwa n'inyungu bwite, inda nini, umururumba no gusambira ibyaduka ni kirazira zigamije gukangurira abaturage ndetse n'abayobozi kwita ku byiza bakwiriye gukora nk'abantu bakunda Igihugu. Muri iki gice haritabwa ku kugaragaza uruhare rwa zimwe muri kirazira nyarwanda mu iterambere rirambye.

Umunyarwanda uharanira iterambere rye, iry'umuryango we cyangwa iry'Igihugu muri rusange, ntashobora kugitatira ngo akigambanire. Abayobozi na bo babuzwa kuyobora nabi bigengesera, bigatuma abaturage badahungabana ngo babuzwe amahwemo. Nta kabuza rero ko iyi kirazira igira uruhare rukomeye mu iterambere. Iyo abaturage bayobowe neza, bamenya amategeko abagenga kandi na bo bakayubahiriza. Kirazira ibuza abantu kuba ibigwari ni kirazira ituma buri muntu aharanira gukora ibikorwa by'ubutwari bigatuma habaho iterambere ryihuse mu gihe buri wese yabigira ibye. Kutagenzwa n'inyungu bwite, kutikubira no kudasakuma iby'abandi birinda inda nini n'umururumba, bigatuma umuntu yita ku mutungo ashinzwe kandi akirinda kuwunyereza no kuwukoresha nabi. Aha ni ho abantu bahera bamagana ruswa kuko imunga ubukungu bw'Igihugu muri rusange. Mu gihe buri wese yakira kandi akishimira ibimugenewe, bitiza umurindi iterambere rikagenda rizamuka uko bwije n'uko bukeye.

Kirazira kugira ivangura no kubiba amacakubiri, gusuzugura, kwishishanya, kwironda, gutonesha, gukorera mu dutsiko, kubogama, kurangwa n'ihohotera, gutsimbarara ku kibi. Izi kirazira zikurikira zishimangira indangagaciro y'ubumwe**.**

Hashingiwe ku mateka u Rwanda rwanyuzemo, hari ibizira Abanyarwanda bose birinda kugira ngo imibanire yabo irusheho kuba myiza, ireshyeshye abantu kandi ishyigikirwe na buri wese. Mu gihe rero buri muntu wese yakwibonamo

mugenzi we, nta rwikekwe, nta tonesha, nta kimenyane cyangwa akandi karengane ako ari ko kose, nta kabuza iterambere ririhuta kandi bigatanga ikizere ko rizaramba.
Kirazira guhemuka, kwiyandarika, kubeshya, kwikuza, kwirata, kugira umururumba n'ubusambo ndetse no kugira ishyari. Izi kirazira zishamikiye ku bupfura, zigamije kwerekana umupaka w'ibyo Abanyarwanda batemerewe gukora kugira go bagume mu murongo wo gukora neza no kuba imfura nyazo koko. Kugira ngo umuntu abe imfura, bisaba ko yirinda gukora ibibujijwe, akitwararika, bigatuma akomeza gukora no gukorana n'abandi mu bwisanzure, agatanga ibitekerezo byubaka kandi akizerwa, bikamufasha gufatanya n'abandi mu bikorwa bizamura ubukungu bwe ku giti ke, ubw'umuryango we ndetse n'ubw'Igihugu muri rusange.

Hari kandi kirazira zishamikiye ku ndangagaciro y'umurimo nk'uko zagaragajwe na MINISPOC (2018). Izo kirazira zigamije kuyobora Abanyarwanda muri iyo nzira yo gukora imirimo ibyara inyungu. Kugira ngo umurimo ukorwe neza kandi ubyare inyungu, hari ibyo umuntu yirinda kugira ngo atisanga mu gihombo. Kirazira kunebwa, gusuzugura umurimo, kutigirira ikizere, kwiyemera, kutagira gahunda no gusesagura. Mu gihe rero umuntu yirinze ubunebwe, agakora cyane, akigirira ikizere, agaca bugufi kugira ngo amenye ibyo atazi, akagira gahunda y'ibikorwa bya buri munsi ku gihe cyagenwe kandi akirinda gusesagura ahubwo akihatira kwizigamira; nta kabuza azagera ku iterambere bitamugoye.

Muri make rero, kirazira ni ingenzi mu iterambere ry'Abanyarwanda kuko zibafasha kumenya umurongo ntarengwa, bakamenya ibyo birinda n'ibyo bitwararika. Gukora imirimo inyuranye ni ingenzi ariko kandi buri wese akwiye kumenya kirazira kugira ngo atisanga mu bikorwa bihabanye n'ikiza yifuza kugeraho. Iyo bitabaye ibyo, usanga umuntu ameze nk'uwubaka ku musenyi, bityo ibyo akora ntibigire ireme cyangwa ngo bigire icyo byamarira abandi cyangwa se bigasenyuka bidateye kabiri. Kirazira rero zo mu muco Nyarwanda ni inkingi ntayegayezwa y'iterambere rirambye ry'Abanyarwanda.

## II. Ubuvuzi gakondo nyarwanda mu iterambere rirambye

### 2.1 Ubuvuzi gakondo

Ubuvuzi gakondo ni ubwiharimwe cyangwa bukoreshwa n’abenegihugu aba n’aba cyangwa abagize sosiyeti iyi n’iyi, butari ubwo bahashye mu bindi bihugu cyangwa mu yandi masosiyeti. Ikiremwa muntu aho kiri hose gikenera ubuzima buzira umuze nyamara kubera ibibazo bitandukanye nk’ihumana ry’ikirere, ndetse n’ihindagurika ry’ibihe, isuku idahagije, udukoko dutandukanye n’ibindi bituma ubuzima bwa muntu butagenda neza. Kugira ngo ubuzima bwa muntu buhangane n’ibyo bizazane, bukomeze kubaho busagambye, ubushakashatsi mu mico itandukanye bwagiye buvumbura imiti itandukanye yo guhashya indwara n’’ibyorezo.

Ikoreshwa ry’imiti si irya none ahubwo ni irya kera na kare. Ni igikorwa kimaze igihe kinini kandi cyagiye cyagukamu iyogabihe kandi kijyana n’iterambere. Imiti ifite ubushobozi bwo gukiza ibyorezo n’indwara kandi igatuma ubuzima bwongera kumera neza. Inyigo n’ubusesenguzi byakozwe bigaragaza ko ubuvuzi bwakomeje gutera imbere uko hagendaga haduka indwara zidasanzwe. Ni yo mpamvu kandi buzakomeza gutera imbere hashakishwa imiti y’ibyorezo biriho bitarabonerwa imiti ndetse n’ibyorezo bishya bizajya byaduka. B. More, (2016).

Uko iminsi yagiye ihita ibihugu bikomeye byagiye byigarurira ibindi, abaturage baho bagatozwa imico n’imikorere ya ba gashakabuhake bityo ubushakashatsi n’imikorere gakondo bikagenda bikendera. Ibi byagize ingaruka zikomeye mu rwego rw’ubuvuzi gakondo mu bihugu byinshi by’isi byatsikamiwe kandi bigakoronizwa n’andi mahanga yatesheje agaciro imikorere gando yabyo.
Umushakashatsi w’Umunyarwanda mu buvuzi gakondo, Rutangarwamaboko, avuga ko umuco ari wo shingiro ry’ubuzima, akanerekana ibyo Abanyarwanda bo hambere bakoreshaga kugira ngo bakire indwara zabaga zibugarije. Agira ati: “Kwiyuka imiti itandukanye, kwiyokesha (kuvurisha ububabare ububurusha ubukana maze akaruta akandi kakakamira kadi ubwirinzi bw’umubiri bukarushaho kwiyongera), kurasaga no kurumika (ubu ntibigikunze gukorwa ku

bw'indwara zandura ariko byababaga ari uburyo bwo gusohora mu mubiri amaraso ashaje umubiri ugakora amashya ashoboye), kujya mu masumo ku barwaye rubagimpande, imitsi n'ibindi, kwiyungisha ku bavunitse, kujya mu mashyuza, kubaza no kugangahuza igihe ibyateye ari ibinyamwuka n'ibindi ni bumwe mu buryo bakoreshaga."

Uyu muvuzi yemeza ko hari ibyatsi binyuranye bikoreshwa  mu buvuzi gakondo nyarwanda. Nyamara ariko bisaba ubuhanga kuko atari ukubikoresha uko umuntu abonye kuko hari ibivangwa bitewe n'ikibazo umuntu afite. Aha ni ho Abanyarwanda bagira bati: "Utazi nyakatsi arayinera." Bashakaga kuvuga ko ibyatsi byinshi bifite umumaro atari byiza kubyangiza.

**2.2 Uko ubuvuzi gakondo nyarwanda bwazamura iterambere ry'Igihugu**

Ubuvuzi gakondo nyarwanda bukorwa n'umubare utari munini w'Abanyarwanda kuko usanga abantu bashishikarizwa kwitabira ubuvuzi bugezweho, bigatuma n'ababwitabira na bo baba ari bake. Bidashatse kuvuga ko abavuzi gakondo batavura, ahubwo ari ukubera ko badafite ikoranabuhanga riteye imbere kugira ngo babashe gusuzuma neza indwara mbere yo kuyivura kandi badashobora kumenya ingano y'umuti baha umuntu, no kutamenya imiti umuntu aba atagomba gufata bitewe n'imiterere cyangwa imimerere y'umubiri we.

Igikenewe rero si ugupfukirana ubwo buhanga abantu bamwe na bamwe bafite, ahubwo ni ugushakisha uburyo ubu buvuzi bwanozwa, bugahuzwa n'igihe. Hakifashishwa n'ikoranabuhanga rigezweho maze abo bantu bagashyigikirwa, ubumenyi n'ubushobozi byabo bigatezwa imbere.

Abavuzi gakondo akenshi usanga ari bakeya kandi badakorera kumugaragaro. Ikiza ni uko habaho uburyo buzwi bwo kuvura hakoreshejwe imiti gakondo, abavuzi bakajya ahagaragara ku buryo kubasanga byaba bidateye ipfunwe.

Mu rwego rw'umurage, birakwiye ko ububwo bumenyi n'ubushobozi byo gukoresha imiti gakondo, bitozwa n'abakiri bato, bikandikwa kandi bikigishwa, ubushakashatsi ku buvuzi gakondo bugakomeza kugira ngo bugezwe ku rwego

rushimishije. Ibi byatuma ubu buvuzi bushinga imizi kandi ntibuzimire ahubwo bugakoreshwa imbangikane n'ubuvuzi bwa kizungu maze bikaba magirirane cyane ko bigaragara ko hari indwara ubuvuzi bwa kizungu butavura nyamara ubuvuzi gakondo bukazivura.

Mu gihe ubu buvuzi gakondo nyarwanda bwanozwa kandi bugatezwa imbere, byagira akamaro kanini ku buzima bw'Abanyarwanda kandi bikagabanya ingano y'imiti itumizwa mu mahanga ndetse nta gushidikanya n'abanyamahanga baza kwivuriza iwacu maze bagasiga amadovize. Muri make rero ubuvuzi bushingiye ku muco, bwazamura ubukungu bw'ababukora, imisoro ikaboneka maze abaturage ndetse n'Igihugu muri rusange bagatera imbere kandi ku buryo buhoraho.

## III. Ubuhanzi n'ubugeni nyarwanda mu iterambere rirambye

### 3.1 Ubuhanzi

S. Surbhi (2020) asobanura ubuhanzi nk'ijambo rigaragaza ibyo umuntu yibaza, ibyiyumvo n'ibitekerezo bye, cyangwa agashya ako ari ko kose yerekana mu buryo bugaragara kandi bufite akarango k'ubwiza ndetse bigakora ku mbamutima z'abandi.

Mu buhanzi habonekamo: gusiga irangi, gukora imitako ibaje mu mbaho, ibihangano by'ubugeni bikozwe mu ibumba, imitako ibishye, gushushanya, gufotora, ubwubatsi n'ibindi. Ubuhanzi ni umurimo ufunguye kandi wagutse ku buryo utagira umupaka, nta miterere rusange bugira kandi ntibushobora kwiganwa cyangwa kwibwa kuko buri muhanzi agira umwihariko we.

### 3.2 Ubugeni

Ijambo ubugeni risobanura igikorwa gikomatanya ubukesha ndetse n'ubunararibonye mu gukora cyangwa kurema ibikoresho bigaragara kandi bifite intego yihariye. Ubugeni kandi busobanurwa nk'umusaruro w'ibikoresho byakozwe ngo bigirire abantu umumaro. Intego y'ibyo bikoresho ishobora kuba gutegura, kurimbisha, kugira umumaro wihariye cyangwa bikagira iyo mimaro

yombi bitewe n'ikigamijwe (S. Surbhi 2020).

Ubuhanzi n'ubugeni bujyana n'imiterere, igihe ndetse n'ahantu runaka sosiyete iherereyemo. Ubugeni burahangwa kandi bukakirwa na sosiyete runaka. Ibikorwa bijyanye no gusiga amarangi, gutunganya imitako ikozwe mu mbaho, ububumbyi, umuziki, ikinamico n'ubusizi byose ni igice cy'ubugeni ariko mu buryo bwagutse.

Ubuhanzi rero bufite umwanya ukomeye mu murage ndangamuco w'abantu kandi uko aba bantu na bo bagenda bagorwa n'ihinduka, imibanire, ubukungu, ikoranabuhanga, ibidukikije ndetse na poritiki, ni byo bituma ubuhanzi bugenda butera imbere ari na byo bituma habaho kwimakaza uyu murage ndangamuco ndetse n'iterambere ry'ubukungu bw'umuryango mugari w'abantu. R. Chakrabarti (2020).

Muri Afurika y'epfo, mu mwaka wa 2021 habaye iserukiramuco maze, S.Kathleen avuga ko ibikorwa ndangamuco bishobora kugira uruhare mu iterambere ry'akarere mu buryo bwinshi butandukanye, nko mu bukungu (gukurura ba mukerarugendo, kwamamaza akerere ndetse n'uduce tuhakikije, bishishikaza imishinga ibyara inyungu mu karere), mu mibanire ndetse no busabane bw'imico itandukanye.

**3.3 Ubugeni n'ubuhanzi nyarwanda mu iterambere rirambye**

Mu mwaka wa 2021, mu isomero rikuru rya Kigali habaye ibikorwa by'iserukiramuco ryamuritswemo ibihangano by'ubugeni. Iri iserukiramuco ryiswe "Imfura Heritage Festival", rigamije kwimakaza amahoro mu bantu, haherewe ku bibazo byugarije urubyiruko. Iri serukiramuco ryamuritswemo ibihangano by'ubugeni, ibitabo, indirimbo, imivugo n'ibindi bigamije kwimakaza amahoro. Ibyinshi muri ibyo bihangano byakozwe n'urubyiruko, bikaba birimo inyigisho n'ubutumwa buvuga ubumwe n'ubwiyunge, amahoro, ubuzima bwo mu mutwe n'ibindi.

Ubugeni n'ubuhanzi rero ni inzira nziza yo komora ibikomere hagamijwe

amahoro arambye, bikaba isoko yo gufasha gukemura ibibazo byugarije umuryango, bityo bigafasha mu rugamba rwo kwiteza imbere. Abanyarwanda bafite ibihangano byinshi by'ubugeni bibereye ijisho byashyirwa ku isoko ryaba iry'imbere mu Gihugu n'iryo hanze yacyo, bikinjiza amafaranga atubutse. Hari kandi byinshi Abanyarwanda batozwa gukora mu ibumba, mu bibohesho bitandukanye ndetse n'ibyabazwa mu biti bakabafasha kwihangira imirimo no kubona ibyo baserukana mu ruhando mpuzamahanga. Biragaragara rero ko ubugeni n'ubuhanzi bishyizwemo imbaraga, bigashorwamo imari byafasha kugera ku iterambere ryihuse.

**IV. Uruhare rw'Ikinyarwanda mu iterambere ry'Abanyarwanda**

**4.1 Ururimi**

Mukama & Nkusi (2019) bemeza ko ururimi ari umuyoboro unyuramo amasomo atoza abana umuco. Ururimi ntirushobora gutandukana n'umuco. Indirimbo Yubahiriza Igihugu cy'u Rwanda na yo igira iti: "Ururimi rwacu rukaduhuza".
C. Niyomugabo (2016) avuga ko ururimi ari igikoresho nyamuryango cy'ubwumvane gishingiye ku gukoresha ubushobozi kamere abantu bifitemo bwo kumvikana bakoresheje amajwi yatuye, abantu bagize umuryango nyarurimi umwe baba baremeranyijeho. Ku rwego rw'abantu hagati yabo, ururimi rubafasha gushyikirana, kugezanyaho amakuru, kuranga ibibakikije, gushyira ku murongo ibitekerezo, kubigaragaza, kugaragaza imbamutima n'ibindi.

C. Tabaro (2018) avuga ko Abanyarwanda barenga 99% bavuga Ikinyarwanda. Niba Abanyarwanda hafi ijana ku ijana, bavuga kandi bakumvikana ni akarango gakomeye ko kumvikana no muri gahunda z'iterambere.

Ikinyarwanda cyaba inkingi ikomeye cyane y'iterambere. Uretse kuba Abanyarwanda bafite amahirwe yo kumvikana mu itumanaho ku buryo batasobanya muri gahunda zateguwe, Ikinyarwanda cyabyazwa umusaruro ku buryo butandukanye. Cyakwinjizwa muri gahunda z'ikoranabunga

Abanyarwanda bose bakabasha gukoresha ikoranabunga mu iterambere riri mu rurimi bumva. Abanyarwanda babashije kwijiza Inkinyarwanda muri porogaramu za terefoni na mudasobwa, muri serivisi zinyuranye zitangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga, mu bumenyi butandukanye bugerwaho hifashishijwe imbuga nkoranyambaga, byafasha Abanyarwanda kugera ku bumenyi n'ubushakashatsi buhambaye kandi mu Kinyarwanda nk'ururimi bumva, bavuga kandi basobanukiwe neza.

**4.2. Uko Ikinyarwanda cyafasha Abanyarwanda mu iterambere**

Ururimi nk'igikoresho cy'ubwumvane n'ihanamakuru ni igikoresho gikomeye cyane mu iteranbere. Kuba Abanyarwanda hafi ya bose bavuga kandi bakumva Ikinyarwanda ni ikintu gikomeye cyane cyafasha kandi kihutisha iterambere ryabo. Iyo abantu bavuga bakumvikana, ihanamakuru ririhuta, hakabaho ubwumvane mu buryo butagoranye bityo gahunda zateguwe, zumvikanyweho, zigasakara ku buryo bwihuse kandi ishyirwa mu bikorwa ryazo ntirigorane kuko buri wese aba asobanukiwe n'icyo agomba gukora.

By'umwihariko mu Rwanda muri iki gihe k'ikoranabuhanga, Ikinyarwanda kiramutse kinjijwe mu ndimi zitegurwamo porogaramu z'ikoranabunga rya mudasobwa na terefoni byafasha cyane Abanyarwanda kubyaza umusaruro ikoranabunga ryabagejejweho, bikabateza imbere mu kanya nk'ako guhumbya.

**Umwanzuro**

Nk'uko byavuzwe kuva mu ntangiriro, umuco w'umuryango w'abantu ni ingirakamaro mu iterambere rya ba nyirawo. Indangagaciro, kirazira, ururimi, ubuvuzi ndetse n'ubundi buhanga gakondo abenegihugu runaka, abagize umuryango, cyangwa sosite runaka bifitemo ni ishingiro ry'iterambere rirambye kandi ryihuse. By'umwihariko iterambere rishingiye ku muco nyarwanda ryakwibanda ku ndangagaciro yo gukunda Igihugu, ubumwe, gukunda umurimo, ubupfura ndatse no kuri kirazira zizishingiyeho. Iterambere ry'Abanyarwanda kandi rishobora no gushingira ku kubyaza umusaruro

ubuvuzi gakondo, ubugeni n'ubuhanzi by'Abanyarwanda ndetse no kubyaza umusaruro amahirwe akomeye abanyarwanda bafite yo kuvuga ururimi rumwe, rukaba rwakwinjizwa muri gahunda zitandukanye z'ubumenyi n'ikoranabunga, bityo zigasakara kuri bose.

**Indangasoko**:


- Minisiteri y'Umuco na Siporo (2018), *Indangagaciro z'umuco nyarwanda:* Igitabo nyobozi, Kigali.
- Evode Mukama & Laurent Nkusi (2019), *Ubushakashatsi mu Bumenyi Nyamuntu n'Imibanire y'Abantu,* African Minds
- Indirimbo yubahiriza igihugu cy'u Rwanda: *Rwanda nziza.*
- L.G. Horlings (2015) *Values in place; A value-oriented approach toward sustainable place-shaping, Regional Studies, Regional Science, 2:1, 257-274, DOI: 10.1080/21681376.2015.1014062*
- https://jsd-africa.com/Jsda/Fall2006/PDF/Arc_the%20Value%20of%20Arican%20Taboos.pdf
- B. More (2016) Overview of Medicine- Its Importance and Impact Article · DJ International Journal of Medical Research, Vol. 1(1) 2016, pp. 1-8.
- https://www.kigalitoday.com/ubuzima/ubuvuzi/article/ibi-bimera-bifite-ibanga-mu-buvuzi-gakondo
- http://ralc.gov.rw/fileadmin/user_upload/UBUGENI_MU_RWANDA.pdf
- https://igihe.com/umuco/ubugeni/article/ibihangano-by-ubugeni-byagaragajwe-nk-intwaro-mu-guhangana-n-ibibazo-byugarije
- R. Chakrabarti (2020). Why art Matters: Artistic Consumer-entrepreneurship in Subsistence marketplaces.The journal of consumer affairs.

**INTEKO Y'UMUCO**

**Rwanda, Intara y'Amajyepfo, SH1 RD2**

**Agasanduku k'Iposita: 630 – Butare**

**Inteko y'Umuco:**